

Ikinyarwanda – Amashuri yisumbuye

**Umwaka wa
Amashami atari ay'indimi**

6

Igitabo cy'umunyeshuri

© 2020 Urwego rw'Ighugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze Mu Rwanda (REB)
Iki gitabo ni umutungo wa Leta y'u Rwanda
Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Urwego
rw'Ighugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze Mu Rwanda (REB).

IJAMBO RY'IBANZE

Barimu, barezi,

Urwego rw'Ighugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze Mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu, umwaka wa kabiri, ikiciro rusange. Iki gitabo kizabafasha mu myigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri mu kunoza imyigishirize y'ibiteganijwe. Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo umunyeshuri agera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikiciro arimo. Ibyo bigamije gutegurira abanyeshuri gukoresha neza amahirwe y'akazi aboneka mu muryango nyarwanda.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zижyanye n'integanyanyigisho kugira ngo bifashe abanyeshuri mu myigire yabo. Hari impamvu nyinshi zituma abanyeshuri biga, ibyo bize bikabaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavuga ibyigwa biteguye neza, abarimu beza, uburyo bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho zateguve.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku myitozo ifasha abanyeshuri mu myigire yabo. Iyo myitozo bayubakiraho batanga ibitekerezo ndetse banivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa bari mu matsinda mato. Iyo myitozo ibafasha kandi kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri bo ubwabo ndetse no ku Gihugu muri rusange. Bafashijwe n'abrimu abanyeshuri bazunguka ubushobozi bushya bazifashisha mu buzima bwabo buri imbere.

Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiye ku bumwenyi gusa, aho umwarimu yafatwaga nk'uzi byose. Ikindi kandi, ubu buryo buzafasha abanyeshuri gukora ibikorwa bitandukanye, batekereza ku byo bakora kandi banakoresha ubumenyi basanganwe muri iyo myigire. Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira:

- Gutegura isomo n'imfashanyigisho ziboneye.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda mwita ku bushobozi bwa buri wese, ntumukore amatsinda y'abahanga gusa cyangwa ay'abadakurikira neza gusa.
- Guha abanyeshuri uruhare mu myigire yabo bajya impaka mu matsinda, bakorera imyitozo mu matsinda cyangwa buri wese ku giti ke kandi bakora ubushakashatsi.

- Gutegeurira abanyeshuri uburyo buzamura ubushobozi bwabo mukoresheje imyitozo ituma batekereza byimbitse, bakemura ibibazo, bakora ubushakashatsi, bahanga udusha kandi babasha gusabana, gukorera hamwe no kubana n'abandi.
- Gufasha no korosha uburyo bw' imyigire muha agaciro imyitozo abanyeshuri bakorera mu ishuri.
- Kuyobora abanyeshuri mu guhuza ibyo bakoze.
- Gushyigikira imyitozo yakorewe mu ishuri na buri munyeshuri ku gititse, mu matsinda mato ndetse no mu matsinda magari no gukoresha isuzuma rishingiye ku bushobozi hakoreshejwe uburyo buboneye bwo gusuzuma.

Mu kuborohereza kwigisha amasomo yanyu, ibigize iki gitabo cy'umwarimu birasobanuye kugira ngo mugikoresha ku buryo bworoshye. Iki gitabo kigizwe n'ibice bitatu:

Igice cya mbere: Gisobanura imiterere y'igitabo n'uburyo bukoreshwa mu kwigisha.

Igice cya kabiri: Kigizwe n'ingero z'imiteguro y'amasomo atandukanye.

Igice cya gatatu: Kerekana uko buri somo riri mu gitabo cy'umunyeshuri ryigishwa.

Nubwo iki gitabo cy'umwarimu gifite ibisubizo by'imyitozo yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri, ni ngombwa kubanza gusubiza buri kibazo na buri mwitoto mbere yo kumva no kugira icyo muvuga ku bisubizo by'abanyeshuri.

Twizeye ko iki gitabo kizagufasha kwigisha neza Ikinyarwanda, gukundisha abanyeshuri ururimi rw'Ikinyarwanda, umuco kibumbatiye, umuco wo gusoma no guhanga bigana ubuvanganzo bize, kugira ngo bakurane inyota yo kugira ubushobozi bwo gusabana n'abandi mu Kinyarwanda.




Dr. MBARUSHIMANA Nelson


Umuyobozi Mukuru w' Urwego rw'Ighugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze Mu Rwanda/REB

GUSHIMIRA

Ndashimira abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye bitanze kugira ngo iki gitabo gishobore gukosorwa.

Ndashimira kandi abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo gukosora iki gitabo.

Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanozwa muri iki gitabo twabwakira kugira ngo buzifashishwe mu ivugururwa ryacyo.



MURUNGI Joan

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/CTLRD



Ishakiro

Ijambo ry'ibanze	iii
Gushimira	V
Iriburiro.....	IX
Ibimenyetso nyobozi	XI
Umutwe wa 1: Umuco nyarwanda.....	1
Umwandiko: Ubukwe mu muco nyarwanda.....	1
Uturemajambo tw'inshinga	8
Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa mbere.....	16
Isuzuma risoza umutwe wa mbere	16
Umutwe wa 2: Uburinganire n'ubwuzuzanye	19
Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muco nyarwanda.....	19
Uturemajambo tw'inshinga twungirije	23
Impapuro zagenewe kuzuzwa.....	30
Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kabiri.....	37
Isuzuma risoza umutwe wa kabiri	37
Umutwe wa 3: Ubuzima	39
Umwandiko: Indwara z'ibyorezo	39
Imbwirwaruhame.....	43
Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatatu	45
Isuzuma risoza umutwe wa gatatu	46
Umutwe wa 4: Umuco w'amahoro	48
Umwandiko: Gukumira no kurwanya jenoside	48
Inyandiko z'ubutegetsi: Ibaruwa isaba akazi n'umwirondoro	52
Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kane	61
Isuzuma risoza umutwe wa kane	62

Umutwe wa 5: Iterambere	65
Umwandiko: Mahoro akungahara.....	65
Amatangazo n'ubutumire.....	70
Inshamake y'ibiyizwe mu mutwe wa gatanu	73
Isuzuma risoza umutwe wa gatanu.....	73
Umutwe wa 6: Ubukoroni	77
Abakoroni n'ingoma y'umwami Musinga.....	77
Inkuru y'ikinyamakuru: Gusesengura inkuru y'ikinyamakuru	81
Inshamake y'ibiyizwe mu mutwe wa gatandatu	83
Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu	84
Umutwe wa 7: Ibiyobyabwenge	89
Inkuru ishushanije: Ingaruka z'ibiyobyabwenge	89
Inkuru ishushanyije	100
Inshamake y'ibiyizwe mu mutwe wa karindwi	101
Isuzuma risoza umutwe wa karindwi	101
Imyandiko y'inyongera.....	105
Inyunguramagambo	120
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe.....	123
Imbuga nkoranyambaga.....	125

Iriburiro

Muri iki gihe mu Rwanda, uburyo bw'emyigire n'emyigishirize bushingiye ku munyeshuri. Iki ni kimwe mu bitabo bijyanye n'ubwo buryo, kigomba kwigishwa mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye atari ay'indimi. Cyanditswe ku buryo giha abanyeshuri ubushobozи bunyuranye bwatuma bitwara neza ku isoko ry'umurimo, kikanabategurira kandi gushobora gukurikira amashuri makuru no kwirwanaho mu buzima busanzwe.

Iki gitabo cyanditswe ku buryo kigufasha kugira n'ubundi bumenyi nsanganyamasomo mu nzego zinyuranye zizyanye n'ubuzima busanzwe bwa buri munsi mu Rwanda no ku isi yose muri rusange. Harimo imyitozo ituma ugira uruhare mu myigire yawe. Harimo ubumenyi fatizo bwatuma wiungura ubwenge mu bumenyi ngiro, ukikemurira ibibazo, ugasabana n'abandi, ugashobora gusobanura ibyo wiga no guhangya udushya, ushungura ibitekerezo, utamira bunguri gusa ibiri mu gitabo cyangwa ibyo ubwirwa n'umwarimu. Iki gitabo kizagufasha gukura mu bitekerezo no gushobora kwisobanura nk'umuntu wize koko.

Iki gitabo kandi kizagufasha cyane gukora imyitozo yawe bwite, gukorera mu matsinda no gukora ubushakashatsi bunyuranye. Bityo rero, urasabwa gukora imyitozo yose ikubiyemo kuko ari ingirakamaro cyane. Hari byinshi umunyeshuri yigira kuri bagenzi be mu ishuri. Ni yo mpamvu imyinshi mu myitozo ikubiyemo igusaba kujya impaka wungurana ibitekerezo na bagenzi bawe, ukorera mu matsinda manini cyangwa mato. Indi myitozo irimo izagusaba gukora ubushakashatsi mu nzu z'isomero, kuri interineti cyangwa wifashisha itangazamakuru rinyuranye.

Iki gitabo kizagufasha gushungura ibitekerezo wumvise cyangwa wasomeye uko bikwiye ugaragaza ko wasobanukiwe n'ubutumwa. Kuvuga udategwa, utanga ibitekerezo bigaragaza uko wumva ibantu kandi utanga ingingo zishyigikira cyangwa zivuguruza ibitekerezo by'abandi ku nsanganyamatsiko zinyuranye. Gusoma udategwa inyandiko zinyuranye, inkuru zishingiye ku biriho cyangwa ibihimbano, no kumva insanganyamatsiko z'ingenzi, ibitekerezo, ibyabaye, abavugwa mu nkuru n'uturango tw'ururimi rwakoreshejwe. Guhangya imyandiko irambuye ku nsanganyamatsiko zatoranyijwe ukurikiranya neza ibitekerezo no guhangya wigana. Kwandika ibitekerezo byawe ku buryo bufututse no guhitamo ibyo uvuga n'uburyo ubivugamo bitewe n'icyo ugamiye n'abo ubwira. Kuyobora no gutegura ibiganiro mpaka. Gusesengura imiterere y'ururimi no gukoresha uko bikwiye ubwoko bunyuranye bw'amagambo mu nteruro.

Iki gitabo k'Ikinyarwanda kigabanyijwemo imitwe irindwi ikubiyemo insanganyamatsiko zivuga umuco nyarwanda, uburinganire n'ubwuzuzanye, ubuzima, umuco w'amahoro, iterambere, ubukoroni n'ibiyobyabwenge. Izo nsanganyamatsiko zizagufasha kugira ubukesha ku ngingo zinyuranye ari zo: ubukwe mu muco nyarwanda, imisango y'ubukwe, uburinganire n'ubwuzuzanye mu muco nyarwanda,

ingaruka z'indwara z'ibyorezo n'ingamba zo kuzirinda, gukumira no kurwanya jenoside, amateka n'inkurikizi za jenoside n'ingamba zo kuyikumira, guhangamurimo kugamije kwigira, ingaruka z'ubukoroni n'ingingo y'ibiyobyabwenge.

Iyo myandiko kandi izagufasha no kwiga ubundi bumenyi bw'ururimi mu Kinyarwanda; uturemajambo tw'inshinga, impapuro zo kuzuza, imbwirwaruhame, inyandiko (ibaruwa isaba akazi n'umwirondoro urambuye, amatangazo, ubutumire, inkuru y'ikinyamakuru n'inkuru ishushanyije).

Hakubiyemo imyitotoz izagufasha gusesengura iyo myandiko no kwiyungura andi magambo ukora imyitotoz yo kuzuza amagambo mu nteruro, guhuza amagambo hakoreshejwe utwambi, gushaka amagambo mu binyatuzu... Harimo kandi imyitotoz izagufasha guhangamurimo inyuranye, kuvugira mu ruhame no gusesengura ikibonezamvugo gikubiyemo. Iyo myitotoz ikubiyemo iteye ku buryo iguha uruhare runini mu myigire yawe igitiza gukora ubushakashatsi bunyuranye nko gusoma ibitabo bitandukanye byagufasha gukora imyitotoz ikubiyemo, kubaza abantu bakuru muturanye kugira ngo baguhe ibitekerezo ku nsanganyamatsiko zikubiyemo zo kujujaho impaka na bagenzi bawe mwungurana ibitekerezo. Muri iyo myitotoz kandi, hari izagusaba gutekereza ku buryo bwimbitse, guhangamurimo inyuranye na bagenzi bawe mukorera hamwe, ndetse n'indi izagufasha gukomeza kwiyungura ubwenge n'igihe utari ku ishuri.

Iki gitabo kandi cyanditswe ku buryo kikorohera mu kugisoma hakoreshwa ibika, gukurikiranya ibyigwa neza hagaragazwa imitwe n'ibikubiye muri buri mutwe bihabwa nimero cyangwa bigaragazwa ku buryo bwihariye. Hari kandi ibimenyetso bikugaragariza imyitotoz inyuranye.

Mu mpera y'igitabo hari ibisobanuro by'amagambo akubiye mu myandiko atondetse yubahirije itonde ry'Ikinyarwanda, uhuye n'ijambo rikugoye mu kuribonera igisobanuro, wareba niba utarisangamo uramutse utarisanzembo ukifashisha inkoranyamagambo. Hari kandi n'imyandiko y'inyongera izagutoza kwisomera ndetse n'ibitabo n'imyandiko byifashishijwe byagufasha kurushaho kwiyungura ubumenyi.

Muri make, iki gitabo kizagufasha kumenya ubukungu bw'umuco nyarwanda binyuze mu buvanganzo ndetse no gusesengura imiterere y'Ikinyarwanda bityo ukarushaho kugikunda no kugikundisha abandi.

Ibimenyetso nyobozi


Ikimenyetso	Ibisobanuro
	Iki kimenyetso kikwerekwa umwitozo wo gukorera hamwe mu ishuri babiribabiri.
	Iki kimenyetso kikwerekwa umwitozo wo gukora wowe ubwawe ku gitu cyawe.
	Iki kimenyetso kikwerekwa umwitozo wo gukorera hamwe mu ishuri ryose mwungurana ibitekerezo cyangwa mujya impaka.
	Iki kimenyetso kikwerekwa umwitozo wo gutekereza ku buryo bwimbitse.
	Iki kimenyetso kikwerekwa umwitozo wo kwandika.
	Iki kimenyetso kikwerekwa umwitozo w'isuzuma risoza umutwe.
	Iki kimenyetso kirakwerekwa umwitozo w'ubushakashatsi mu nzu y'isomero ku bijyanye n'ikibonezamvugo cyangwa ubuvanganzo.
	Iki kimenyetso kirakwerekwa umwitozo wo gukina mwigana.



1

Umuco nyarwanda

Umwandiko: Ubukwe mu muco nyarwanda



Ushinzwe amagambo:

Nk'uko mubibonye, mu kanya haje umushyitsi. Ntaratwibwira nubwo nge mbona amaso atari aya cyakora yahindutse, uko yari asanzwe atemberera muri uru rugo ndabona atari ko yaje. Yaje agaragiwe n'abandi kandi ubundi yazaga wenyine cyangwa akazana n'abandi bantu nka babiri. Nyakubahwa umukuru w'umuryango wa Rugendo aba bashyitsi baje si nge wabaha ikaze mu rugo rwawe kandi uhibereye, reka nguhe umwanya ubahe ikaze nibiba ngombwa uraza kubaha umwanya batubwire ikibagenza.

Umusangwa mukuru:

Tubahaye ikaze bashyitsi bahire. Mu muryango wa Rugendo rero dukunda gusabana, mudusanze twibereye mu busabane busoza umwaka, amazimano arahari abahungu bange nibabazimanire. Simbise abavumba n'ubundi ibiryoshye ni ibisangirwa, nimwumva mushize inyota muritahira dusigare mu busabane bwacu.

Ushinzwe amagambo:

Nyamara nubwo ntasoma ku mitima y'abantu, ariko uyu mushyitsi ndabona asa n'urimo gusaba ijambo, reka tumuhe umwanya ndabona asa n'ushaka kutubwira ikimugenza.

Umukwe mukuru:

Murakoze, mbere na mbere mbanje kubashimira uko mwatwakiriye muri ubu busabane bwanyu. Muragahorana amazimano! Uwenze iyi nzoga mutwakiriye, igikatsi yagitsikamiye neza ntiyashakiye ubwinshi mu mazi. Nshimye uko unzimaniye uretse ko bitantan tunguye, buri gihe iwawe n'iwange turazimanirana. Hambere twagize umugisha Imana itanga iwacu ndetse n'iwanyu, iraturemera iduhangamo urukundo, imaze kutwita amazina tuvuye mu ngaragu, iduha kubyara tubyara abahungu n'abakobwa. Mu bana rero bavutse mu muryango wa Bazinura ari na wo mpagarariye barimo abakobwa n'abahungu ariko umwe w'umuhungu ni we waje aransanga angezaho ikifuzo ko atagishaka gukomeza kwitwa ingaramakirambi ko twamushakira akitwa umugabo. Tumushakira umuranga, araza aha iwanyu ararambagiza, aturangira umugeni muri uru rugo. Muri make twaje kubasaba umugeni witwa Mukandahiro.

Nge narigenzuye nsanga nta mpamu n'imwe ihari yatuma utampa umugeni cyane ko atari n'ubwa mbere naba nje gusaba muri uru rugo. Nzi neza ko ntagira ibyaha yewe n'iyo haba hari igicumuro natanga ikiru, ariko ibyaha byatuma munyima umugeni byo nta byo.

Umusangwa mukuru:

Ko hano tugira ba Mukandahiro benshi, urifuza Mukandahiro wuhe? Dufite Karine, Viviyana, Sesire na Virijiniya.

Umukwe mukuru:

Ndasaba Mukandahiro Virijiniya.

Umusangwa mukuru:

Nabitegereeje nsanga izo mfura ndeba mwazanye zicaye ku ntebe eshatu zibanza nta cyo nazivugaho, ni abantu b'indahemuka. Cyakora abicaye kuri izo z'inyuma aho ntareba niba hari abantu bo mu muryango wacu bajya batemberera ku Mugote no muri izo nshe zihegereye uwagira icyo yabavugaho akivuge.

Umusangwa:

Murakoze, hari umukobwa wacu waje ku Mugote ahamara iminsi agaruka abasore

baho baramuteye inda. Ku bw'yo mpamvu nge numva tutabashyingira umukobwa wacu.

Umukwe mukuru:

Arakoze uriya ugaragaje icyo yita ko ari ikibazo. Cyakora ndagira ngo mbamare impungenge. Uwo mukobwa ndamuzi. Yaje mu muryango wacu ahorose pe! Turamwondora agaruka abyibushye mukeka ko bamuteye inda. Si inda yatewe ahubwo yarahageze ibiryo by'iwacu biramuyoboka, anywa inshyushyu, anywa ikivuguto arabyibuha. Ahubwo ubu na Virijiniya tubasaba naza akahamara kabiri azabyibuha abatazi uko tugabura bazavuga ko yaje atwite.

Umusangwa mukuru:

Umogeni uramuhawe ariko ni umukobwa. Ni Mutumwinka. Nta kindi narenzaho ibindi nawe urabyibwiriza.

Umukwe mukuru:

Uhawe inka akura ubwatsi ariko uhawe umogeni arashimira. Ndagira ngo ngushimire mbikuye ku mutima. Uragahore ubyara abakobwa. Nzania iyo nzoga mwana wange mushimire! Uyu muryango mpagarariye uzira ibyaha ariko ntuzira ijuru. Ikindi tuzira ni ukurongora abakobwa tutakoye. Ndi imbere yaye kandi n'imbere y'aba bagabo, reka nisubirire mu mwanya wange umpe abagabo bankoshe.

Umusangwa mukuru:

Ngira ngo wabyivugiye ko atari ubwa mbere ukwa muri uyu muryango. Harya niba ubyibuka nyibutsa izo dukosha.

Umukwe mukuru:

Ntabwo ari wowe wibagiwe inkwano ukosha kandi ari wowe ubyara abakobwa. Ikindi kandi sinakwibutsa uko nakoye. Uwazicaniye ni nyirasenge w'umwana wawe ikindi kandi nawe zimaze kubyara urazikama, gusa nzikwa zari umunani ariko ubu zabaye ishyo.

Umusangwa mukuru:

Yeee! Ndumva koko uko twagukosheje ubyibuka. N'ubu tugukosheje inyana umunani. Inyana umunani zirara imfizi mu mahembe. Ngira ngo urabyumva.

Umukwe mukuru:

Abakirana batangana berekana aheza kugira ngo hatagira uvunika. Uyu munsi ndagira ngo ngukwere nk'uko nsanzwe ngukwera. Hirya aha mpagira urwuri. Nazanye n'umutahira wange Kanuma, haguruka sha! Vayo uze unyegere. Uyu mwana w'umuhungu, ni umugabo ariko ndamwita umwana kuko namubyaye. Ni umutahira w'izacu. Icyo bashaka ni inyana umunani. Nkubwira kuzihanagura nakubwiye izo nshaka uko zimeze. Jyana n'umushumba wabo, undebere imigongo yazo, ingeso

zazo n'ibibero byazo ni byo bibyara amata. Muzirongorane n'izindi barobanure mu ishyo inyana umunani.



Umushumba:

Nk'uko yabibabwiraga ni ko nabisanze. Inyana umunani nazishimye nzigejeje mu kiraro. Ni inyana nziza. Zifite imigongo miremire n'ibibero byiza mbese nazishimye.

Umusangwa mukuru:

Ubwo inkwano zawe zashimwe umugenzi uramu hawe. Wicare ugubwe neza, ariko nge mfite impungenge. Ko mbona imbere aho wicaranye n'abasaza bafite uruhanga ruharaze imvi nk'izange sinzi niba uwo usabira ari umwe muri abo ngabo!

Umukwe mukuru:

Ndasabira umuhungu wa Bazinura witwa Karinda. Nubwo tutazanye, naketse ko muri bunsabe ko abaramutsa mutumaho mu ikoranabuhanga. Munkundiye rero mwanyemerera akaza akabaramutsa. Tebuka sha! Ariko rero mu gihe wanyakiraga ninjiye, naje mfite ubutumwa maze kubagezaho natumwe na Bazinura. Yambwiye ati: "Ngaho genda ungire mu Kivugiza ubandamukirize, ubansabirire umwana umugenzi, nange nsigaye aha n'abasaza n'abakecuru bagutegeye impumbya ngaho genda. Nuza kugabana ucyuye umunyafu ugaruke unsange umbwire niba urugendo wagize kwa Rugendo rwaguhiriye.

Ndagira ngo munyemerere ngende hakibona nsange abo basaza mbabwire ko mwampaye umugen. Mbafashe kwitegura kugira ngo ejo cyangwa ejobundi ningaruka **gutebutsa** mbasaba ko **mwaduhekera** muzasange mfite ibyangombwa byose bikwiye muje **kudushyingira**, maze natwe tuzabagerere mu ko mwatwujurijemo. Erega mu buryo butaziguye nari nsezeye dore ko gusezera ari mu nzu nako hanze ni murabeho. Muragahorana Imana.

Umusangwa mukuru: Wazanye n'ababyeyi bonsa, wazanye n'abasore, wazanye n'abagabo b'amajigija n'ibikwerere. Reka nguhe impamba yabo.

Umukobwa wange nagutwaze akugeze hariya ariko iyi nkwihereye uyigeze mu rugo ni iya Bazinura wagutumye. Ugende uyimushyikirize kibe nk'ikimenyetso cy'uko wageze aho yagutumye.

Umukwe mukuru: Sinongera kwicara kuko burya uhawe impamba arahaguruka akagenda. Ariko reka mbaze nsabe umuhungu wange guherekeza umugen we. Umva sha! Uhorekeze uwo mukobwa umugeze ku muryango wa se. Hari inkingi yitwa Kanagazi, ufite uburenganzira bwo guhita kuri iyo nkingi yonyine. Ku rusika rw'umugendo ni ho abashyitsi bagarukira. Mu ndaburano ni aha se kuko imbere ari aha nyina. Mu ruhimbi ni ah'abakobwa. Namara kukwereka intebé uzaja wicaraho waje kwa sobukwe, uhite ugaruka uze dutahe ejo cyangwa ejobundi nzazana inzoga yo gutebutsa baduhekerere.

I. Inyunguramagambo

A. Sobanura amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira:

- | | |
|---------------------------------|--------------------------------------|
| 1. Amaso si aya | 6. Inyana zirara imfizi mu mahembe |
| 2. Igikatsi | 7. Uruhangga ruharaze imvi |
| 3. Kudashakira ubwinshi mu mazi | 8. Tuzabagerera mu ko mwatwujurijemo |
| 4. Kondora umuntu | 9. Inkingi yitwa Kanagazi |
| 5. Ishyo ry'inka | |



B. Kora iyi myitozo y'inyunguramagambo

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro wumvikanisha icyo ashaka gusobanura:
a) Kondora c) Uruhimbi
b) Igikatsi d) Ishyo ry'inka
2. Simbuza amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira impuzanyito zayo:
a) Uyu mwana yabyirutse afite **imbaraga**.

- b)** Yakoze uko ashoboye kose nta cyo **namugaya**.
- c)** Kera **umushumba** ni we wahamagaraga umwisi ngo aze kwita inka amazina.
3. Mu kinyatuzu gikurikira harimo amagambo makumyabiri n'abiri (22) y'imihango cyangwa y'ibikoresho byo mu bukwe. Tahiramo ayo magambo, uva hasi ujya hejuru, uva hejuru ujya hasi, uva iburyo ujya ibumoso, uva ibumoso ujya iburyo, uberamye.

I	B	I	S	H	Y	I	N	G	I	R	A	N	W	A
G	N	O	N	M	L	L	N	U	N	D	I	I	H	M
U	U	D	M	Z	N	G	V	T	E	E	S	M	Z	A
S	W	T	O	I	O	L	M	E	G	G	T	P	C	J
H	D	B	W	N	D	G	R	B	U	A	I	A	D	Y
Y	V	A	B	I	G	C	A	U	M	T	Y	N	W	A
I	S	U	K	A	K	O	U	T	U	E	H	O	Y	M
N	K	I	J	O	P	U	R	S	A	P	S	B	V	B
G	U	K	W	A	K	J	R	A	U	M	U	K	W	E
I	N	K	W	A	N	O	Z	U	N	I	M	R	S	R
R	A	G	N	A	R	U	M	U	R	Y	U	T	U	E
W	N	U	M	U	S	A	N	G	W	A	O	W	V	I
A	B	A	S	U	G	U	T	E	K	E	S	H	A	N
U	T	Z	C	A	Z	I	G	A	B	M	A	R	U	K
K	U	R	A	M	U	K	A	N	Y	A	Y	Z	A	A

II. Ibibazo byo kumva umwandiko

Subiza ibibazo bikurikira:

1. Ni uwuhe mushyitsi uvugwa wari waje?
2. Umukwe mukuru ageze kwa Rugendo yasanze bakoranyijwe n'iki? Ese koko icyo bavuga mu mwandiko ni cyo cyari cyabakoranyije? Sobanura igisubizo cyawe.
3. Ni iyihe nteruro igaragaza ko umukwe mukuru yishimiye amazimano?

4. Uwavuga ko uyu mwandiko ufitanye isano no gucyocyorana mu buryo bwa gipfura yaba yibeshye? Tanga urugero ruherekeza igisubizo cyawe.
5. Ni iyihe mihangi y'ubukwe bwa Kinyarwanda ivugwa muri uyu mwandiko? Yandike uyikurikiranya uko ikurikirana.
6. Ni he mu mwandiko bagaragaza ko uwo muhungu yari ageze mu gihe cyo gushaka koko?
7. Ni iki kigaragaza ko umusore afite uburenganzira bwo kwishakira umugen? Ese na kera ubwo burenganzira bwabagaho? Byagendaga bite?
8. Uyu mwandiko urangira batubwira ko hazakurikiraho uwuhe muhango uzwi mu bukwe bwa kinyarwanda? Uwo muhango uba ugamije iki? Ni iyihe mihangi itavugwa mu mwandiko iwukurikira?

III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko



Tekereza maze usubize ibi bibazo

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
2. Garagaza ingingo z'umuco nyarwanda ziri mu mwandiko.



Umwitoto

Mukurikirane imisango y'ubukwe hanyuma mujore uburyo abakinankuru baganiraga.

IV. Kungurana ibitekerezo no kujya impaka



Gereranya uko imihango y'ubukwe yakorwaga kera n'uko ikorwa muri iki gihe. Ni akahe kamaro k'imihango y'ubukwe muri iki gihe?



Umukoro

Mukine imisango y'ubukwe mwigana abakinankuru bavugwa muri bene iyo mihangi.

Uturemajambo tw'inshinga



Itegereze izi nteruro maze ukore ubushakashatsi usubiza ibibazo bizikurikira bibajijwe ku magambo atsindagiye.

1. Bakomeza **kugenda baganira** ariko bababaye cyane kubera kudatura mu mudugudu.
2. Ibyo mumbwiye **ni** ukuri; ngomba kwimuka mu manga.
3. Ababyeyi bacu **bari bazi kuvumbika** umuriro.

Ibibazo

1. Amagambo atsindagiye ari mu nteruro ya mbere agaragaza iki? Atandukaniye he?
2. Ijambo ritsindagiye riri mu nteruro ya kabiri ryo riteye rite urigereranyije n'ayo mu nteruro ya mbere? Rigaragaza iki?
3. Ushingiye ku miterere yayo, tandukanya amagambo atsindagiye ari mu nteruro ya gatatu.
4. Aya magambo yose atsindagiye ni bwoko ki? Gerageza kugaragaza intêgo zayo.

1) Inshoza y'inshinga

Inshinga ni ijambo ryumvikanisha igikorwa, imico cyangwa imimerere ya ruhamwa mu nteruro. Muri make, inshinga ni yo itanga ubutumwa mu nteruro.

2) Amoko y'inshinga

Mu moko y'inshinga hagaragaramo inshinga isanzwe n'inshinga idasanzwe. Inshinga isanzwe ishobora kuba iri mu mbundo cyangwa itondaguye. Ni ukuvuga ko inshinga ishobora kwigaragaza mu nteruro ari:

- Inshinga idasanzwe bita nkene cyangwa mburabuzi.
- Inshinga isanzwe iri mu mbundo.
- Inshinga isanzwe itondaguye.

a) Inshinga idasanzwe

Inshinga idasanzwe bita nkene cyangwa mburabuzi ni inshinga zidakoreshwa nk'inshinga zisanzwe kuko usanga hari ibihe bimwe na bimwe by'inshinga zidatondagurwamo. Ikindi kiziranga ni uko usanga nta zina rishobora gukomoka kuri bene izo nshinga. Ni inshinga zigizwe n'ibicumbi gusa (**-ni**, **-ri**, **-fite**, **-ruzi**, **-zi**); ntizifite imbundo zizwi ni yo mpamu ku mikoreshereze y'imisozo yazo, usanga izo nshinga zidakorana n'imisozo **-e**, **-aga**, **-ye** na **a** mu buryo busanzwe. Cyakora iyo zikoreshejweho ingerekwa zishobora gusesengurwamo imisozo.

b) Inshinga isanzwe iri mu mbundo

Inshinga idatondaguye yitwa imbundo. Ni inshinga itagaragaza ngenga irimo. Embundo ni ijambo ry'imberabyombi rifite imiterere nk'iy'izina n'iy'inshinga. Iyo imbundo ifashe imiterere y'izina ibarirwa mu nteko ya 15.

Urugero: kugenda (Ukugenda) kwe kwatangaje benshi.

c) Inshinga itondaguye

Ni inshinga igaragaza ngenga yayo, ruhamwa ndetse n'igihe itondaguwemo.

Urugero: Nzakora

Ikitonderwa: Hari bamwe na bamwe bashyira "Ingirwanshinga ; -ti,-tya,-tyo, na -te" mu moko y'inshinga zidasanzwe bitwaje ko na zo zijya muri ngenga uko ari eshatu, nyamara ingirwanshinga ni ubwoko bw'ijambo bwihariye kuko usibye kuba zigaragaza ngenga nta rindi huriro zifitanye n'inshinga kuko zitagaragaza igikorwa cyangwa imico n'imimerere ya ruhamwa.

3. Uturemajambo tw'ibanze tw'inshinga

a) Inshinga iri mu mbundo

Uturemajambo fatizo tw'inshinga iri mu mbundo ni dutatu:

- indanganshinga ku-
- Umuzi (z)
- Umusozo (soz)

Ingero: Gukora: ku-kor-a k→g/-GR

Gukina: ku-kin-a k→g/-GR

Kubyina: ku-byin-a

Inshinga iri mu mbundo ishobora kugira utundi turemajambo nk'indangagihe -za-, ingenantego -ta- ingerekazinyuranye n'indangasano z'ibyuzuzo. Cyakora iyo tudahari mu mwanya watwo ntihasimbuzwa ø kubera ko tuba atari uturemajambo fatizo. Hari bamwe bashyira ø inyuma y'indanganshinga ku- kugira ngo bagaragaze ko indangagihe idahari nubwo kutagashyiraho nta cyo byaba bitwaye.

Urugero: Gukora: ku- ø -kor-a k→g/-GR

Gukina: ku- ø -kin-a k→g/-GR

Kubyina: ku- ø -byin-a

Umusozo w'inshinga iri mu mbundo ni **-a** gusa.

b) Inshinga itondaguye

Inshinga isanzwe itondaguye igira uturemajambo tw'ibanze tune:

- **Indanganshinga** (bamwe bita indangasano ya ruhamwa; **RSH** mu mpine),
- **Indangagihe** (bamwe bita ingenantego y'igihe **Rgh** mu mpine),
- **Umuzi (Z)**
- **Umusozo (Soz).**

Urugero:

Arahinga: a-ra-hing-a a-: **Indanganshinga** ra-: **indangagihe**
hing-:umuzi -a : **umusozo**

Utu turemajambo fatizo tuba tugomba kugaragara buri gihe mu nshinga. Iyo hagize akatagaragara gasimbuzwa aka kamenyetso Ø.

Urugero:

Akora i Kigali. **a- Ø- kor- a**

Mpa iyo kayi. **Ø -Ø -n-ha-a** n→m/-h, mh→mp mu myandikire, a→Ø /-J

Vuga neza twumvikane. **Ø -Ø-vug-a**

Ajyayo buri munsi **a -Ø-gi-a-(yo)** i→y /-J, gy→jy mu myandikire.

1. Indangasano za ruhamwa (Indanganshinga) RSH

Indangasano ya ruhamwa ni akaremajambo k'inshinga itondaguye kerekana ngenga ibereye inshinga ruhamwa. Ni ko kagaragaza isano ruhamwa ifitanye n'inshinga. Aka karemajambo kaba gahagarariye ukora igikorwa mu nshinga. Indangasano za ruhamwa ni 20; ni ukuvuga indangasano za ruhamwa 4 zo muri ngenga ya mbere n'iya kabiri ubumwe n'ubwinshi n'indangasano 16 zo muri ngenga ya gatatu zihagarariye inteko 16.

Ikitonderwa:

- Indangasano ya ruhamwa ya ngenga ya mbere ikoreshwa iyo umuntu yivuga ubwe cyangwa abantu bivuga ubwabo.
- Ngenga ya kabiri ikoreshwa iyo umuntu abwira undi cyangwa abandi.
- Ngenga ya gatatu ikoreshwa iyo umuntu avuga undi cyangwa abandi, ikindi cyangwa ibindi bintu ikaba yisanisha mu nteko 16.
- Mu nteko ya 12 n'iya 14 hari indangasano za ruhamwa ariko mu by'ukuri zidasimbura ijambo ryo muri izo nteko.

Urugero:

karabaye, **karahanyuze**, **burakeye** n'izindi.

2. Ingenantego y'igihe (Indangagihe)

Ingenantego y'igihe cyangwa indangagihe ni akaremajambo gakurikira indanganshinga kakagaragaza igihe inshinga itondaguwemo.

Ingenantego z'igihe ni: **-Ø-**: iranga indagihe, **-za-**: iranga inzagihe na **-a-(â, aa)-**: igaragaza impitagihe.

Ingero:

- Agenda: a- Ø-gend-a
- Azagenda: a-za-gend-a
- Yagiye: (uyu munsi) a-a-gi-ye, (ejo) a-a-gi-ye, (wa mwana)a-aa-gi-ye a→y /-J

Izo ngenantego zigaragaza igihe iyo zitagaragaye mu nshinga zisimbuzwa -Ø- kubera ko indangagihe ari akaremajambo fatizo k'inshinga itondaguwe.

Usibye izi ngenantego zigaragaza igihe hari izindi ngenantego zishobora kugaragara mu nshinga zifite ibindi bisobanuro binyuranye nko kugaragaza igikorwa gikomeza, kugaragaza ibikorwa bikurikirana n'ibindi

Ingero:

- ki -: akgenda	- o-ka -: wokagenda
- ra -: aragenda	- na -: anagenda
- ka -: akagenda	- ra-ki-a -:aracyagenda
- ka-na -: akanagenda	

Ikitonderwa:

- a) Ingenantego zishobora guhurira mu nshinga imwe zirenze imwe.

Urugero:

utazagenda: u-**ta-za**-gend-a, ataragenda: a-**ta-ra**-gend-a, aracyanagenda: a-**ra-ki-a-na**-gенд-a

- b) Ingenantego -i-, -ta-, -e-ku-, -i-ku- zifite inyito yo guhakana mu nshinga.
 c) Ingenantego -na- ni akaremajambo k'inyibutsacyungo mu nshinga, kunga ibikorwa bibiri.

Urugero: Barabiterura baranabijyana.

3. Umuzi

Umuzi ni akaremajambo shingiro k'ijambo rikenera umusozo. Ni wo shingiro ry'inyito y'ijambo. Umuzi ushobora kuba wihagije cyangwa utihagije. Umuzi wihagije ni ushobora gukoreshwa udakurikiwe n'ingereka kugira ngo inyito yawo ibone kuzura. Umuzi utihagije ni ugomba gukenera ingereka kugira ngo inyito yawo ibone kuzura. Ni bene uwo muzi bita intima. Bene iyo mizi itihagije tuzayibona nidusesengura akaremajambo kitwa ingereka mu turemajambo tw'inyongera.

Kugira ngo ubone umuzi w'inshinga ifite imigemo irenze ibiri, utondagura inshinga mu buryo bw'integeko ugakuraho umusozo.

Ingero: gukora: **kor-a**, guteka; **tek-a**, kwiga: **ig-a...**

Ikitonderwa:

Hari inshinga16 zifite imizi y'imvugwarimwe. Bene izo nshinga iyo zishakirwa imizi bazitondagura mu mpitakare muri ngenga ya gatatu y'ubumwe bagakuraho indangasano ya ruhamwa n'umusozo - **ye**.

Izo nshinga ni izi zikurikira:

Inshinga	Impitaghe	Umuzi
1. Kuba	Yabaye	- ba -
2. Guca	Yaciye	- ci -
3. Kugwa	Yaguye	- gu -

4.	Guha	Yahaye	-ha-
5.	Gushya	Yahiye	-hi-
6.	Gukwa	Yakoye	-ko-
7.	Kumwa	Yamoye	-mo-
8.	Kunnya	Yaneye	-ne-
9.	Kunywa	Yanyoye	-nyo-
10.	Gupfa	Yapfuye	-pfu-
11.	Kurya	Yariye	-ri-
12.	Gusya	Yaseye	-se-
13.	Guta	Yataye	-ta-
14.	Kuva	Yavuye	-vu-
15.	Kujya	Yagiye	-gi-
16.	Gucya	Bwakeye	-ke-

Ikitonderwa:

Hari inshinga zifite imigemo ibiri ariko zikora nk'inshinga zirengeje imigemo ibiri. Muri zo twavuga inshinga “gusa” n'inshinga “kuza”. Umuzi w'inshinga gusa ni -s- igira impindurantego ya **-shush-** naho umuzi w'inshinga kuza ni **-z-**.

4. Umusozo

Umusozo w'inshinga ni akaremajambo gasoza inshinga kakagaragaza irebero ryayo. Nk'uko twabibonye mu itondaguranshinga, irebero rivuga imitindire y'igikorwa, imikorerwe cyangwa imirangirire yacyo. Imisozo y'inshinga imwe igaragaza irebero nkomeza, indi ikagaragaza irebero nshize.

4.1. Imisozo igaragaza irebero nshize

Iyo misozo ni **-e** na **-ye**. Iyi misozo igaragaza igikorwa cyarangiye cyangwa ikigomba kurangira.

a) Umusozo -e

Umusozo -e ukunze kugaragara cyane mu ntegeko no mu nziganyo.

Ingero:

Mukore: mu-ø-kor-e

Mvuge: n-ø-vug-e ($n \rightarrow m/-v$)

Nige: n-ø-ig-e

Azagende: a-za-gend-e

Atahe:a-ø-tah-e

Amategeko y'igenamajwi akoreshwa ku musozo -e

Amategeko y'igenamajwi ajyana n'umusozo -e ni ayo ku nshinga zifite imizi y'imvugwarimwe ari zo kuba, guca, kujya, kugwa, guha, gusya, gucy, gukwa, kumwa, kunuya, kunnya, gupfa, kurya, gusya, guta no kuva.

Amategeko y'igenamajwi ajyana n'izo nshinga ni aya akurikira: **a→ø/-J, i→ø/-J, o→w/-J, u→ø/-J, i→y/-J, e→y/-J, u→w/-J**

Ingero:

Ube umwarimu: u- ø-ba-e (a→ø/-J)	Ate ibyo afite: a- ø-ta-e (a→ø/-J)
Age i Kigali: a- ø-gi-e (i→ø/-J)	Ace ibyatsi: a- ø-ci-e (i→ø/-J)
	Anywe umutobe muke: a- ø-nyo-e (o→w/-J)
Asye aya masaka: a- ø-se-e (e→y/-J)	Agwe yubamye: a- ø-gu-e (u→w/-J)
Ave mu nzu: a- ø-vu-e (u→ø/-J)	
Akwe abone guhabwa umugen: a- ø-ko-e (o→w/-J)	

b) Umusozo -ye

Umusozo -ye ugaragaza igikorwa cyarangiye ni na yo mpamvu ugaragara mu nshinga zitondaguwe mu mpitagihe (impitakare n'impitakera).

Ingero:

Narize: n-a-ra-ig-ye	(a→ø/-J, g+y→z)
Dukoze : tu- ø-kor-ye	(t→d/-GR, r+y→z)
(Inka) yarabiriye: i-a-ra-bi-ri-ye	(i→y/-J)

Amategeko y'igenamajwi ajyana n'umusozo -ye

Itegeko	Uru gero
c+y→sh	baramwishe: ba-a-ra-mu-ic-ye
c+y→c	barabicoe: ba-ra-bi-coc-ye
d+y→z	yaradoze: a-a-ra-dod-ye
g+y→z	anyonze (igare): a-ø-nyong-ye
sh+y→sh	(nge) yaranoshe: a-a-ra-n-nosh-ye
shy+y→shy	mwarabeshye:mu-a-ra-beshy-ye
h+y→shy	(ibiryo) byarabishye: bi-a-ra-bi-h-ye
k+y→ts	baramusetse: ba-ra-mu-sek-ye
k+y→s	mwaronse (ibere): mu-a-ra-onk-ye
r+y→z	mwarakoze: mu-a-ra-kor-ye
r+y→y	mwararwaye: mu-a-ra-rwar-ye
r+y→j	bwarije: bu-a-ra-ir-ye
n+y→nny	mwarakinnye: mu-a-ra-kin-ye

t+y→s:	(ibijumba) byarahaswe: bi-a-ra-hat-w-ye bi-a-ra-hat- y-w-e
y+y→y:	twaramugaye (imiyitwarire):tu-a-ra-mu-gay-ye
z+y→j:	(data) yarashaje: a-a-ra-saz- ye

4.2. Imisozo igaragaza irebero nkomeza

Imisozo igaragaza irebero nkomeza ni **-a** na **-aga**

a) Umusozo -a

Umusozo -a ugaragaza ko igikorwa kigikomeza cyangwa ko kitaraba kikaba kizaba. Umusozo -a ukoreshwu cyane mu ndagihe, mu nyifurizo, mu ntegeko no mu nzagihe.

Ingero:

Mvuga: n-ø-vug-**a** (n→m/-v)

Ndakora: n-ra-kor-**a** (r→d/n-)

Nzakora: n-za-kor-**a**

Mpa (ikayi) : ø- ø-n-ha-**a** (n→m/-h, mh→mp mu myandikire, a→ø/-J)

Akivuga: a-ki-vug-**a**

Murakarama: mu-ra ka-ram-**a**

Amategeko y'igenamajwi ajyana n'umusozo -a

Umusozo -a ugira amategeko y'igenamajwi ajyana na wo akorana na za nshinga zifite imizi y'imvugwarimwe.

Muri yo twavuga **a→ø/-J, i→ø/-J, o→w/-J; u→ø/-J; i→y/-J; e→y/-J; u→w/-J.**

Ingero:

Azamuha (amakayi): a-za-mu-ha-**a** (**a→ø/-J**)

Araca (ibyatsi): a-ra-ci-**a** (**i→ø/-J**)

Aranywa (amata): a-ra-nyo-**a** (**o→w/-J**)

Azava (amaraso): a-za-vu-**a** (**u→ø/-J**)

Arajya (i Kigali): a-ra-gi-**a** (**i→y/-J, gy→jy** mu myandikire)

Azasya (amasaka): a-za-se-**a** (**e→y/-J**)

Azagwa (mu ruzi): a-za-gu-**a** (**u→w/-J**) [...]

b) Umusozo -aga

Umusozo **-aga** ugaragaza igikorwa cyakorwaga mu gihe kirekire mu gihe cyashize; ugaragaza akamenyero mu gihe cyahise.

Ingero:

Narakoraga: n-a-ra-kor-**aga**

Yarigaga: a-a-ra-ig-**aga** (**i→y/-J, a→ø/-J**)

Narasaga: n-a-ra-se-**aga** (**e→y/-J**)

Naravugaga: n-a-ra-vug-**aga**
Narandikaga: n-a-ra-andik-**aga** (a→ø/-J)
Nabonaga: n-a-bon-aga...

Amategeko y'igenamajwi ajyana n'umusozo -aga

Kimwe n'umusozo **-a**, umusozo **-aga** na wo ufite amategeko y'igenamajwi ajyana na wo akorana na za nshinga zifite imizi y'imvugwarimwe. Muri yo twavuga **a→ø/-J**, **i→ø/-J**, **o→w/-J**, **u→ø/-J**, **i→y/-J**, **e→y/-J**, **u→w/-J**.

Ingero:

Yahaga (abaha ibiryo): a-a-ha-**aga** (a→y/-J, a→ø/-J)
Yajyaga (yiba): a- a -gi-**aga** (a→y/-J, i→y/-J, gy→jy mu myandikire)
Yamwaga (imisatsi): a- a -mo-**aga** (a→y/-J, o→w/-J)
Yagwaga (neza): a- a -gu-**aga** (a→y/-J, u→w/-J)
Yasyaga (amasaka): a- a -se-**aga** (a→y/-J, e→y/-J)
Yavaga (amaraso): a- a -vu-**aga** (a→y/-J, u→ø/-J)
Yacaga (amasaka): a- a -ci-**aga** (a→y/-J, i→ø/-J)
Bakwaga (inka): ba-a-ko-**aga** a→ø/-J (o→w/-J)

c) Inshinga idasanzwe (nkene/ mburabuzi)

Ubundi intêgo rusange y'inshinga itondaguye ni **RSH-Gnt-Z-Soz**, bitewe n'uko inshinga nkene zidakorana n'imisozo y'inshinga mu mwanya w'umusozo nta kamenyetso kagaragaza ko ako karemajambo kadahari. Cyakora iyo kamwe mu tundi turemajambo dutatu dusigaye katagaragaye gasimbuzwa **-ø-**. Ni ukuvuga ko uturemajambo fatizo tw'inshinga nkene ari dutatu: indangasano ya ruhamwa (**RSH**), ingenantego y'igihe (**Rgh**) n'umuzi (**Z**).

Ingero:

Ndi umunyeshuri: **n- ø -ri** r→d/-n
Mfite ikayi: **n- ø-fite** n→m/-f
Ni umunyeshuri: **ø -ø-ni**
Nzi kwandika: **n- ø-zi**
Ese uruzi baj?: **u- ø-ruzi**

Ikitonderwa:

Inshinga nkene zishobora gukorana n'ingerekabyo mu gusesengurwa na zo zikagaragaza umusozo.

Urugero:

Uyu mwana **arazwi** cyane. **a-ra-z-w-i**
Dufitanye igihango. **tu- ø-fit-an-ye** t→d/-GR



Imyitozo

Kora iyi myitozo ikurikira:

1. Inshinga zirimo amoko angahe?
2. a) Garagaza inshinga ziri muri iyi nteruro uvuge n'amoko yazo:
Ni Kagabo wabaye uwa mbere mu kubwira se akamaro imidugudu ifite ku baturage.
- b) Garagaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe muri izo nshinga niba ahari.
3. Tanga amazina y'uturemajambo tw'ibante tugize inshinga itondaguye.
4. Erekana intêgo y'inshinga ziri muri izi nteruro zikurikira unagaragaze amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.
 - a) Amazu twubatse mu midugudu ni meza cyane.
 - b) Yafashe isima avanga n'umucanga mbere yo guhoma inzu ye.

Inshamake y'ibizwe mu mutwe wa mbere

- Ubukwe bwa kinyarwanda buri mu biranga umuco nyarwanda kandi bukubiyemo ubuvanganzo nyarwanda bugaragarira mu misango yabwo.
- Inshinga ni ijambu ryumvikanisha igikorwa, imico cyangwa imimerere ya ruhamwa mu nteruro. Mu moko y'inshinga hari inshinga idasanze bita nkene cyangwa mburabuzi n'inshinga isanzwe ishobora kuba iri mu mbundo cyangwa itondaguye. Uturemajambo fatizo tw'inshinga iri mu mbundo ni dutatu: indangashinga **ku-**, **umuzi** (Z), **n'umusozo** (Soz).
- Inshinga isanzwe itondaguye igira uturemajambo tw'ibante tune: **indanganshinga** (bamwe bita indangasano ya ruhamwa; **RSH** mu mpine, ingenantego (ingenantego: **indangagihe Gnt** mu mpine) n'izindi ngenantego, **umuzi** (Z) **n'umusozo** (Soz). Uturemajambo ngombwa tw'inshinga nkene ni indangasano ya ruhamwa, ingenantego y'igihe n'umuzi. Iyo akaremajambo fatizo katagaragara mu nshinga gasimbuzwa **-Ø-**.



Isuzuma risoza umutwe wa mbere

Kora ku giti cyawe, usome uyu mwandiko maze usubize ibibazo bikurikira wubahiriza amabwiriza yatanzwe.

Umwandiko: Umuco ni iki?

Umuco, ni uburyo buranga imibereho y'abantu bafite icyo bahuriyeho. Umuco w'ighugu ni wo uranga abagituye ukabatandukanya n'abatuye mu bindi bihugu. Buri gihugu kigira umuco wacyo, buri gace na ko kakagira umuco kihariye.

Umuco ugaragarira mu bintu byinshi birimo imibanire yo mu miryango igaragaramo gushyingirana, imbyino zabo n'indirimbo, imyemerere n'iyobokamana, imitekerereze ndetse no mu bukorikori bw'abanyagihugu.

Umuco rero ugaragaza indangagaciro abenegihugu bagenderaho. Mbese ni uburyo abaturage batekereza kandi bakumva ubuzima bwabo. Umuco ni bwo bukungu bwa mbere bw'ighugu.

Umuco gakondo w'Abanyarwanda rero waranke abakurambere bacu ni wo wagiyre uranda ugakwira ibihe, nubwo mu gihe cy'ubukoroni winjiriwe n'imico y'ahandi.

Mu myemerere yabo Abanyarwanda bemeraga Imana imwe bakayita Rugira, Rurema, n'andi mazina meza. Mu mibereho yabo bagiraga inyigisho bacisha mu migani miremire n'imigufi, ururimi rw'Ikinyarwanda, indirimbo zabo n'imbyino.

Kuvuza ingoma no guhamiriza byari bifite uruhare runini mu muco gakondo w'Abanyarwanda.

Gutabarira Igihugu no kurinda ubusugire bwacyo na byo bari babikomeyeho, bikagaragarira mu byivugo byabo.

Umuco nyarwanda kandi ugaragarira mu bikorwa byabo no mu myuga itandukanye.

Bagiraga indirimbo baririmba bari no guhinga, bakagira izo baririmbira inka, bakagira n'amahigi baririmba bacyuye umuhigo.

Inka n'ibiyikomokaho na byo byagiraga umuco wihariye n'imvugo yabugenewe. Abanyarwanda kandi barataramaga, bakarara inkera baririmba, bahiga kandi bivuga. Inzoga z'urwagwa n'ikigage ni byo basusurukiragaho, bakarara inkera kandi bagasabana.

Abanyarwanda kandi bicuriraga ibikoresho bitandukanye birimo amasuka n'intwaro zo ku rugamba. Biboheraga imyenda mu bishishwa by'ibiti, indi bakayikana mu mpu z'inyamaswa cyangwa zamatungo yabo.

Gushyingirana byo byari agahebuzo mu muco nyarwanda. Ubukwe bwari gahuzamiryango, bukitabirwa n'abantu bose bagize umuryango, inshuti n'abaturanyi. Bwagiraga imihango itandukanye kandi ikomeye, bakagira n'ibyiciro by'iyo mihangi byafataga igihe kirekire rwose. Kurambagiza, gufata irembo, gusaba, gukwa no gushyingira, gutwikurura, ni byo bice byari ingenzi.

Na n'ubu kandi ibyo bice biracyakurikizwa mu bukwe busanzwe buteguwe neza nubwo hamwe na hamwe kubera imico y'ahandi igenda itwinjirana, tutiyibagije n'iterambere rigenda ritugeraho, ibyo bice ntibicyubahizwa uko byakabaye.

Kurambagiza bisa n'aho byavuyeho, gusaba no gukwa bisigaye bikorwa mu mwanya muto, ndetse bakarara banashyingiye. Ibyo rero bigira ingaruka zikomeye ku mibanire y'abashakanye, kuko ingo nyinshi zisenyuka zidateye kabiri.

Nyamara imisango y'ubukwe iracyasigasiwe. Amagambo meza arimo ubuvanganzo ni yo asigaye aryosha ubukwe, ababutashye bakizihirwa.

Abanyarwanda rero bakwiye kwihiatira gusobanukirwa n'umuco wabo bagakomeza kuwusigasira kandi bagaharanira ko utabacika.

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Umuco ni iki?
2. Umuco nyarwanda urangwa n'iki?
3. Ni gute abasokuruza bacu bataramaga?
4. Ni iki kizihizaga ibitaramo byabo?
5. Garagaza uburyo ubukwe bwa kinyarwanda buri mu byiza biranga umuco wacu?
6. Ni gute ubukwe bwa kinyarwanda bwagiye buhinduka?
7. Guhinduka k'uburyo ubukwe nyarwanda bwakorwaga bifite izihe ngaruka ku mibanire y'abashakanye?
8. Ubona guhagarika ibikomoka mu mico y'ahandi tukabibuza kuduhindurira umuco byashoboka? Sobanura.
9. Twakora iki kugira ngo umuco wacu udakomeza kugenda uhinduka?

II. Inyunguramagambo


1. **Sobanura amagambo akurikira dusanga mu mwandiko:**
a) imisango y'ubukwe e) ubukwe bwari gahuzamiryango
b) amahigi f) zidateye kabiri
c) gucuyuka g) inkera
d) kurambagiza
2. **Koresha mu nteruro amagambo akurikira:**
a) imisango y'ubukwe c) gucuyuka
b) amahigi d) kurambagiza

III. Ikibonezammvugo

1. Inshinga yo mu Kinyarwanda ni iki?
2. Amoko y'inshinga mu Kinyarwanda ni ayahe?
3. Ni utuhe turemajambo fatizo tw'inshinga iri mu mbundo?
4. Inshinga isanzwe itondaguye igira uturemajambo tw'ibanze tungahe?
5. Koresha imbonerahamwe werekane intego z'inshinga ziciyeho akarongo zigaragara mu nteruro zikurikira n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.
 - a) Hari igishushanyo k'imikoreshereze y'ubutaka Leta yatanze.
 - b) Bamwe mu baturage bahaye abandi inka kugira ngo na bo bave mu bukene bubake amazu akwiye.
 - c) Gutura intatane bizahenda Leta si byiza kuko haba amafaranga akoreshwa mu buryo bw'imfabusa.

Uburinganire n'ubwuzuzanye

Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muco nyarwanda



Kagabo ni umwana warererwaga kwa sekuru. Yigaga mu mashuri abanza. Yarangwaga no kugira amatsiko ndetse no kubaza ibibazo binyuranye ku byo adasobanukiwe. Umunsi umwe avuye ku ishuri asanga sekuru yicaye mu ruganiriro n'undi mukobwa w'umuturanyi basoma ibinyamakuru. Kagabo ahageze arabasuhuza yicara iruhande rwabo maze na we atangira kureba tereviziyo. Harimo ikiganiro cy'umunyamakuru waganiraga n'abanyeshuri bo mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye bavuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu iterambere ry'igihugu.

Nyuma yo kumva ibyavugwaga muri icyo kiganiro Kagabo araterura atangira kubaza sekuru ibibazo binyuranye ku buringanire n'ubwuzuzanye.

- Kagabo:** Ariko sogoku! Ko muri iki gihe ibiganiro byinshi bivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye, kera ntibwabagaho?
- Sekuru:** Kera uburinganire n'ubwuzuzanye byahozeho ariko ntibyabuzaga ko bimwe mu biranga uburinganire n'ubwuzuzanye muri iki gihe bikumirwa kubera umuco w'Abanyarwanda.
- Kagabo:** Ni nk'ibihe mwambwira se byagaragazaga uburinganire n'ubwuzuzanye?
- Sekuru:** Nko mu buyobozi umwami yimanaga n'umugabekazi, birumvikana ko umwami atafataga wenyine ibyemezo ahubwo yabifataga agishije inama umugabekazi. Ikindi kandi hari n'abategarugori banyuranye bagaragaraga mu mirimo ikomeye y'ibwami. Urugero naguha ni abasizi b'abategarugori Nyirakunge na Nyirarumaga babaye abasizi bakomeye. Ubusizi wari umwe mu mirimo ikomeye yagengwaga n'ibwami, kuba butarahezaga abategarugori ni ikimenyetso gikomeye cy'uburinganire n'ubwuzuzanye.
- Kagabo:** Biragaragara ko mu muco nyarwanda ubuyobozi bwarangwagamo uburinganire n'ubwuzuzanye. None se ko mwambwiye ko hari bimwe mu biranga uburinganire n'ubwuzuzanye muri iki gihe byakumirwaga kubera umwihariko w'umuco nyarwanda. Uwo mwihariko ni nk'uwuhe?
- Sekuru:** Umuco nyarwanda hari imirimo imwe n'imwe wageneraga abagore hakaba n'indi mirimo wageneraga abagabo, ku buryo cyaziraga ko ukora imirimo itakugenewe. Nta mugore wagombaga kubaka, kujya ku itabaro, gukama inka, korora inzuki n'ibindi. Nta mugabo washoboraga koza ibikoresho byo mu rugo cyangwa se guheka umwana, guteka n'ibindi. Birumvikara ko hari umwihariko wa buri muntu mu mirimo yo mu rugo. Ikindi kandi aho amashuri aziye mu Rwanda, ababyeyi bahaga umwanya wa mbere abana b'abahungu ngo bage ku ishuri; abakobwa basigaraga mu rugo bafasha ba nyina imirimo yo mu rugo.
- Kagabo:** Sogoku! Ko twize ko Ndabaga yari umukobwa kandi ko yagiye gukura se ku rugerero?
- Sekuru:** Ibyo byabayeho ariko uzabisome neza, kugira ngo abikore yabanje kwiyoberanya ku buryo yagiyeo yitwa ko ari umuhungu. Hejuru y'ibyo nkubwiye hari imwe mu migani ya kinyarwanda igaragaza ko hari aho umuco nyarwanda wakumiraga umugore mu buringanire n'ubwuzuzanye.

Mu gihe bari bakiganira haza akana biganaga baturanye kamubwira ko igithe cyo gusubira ku ishuri kigeze. Kagabo abanza gushimira sekuru, we na wa mwana baragenda ariko Kagabo agenda agifite amatsiko menshi ku byo sekuru yari amaze kumubwira. Bageze ku ishuri mu karuhuko ka saa kenda Kagabo yegera mwarimu we atangira kumubaza ku byo sekuru yari yamubwiye.

Kagabo: Sogokuru yambwiye ko hari imigani y'imigenurano yagaragazaga ko umuco nyarwanda wakumiraga bimwe mu bigaragaza uburinganire n'ubwuzuzanye muri iki gihe ni nk'iysihe?

Mwarimu: Ibyo sogokuru yakubwiye ni byo, umuco nyarwanda wo hambere wagaragazaga ko umugore nta cyo yakora ngo kige imbere nk'uko umugabo yagikora. Ni yo mpamvu bacaga umugani utajyanye n'iysihe tugezemo bavuga ngo: "Umugore arabyina ntasimbuka". Mu rugo nta mugabo wagombaga kumva ibitekerezo by'umugore, urugo rwatekererezwaga n'umugabo gusa. Baravugaga ngo: "Uruvuze umugore ruvuga umuhoro" bakongera ngo: "Umugore abyara uwawe ntaba uwawe", "Umugore ntajya kurarika, iyo araritse abuza n'uware kuza." Cyakora ubu muri iki gihe si ko bimeze kuko umugore ahabwa ubushobozzi nk'ubw'umugabo, akagira ijambo nk'iry'umugabo, akagira uruhare muri byose.

Mu gihe umwarimu we yari akimusobanurira inzogera yo kwinjira iravuga, Kagabo aramushimira, asubira mu ishuri. Agenda atekereza ku bisobanuro yahawe na sekuru ndetse n'ibyo yahawe n'umwarimu we, yiyeemeza kujya abiganirira bagenzi be kugira ngo barusheho kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye. Ataha mu rugo nyuma yamasomo agenda yibaza ku byo yakora kugira ngo aharanire uburinganire n'ubwuzuzanye. Mu mutima aribwira ati: "Kuva ubu, nge ngiye guharanira uburenganzira bwa buri wese sinzongera guharira mushiki wange imirimo imwe n'imwe ngo ni we igenewe, tuzajya dufatanya mu byo ari byo byose."

I. Inyunguramagambo

A. Sobanura amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira:

- | | |
|-----------------------|-----------------|
| 1. Guterura ikiganiro | 4. Gukura se |
| 2. Gukumira | 5. Urugerero |
| 3. Itabaro | 6. Kwiyoberanya |



B. Kora iyi myitozo y'inyunguramagambo

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro:

- a) Gukumira
- b) Guterura ikiganiro
- c) Kwigira nyoni nyinshi
- d) Gukura umuntu

- Simbuza amagambo aciyeho akarongo ayo mu mwandiko bihuje inyito:
 - Umugore ntiyahabwaga agaciro kangana n'ak'umugabo mu muco nyarwanda.
 - Mu Rwanda, nyina w'umwami yategekanaga n'umwami.

II. Ibibazo byo kumva umwandiko

Subiza ibi bibazo bikurikira:

- Ni uwuhe mukinankuru mukuru muri uyu mwandiko? Kubera iki?
- Tanga ingero nibura ebyiri zigaragaza ko uburinganire n'ubwuzuzanye hari aho bwagaragaraga ku ngoma ya cyami.
- Uwavuga ko uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango butari buhari mu muco nyarwanda yaba yibeshye? Sobanura igisubizo cyawe unifashishe ingero zifatika.
- Ese umuco nyarwanda wari ushyigikiye ku burezi budaheza mu bijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye? Sobanura igisubizo cyawe utanga urugero.
- Ni gute Ndabaga yabashije kujya gukura se ku rugamba? Sobanura igisubizo cyawe wifashishije ubundi bumenyi wasome cyangwa wabwiwe.
- Ni iki kigaragaza ko mu muco nyarwanda hari aho umugore yasuzugurwaga?
- Tanga imigani nyarwanda ibiri ivuga neza umugore.
- Ni iki kigaragaza ko Kagabo yagiraga ikinyabupfura?

III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko



Tekereza ku mwandiko wasomeye maze usubize ibi bibazo:

- Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
- Garagaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

IV. Umwitozo wo kujya impaka



**Umuco nyarwanda wabangamiraga uburinganire n'ubwuzuzanye?
Sobanura igisubizo cyawe wifashishije ingero zifatika.**

Umukoro

Hanga umwandiko ntekerezo ugereranya uburezi budaheza dufite mu Rwanda muri iki gihe n'uburezi buheza bwo mu muco nyarwanda.

Uturemajambo tw'inshinga twungirije



Itegereze aya magambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikiraho.
Hanyuma ukore ubushakashatsi ku bibazo bikurikira.

- a) **Nimushyigikire** ubwikorezi kuko bufite akamaro.
- b) **Ntidukorere** abandi nabi.
- c) Ibyo byose **biterwa** n'ubwikorezi ukoresha **bushobora** gutinda cyangwa se **kubanguka**.

Ibibazo:

Ongera usome interuro ziri haruguru maze werekane intego z'amagambo atsindagiye. Uretse indanganshinga, indangagihe, umuzi n'umusozo, shaka utundi turemajambo twungirije tugize inshinga itondaguye.

Inshoza y'uturemajambo twungirije

Uturemajambo twungirije ni uturemajambo dushobora kugaragara mu nshinga iyo bibaye ngombwa kugira ngo tuyihindurire inyito. Bene utwo turemajambo iyo tutagaragaye ntidusimbuzwa imbumbabusa ø. Utwo turemajambo ni akano, impakanyi, indangasano y'icyuzuzo n'ingereka.

Urugero:

Ntitubibakorere: nti-tu-ø-bi-ba-kor-ir-e: **nti-**: akano; **-tu-**: indangangenga; **bi-ba-**: indangasano z'icyuzuzo; **-kor-**: umuzi; **-ir-**: ingereka; **-e**: umusozo.

a) Akano (KN/TN)

Akano ni akaremajambo kaza imbere y'indanganshinga. Hari bamwe bakita mbanza, imbanzirizangenga, imbimburiranteko, interuranteko cyangwa inyomekwambere. Izni nyito zose zihuriye ku kuba zerekana ko aka karemajambo gafata umwanya w'imbere.

Imbonerahamwe yako

Akano	Urugero	Uturemajambo
Ni-: gakoreswa iyo bateganya (kagira isaku nyejuru) cyangwa bategeka (kagira isaku nyesi).	Nibasora	ni-ba-ø-sor-a
	Nubabona	ni-u-ø-ba-bon-a i→ø/-J
	Nimubikore	ni-mu-ø-bi-kor-e
Si-: gakora muri ngenga ya mbere y'ubumwe mu guhakana.	Sinumva	si-n-ø-umv-a
	Sinzakwa iriya shashi.	si-n-za-ko-a o→w/-J

Nti: gakoreshwa mu guhakana muri ngenga zose usibye iya mbere y'ubumwe.	Ntimwariye	nti-mu-a-ri-ye u→w/-J
	Ntituziba imisoro.	nti-tu-za-ib-a a→ø/-J
	Ntuzirengagize amahoro.	nti-u-za-ii-reng-ag-ir-y-e i→ø/-J; a→ø/-J; r+y→z

Utuno rero turimo amoko atatu: agategeka, akaziganya n'agahakana nk'uko bigaragara muri yi mbonerahamwe.



Imyitozo

1. Akano ni iki? Karimo ubwoko bungahe?
2. Erekana intego z'inshinga zitsindagiye maze werekane akano.
 - a) **Nimumugirire** ikizere kuko ari inyangamugayo.
 - b) **Simba** mu bantu birengagiza inshingano zabo.
 - c) Karangwa **ntiyibye** inka ya Nkuranga.
 - d) Uhiga umugabo **ntiyamira**.

b) Impakanyi

Impakanyi ni akarmajambo kajya mu nshinga kakayongererera inyito yo guhakana cyangwa kuvuguruza ingingo ibumbatiwe n'iyo nshinga.

Ingero: -ta-: utagenda	-ii-ku-: wikkwanga
-i-: wigenda	-e-ku-: yekwiba
	-nta-: ntabatashye

c) Indangacyuzuzo / Inybucyacyuzuzo / Indangasano y'icyuzuzo (RSUZ)

Indangacyuzuzo ni akaremajambo kajya mu nshinga kagasimbura kandi kakibutsa icyuzuzo k'iyo nshinga. Kibutsa ngenga cyangwa inteko by'ijambo ribereye inshinga icyuzuzo.

Indangacyuzuzo ziri ukubiri; hari izisanzwe n'indangacyuzuzo ngaruka.

Imbonerahamwe:

Indangacyuzuzo zisanzwe		Interuro	Uturemajambo
Ngenga ya mbere	-n-	Azankorera uriya mutwaro.	a-za-n-kor-ir-a i→e/ Co-
		Aranyubaha pe?	a-ra-n-ubah-a n→ny/-J
	-tu-	Twe aradukunda cyane.	a-ra-tu-kund-a t→d/-GR
		Twe aratwubaha rwose.	a-ra-tu-ubah-a u→w/-J
Ngenga ya kabiri	-ku-	Wowe azaguhana.	a-za-ku-han-a k→g/-GR
	-ba-	Mwe azabahana.	a-za-ba-han-a
Ngenga ya gatatu nt.1	-mu-	We aramubara.	a-ra-mu-bar-a
nt.2	-ba-	Bo arababara.	a-ra-ba-bar-a
nt.3	-wu-	Wa murima arawubara.	a-ra-wu-bar-a
nt.4	-yi-	Ya nka arayigura.	a-ra-yi-gur-a
nt.5	-ri-	Rya gare ararigura.	a-ra-ri-gur-a
nt.6	-ya-	Ya masaka arayagura.	a-ra-ya-gur-a

nt.7	-ki-	Cya kirima arakigura.	a-ra-ki-gur-a
nt.8	-bi-	Bya bigori arabigura.	a-ra-bi-gur-a
nt.9	-yi-	Ya nkaturayibaga.	tu-ra-yi-bag-a
nt.10	-zi-	Inka araziragira.	a-ra-zi-ragir-a
nt.11	-ru-	Ururabo ararukata.	a-ra-ru-kat-a
nt.12	-ka-	Ka karima aragafite.	a-ra-ka-fite k→g/-GR;
nt.13	-tu-	Twa dufi aradufashe.	a-ra-tu-fat-ye t→d/-GR; t+y→sh
nt.14	-bu-	Bwa bwato arabwisyura.	a-ra-bu-ishyur-a u→w/-J
nt.15	-ku-	Kwa kuguru arakureka.	a-ra-ku-rek-a
nt.16	-ha-	Aha araharunda.	a-ra-ha-rund-a

Indangacyuzuzo ngaruka yerekana igikorwa kigaruka kuri ruhamwa.	-ii-/iy-	Uwera arikunda.	a-ra-ii-kund-a a→ø/-J
		Bariya bana barikunda.	ba-ra-ii-kund-a a→ø/-J
		Aba bantu bariyica.	ba-ra-iy-ic-a a→ø/-J
		Uratwibwira nuhagera.	u-ra-tu-ii-bwir-a u→w/-J

Abashakashatsi bamwe bemeza ko indangacyuzuzo ngaruka iba **-iy-** iyo umuzi w'inshinga utangiwe n'inyajwi na **-ii-** iyo umuzi utangiwe n'ingombajwi.



Imyitozo

1. Inyibutsacyuzuzo ni iki?
2. Inyibutsacyuzuzo ziri muri ngenga zingahe?
3. Erekana inyibutsacyuzuzo zigaragara mu nshinga ziciyeho akarongo ziri mu nteruro zikurikira:
Mbere yo kwikorera ku giti cyawe ugomba kubanza kubyibazaho cyane.

c) Ingereka (GRK)

Ingereka ni akaremajambo kajya hagati y'umuzi/ intima n'umusozo by'inshinga kakayizanira ingingo nshya. Iyo umuzi wiyunze n'ingereka bibyara igicumbi gishya kitwa: **intima**.

Ingereka zikoreshwu mu ikomoranshinga rishingiye ku guhimba inshinga nshya ifatiye ku mizi y'andi magambo. Hari uburyo bubiri: ikomoranshinga **mvazina** n'ikomoranshinga **mvanshinga**.

1. Ikomoranshinga mvazina

Ikomoranshinga mvazina ni uguhimba inshinga nshya uhoreye ku bicumbi by'amazina asanzwe mu rurimi.

Urugero:

Amazina/Igicumbi	Ingereka	Inshinga	Intego
Ibiryo	-h-	kuryoha	ku-ri-o-h-a i→y/-J
Ingumba		kugumba	ku-gumba-h-a
Urumuri	-k-	kumurika	ku-muri-k-a
Amahari		guharika	ku-hari-k-a k→g/-GR
Ifoto	-r-	gufotora	ku-foto-r-a k→g/-GR
Umukungu	-ah-ar-	gukungahara	ku-kungu-ah-ar-a u→ø/-J k→g/-GR
Umutindi		gutindahara	ku-tindi-ah-ar-a i→ø/-J k→g/-GR

Iri komoranshinga rikoresha ingereka zikurikira: **-h-; -k-; -r-; -ah-ar-**.

2. Ikomoranshinga mvanshinga

Iri komoranshinga rishingiye ku guhimba inshinga nshya uhoreye ku mizi y'inshinga zisanzwe mu rurimi. Ibyo bituma dusangamo ingereka z'amoko menshi. Ayo moko agabanyijemo ibyiciro: **ingereka ziyana** n'imizi gusa zihora imbere zitwa **ingereka ngeno** n'iziboneka ahabonetse hose zitwa **ingereka gikwira**. Muri buri kiciro habamo ingereka nyacyuzuzo n'ingereka ntacyuzuzo. Ingereka kandi ziha intima intego ituma zikoreshwa mu magambo; izo ngereka zitwa "**imbonezantima**".

a) Ingereka zihora zibanziriza izindi

Ingereka nsubira

Izi ngereka ziha inshinga inshoza y'igikorwa kisubiramo inshuro zirenze imwe.

Ingero z'ingereka nsubira:

Umuzi /intima	Ingereka nsubira	Inshinga nshya	Intego
-mes-	-uur-	Kumesuura	ku-mes-uur-a
-kom-		Gukomora	ku-kom-uur-a k→g/-GR u→ø/ co-
-bag-	-ar-ur-	Kubagarura	ku-bag-ar-ur-a
-vun-	-ag-ur-	Kuvunagura	ku-vun-ag-ur-a
-cir-		Guciragura	ku-cir-ag-ur-a k→g/-GR
-vug-		Kuvugagura	ku-vug-ag-ur-a

-ri-	-ag-ag-ur-	Kuryagagura	ku-ri-ag-ag-ur-a i→y / -J
-ci-		Gucagagura	ku-ci-ag-ag-ur-a i→ø/-J k→g/-GR;
-kubit- (-kub-it-)		Gukubitagura	ku-kubit-ag-ur-a k→g/-GR
-cur-	-ang-	Gucuranga	ku-cur-ang-a k→g/-GR
-kom-		Gukomanga	ku-kom-ang-a k→g/-GR
-sib-		Gusibanga	ku-sib-ang-a k→g/-GR

Ingereka ngirura/ ngiruka

Ingereka ngirura ni akaremajambo gaha inshinga inyito ibusana n'ibumbatiwe n'igicumbi.

Ingero:

Umuzi	Ingereka	Inshinga nshya	Intego
-dod-	-uur-	Kudodora	ku-dod-uur-a u→o/Co-
-fung-		Gufungura	ku-fung-uur-a k→g/-GR
-het-		Guhetura	ku-het-uur-a k→g/-GR
-ta-		Gutoora	ku-ta-uur-a a + u→o
-hug-	-uk-	Guhuguka	ku-hug-uk-a k→g/-GR
-jij-		Kujijuka	ku-jij-uk-a
-dod-		Kudodooka	ku-dod-uk-a u→o/Co-

Ingereka z'inyabune

Ingereka z'inyabune ni uturemajambo dukunda kugendana ari tune zikiyomeka ku ntima (Intima ni umuzi utihagije/udafite inyito yumvikana, ikagira inyito iyo yiyunze n'ingereka z'inyabune cyangwa imbonezantima.) Izi nyabune zishobora kugenda ari enye, eshatu cyangwa ebyiri.

Ingero z'inyabune

Urugero rw'igicumbi cyangwa umuzi utihagije	Ingereka z'inyabune	Inshinga nshya (urugero)	Intego
*han-; *hag-; *bamb-*z-; *cur-; *eg-; *jand-; *gar-; *ub-; *heng-... (harafatwa urugero rumwe).	-am- (-uk-)	Guhanama	ku-*han-am-a k→g/-GR
	-ik-	Guhanika	ku-*han-ik-a k→g/-GR
	-uk-	Guhanuka	ku-*han-uk-a k→g/-GR
	-ur-	Guhanura	ku-*han-ur-a k→g/-GR
*ramb-	-ik-	Kurambika	ku-*ramb-ik-a
	-uuk-	Kurambuuka	ku-*ramb-uuk-a
	-uur-	Kurambuura	ku-*ramb-uur-a

*tob-	-am-	Gutobama	ku-*tob-am-a k→g/-GR
	-ik-	Gutobeka	ku-*tob-ik-a k→g/-GR
*cuk-	-uuk-	Gucukuuka	ku-*cuk-uk-a k→g/-GR
	-uur-	Gucukuura	ku-*cuk-uur-a k→g/-GR
*hir-	-ik-	Guhirika	ku-*hir-ik-a k→g/-GR
	-ur-	Guterura	ku-*ter-ur-a k→g/-GR
*tah-	-uuk-	Gutahuka	ku-*tah-uuk-a k→g/-GR
	-uur-	Gutahuura	ku-tah-uur-a k→g/-GR

Ingereka ngirika

Ingereka ngirika ivuga ko igikorwa kibumbatiwe n'igicumbi k'inshinga gishoboka cyangwa se kitaruhanyije kugerwaho.

Ingero:

Umuzi	Ingereka	Inshinga nshya	Intego
-hing-	-ik-	Guhingika	ku-hing-ik-a k→g/-GR
-reb-		Kurebeka	ku-reb-ik-a i→e/Ce-
-bon-		Kuboneka	ku-bon-ik-a i→e/Co-
-gur-		Kugurika	ku-gur-ik-a
-mir-		Kumirika	ku-mir-ik-a

Ingero: Uyu murima **urahingika**. u-ra-hing-ik-a

Wivunika **numvise**. n-ø-umv-it-ye t+y→s

Bya bigori **byaheredutse**. bi-a-her-it-uk-ye i→e/Ce- i→y/-J t→d/-GR
k+y→ts

Ingereka gikwira/ zijya ahabonetse hose

1. Ingereka ingirana: -an-

Inshoza y'ibanze yo gukorera icyarimwe.

Urugero:

Gukundana: ku-kund-an -a

Gukorana: ku-kor-an-a k→g/-GR

2. Ingereka ngirira: -ir-

Inshoza yayo y'ibanze ni ugukora mu mwanya w'undi.

Urugero

Gukinira: ku-kin-ir-a	k→g/-GR
Gukorera: ku-kor-ir-a	k→g/-GR

3. Ingereka ngirisha: -ish/-sh-

Inyito yayo y'ibenze ni ukwifashisha ikintu ukora ikindi, **-sh-** ikorana gusa n'imizi y'imvugwarimwe mu gihe **-ish-** ikorana n'imizi isanzwe.

Urugero:

Guhingisha: ku-hing-ish-a	k→g/-GR
Gukosha: ku-ko-sh-a	k→g/-GR

4. Ingereka ngiza :-y-

Iyi ngereka igira inshoza y'ibenze yo gutera ikintu kubaho cyangwa kubitegeka.

Urugero:

Gukubuza: ku-kub-ur-y-a	r+y→z	k→g/-GR
Kubyaza: ku-byar-y-a	r+y→z	k→g/-GR

5. Ingereka ngirwa: -w/-bw-

Iyi ngereka yerekeza amaherezo y'igikorwa kuri ruhamwa aho kuyerekeza ku cyuzuzo. **-bw-** ikorana n'imizi y'imvugwarimwe mu gihe **-w-** ikorana n'imizi isanzwe.

Urugero:

Gukubitwa:ku-kubit-w-a	k→g/-GR
Kwigwa:ku-ig-w-a	u→w/-J
Gukobwa: ku-ko-bw-a	k→g/-GR
Gutabwa: ku-ta-bw-a	k→g/-GR



Imyitozo

- Garagaza amazina y'uturemajamo n'intego by'inshinga ziri mu nteruro zikurikira:
 - Agati kateretswe n'Imana ntigahungabanywa n'umuyaga.
 - Urugiye kera ruhinyuza intwari.
 - Akanyoni katagurutse ntokamenya iyo bweze.
 - Muzamumbwirire rwose ntazampemukire.
 - Wa muhungu we wikkikorera ibi bintu byose, tumizaho igare.
 - Witumiza ibintu mu mahanga bitujuje ubuziranenge.
 - Nuhura na Petero uzanabimwibutse.
 - Uyu muntu agomba kuhammingishiriza bidatinze.

2. Erekana intego n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe mu nshinga ziciyeho akarongo
 - a) Kaburame ni umucuruzi ukunda gutabara abantu mu itumba ntibicwe n'inzara.
 - b) Ntuzamundamukirize gusa uzanamumpere aya mafaranga ho intashyo.
3. Uhoreye ku ngero wihiityemo rondora kandi werekane uturemajambo twose tw'inshinga. Ese ni tungahe?

Impapuro zagenewe kuzuzwa



Soma iki gika maze ukore ubushakashatsi, usubize ibibazo bizikurikira:

Ikoranabuhanga ryoroheje byinshi. Zimwe mu mpapuro z'ubutegetszo kuzuza zisigaye zuzurizwa kuri murandasi hakoreshejewe terefoni cyangwa mudasobwa. Muri banki, iyo utujuje urupapuro rwo kubikuza, ushobora no kubikuza amafaranga ku cyuma cyabugene we cyangwa ukabikuza ukoresheje terefoni.

Ibibazo:

1. Ni izihe mpapuro z'ubuyobozi zuzuzwa?
2. Impapuro zabugenewe kuzuzwa, zuzuzwa hakoreshejwe iki?
3. Urupapuro rwo kubikuza rwuzuzwaho iki?

1. Impapuro zo mu nzego z'uyobozi bwite bwa Leta

Mu nzego z'ubuyobozi bwite bwa Leta, hari impapuro zabugenewe zo kuzuzwa zituma nyirazo ahabwa serivisi runaka. Zimwe muri izo mpapuro ni izi zikurikira:

- Ikemezo cy'amavuko
- Ikemezo gisimbura ikarita ndangamuntu by'agateganyo
- Icyangombwa cyo gushyingirwa
- Icyangombwa cy'ubupfakazi,
- (...)

Mu buryo bwo gutanga serivisi inoze impapuro zimwe na zimwe zuzuzwa hifashishijwe ikoranabuhanga. Ni muri urwo rwego, zimwe muri izi impapuro zisabwa hifashishijwe urubuga "Irembo: www.irembo.gov.rw"

a) Imikorere y'urubuga Irembo

Mu muco wacu, irembo ni ijambo rifite agaciro, haba gufata irembo, haba gutanga irembo, igihe cyose rivuga guhabwa ikaze mu muryango.

Uru rubuga kandi rukora nk'uburyo bw'ikoranabuhanga, butunganya ibikorwa bigamije gutanga serivisi hagati y'Ibigo bya Leta n'abaturage. Imikoreshereze n'imitunganyirize y'urwo rubuga, ikaba igengwa n'Ihuriro ry'imirongo Nyarwanda (Rwanda Online Platform Ltd).

Mu gihe umuturage akoresha urubuga irembo, agomba kubanza gusoma neza amabwiriza n'inshingano ze mu byerekerye no gukoresha uru rubuga.

Ku bijyanye n'impapuro akeneye zuzuzwa, umuturage agomba kubanza kwishyura. Kwishyura serivisi ku rubuga Irembo, bishobora gukorwa hifashishijwe uburyo butatu aribwo: terefoni ngandanwa, ikarita yo kubitsa no kubikuza n'andi makarita akoreshwa mu ma banki bakorana.


Hari kandi umuyoboro wo kwishyura ukoresheje murandasi, washyizweho kugira ngo kwishyura bikorwe mu buryo bworoshye.

Uwasabye serivisi, agomba kandi kumenya ko umwirondoro we winjijwe neza, ko yishyuye kandi ko yahawe serivisi.

Kugira ngo usubizwe amafaranga wishyuye bitewe n'uko utahawe serivisi wasabye, ugomba kugeza ikibazo cyawe ku Ihuriro ry'imirongo Nyarwanda (Rwanda Online Platform Ltd).

b) Gusaba ikemezo ukoresheje Irembo

Kugira ngo ubone ikemezo, bisaba kuba ufile mudasobwa cyangwa terefoni irimo murandasi. Wifashisha inshakisho (browser) hanyuma ukandika ahabugenewe www.irembo.gov.rw, hagahita haza ibi bikurikira:



Iyo umaze kubona iyi mbonerahamwe, ushakisha ahanditse “inzego z’ibenze”, ugahitamo ikemezo ushaka, hanyuma ukanyura mu ntambwe zikurikira:

Intambwe ya mbere: Gusaba

- Gukoresha Irembo: Niba utariyandikishije ku rubuga Irembo, kanda ahanditse “Kwiyanidikisha” hejuru iburyo maze wiyanidikishe ukoreshsheje indangamuntu yawe na nomero ya terefoni igandanwa yanditse ku ndangamuntu yawe.
 - Gusaba ukoreshsheje terefoni igandanwa (USSD): Kanda *909#, ukurikize amabwiriza, cyangwa ushobora no kwegera uhagarariye Irembo.
 - Nyuma yo kohereza dosiye isaba, wohererezwa ubutumwa bugufi kuri terefoni cyangwa imeri (Email) yawe, bwemeza ko dosiye yoherejwe, kandi ugahabwa kode yo kwishyuriraho.

Intambwe ya kabiri: Kwishyura

- Ushobora guhita wishyura unyuze ku rubuga Irembo ugakoresha amakarita (VISA cyangwa MasterCard), cyangwa se ugahitamo kwishyura ukoreshsheje terefoni (MTN Mobile Money *182#, Airtel*182#, Tigo *310#), mobikashi (Mobicash), cyangwa ukajya ku ishami rya Banki ya Kigali cyangwa uyihagarariye ukorera hafi yawe.
- Nyuma yo kwishyura, wohererezwa ubutumwa bugufi kuri terefoni cyangwa kuri imeri (Email) bwemeza ko wishyuye. Nutabona ubutumwa bugufi kuri terefoni cyangwa imeri mu gihe k’iminota 30, wahamagara kuri 9099 umukozi w’Irembo akagufasha.

Intambwe ya gatatu: Igihe cyo kujya gufata ikemezo

Iyo umukozi ushinzwe irangamimerere abonye dosiye yawe, arayisuzuma, akayemeza cyangwa akayihakana, hanyuma ukohereza ubutumwa bugufi kuri terefoni cyangwa imeri (Email) bukumenyesha ko dosiye yawe yemewe cyangwa yanzwe. **Iyo utabonye ubutumwa bugufi nyuma y’iminsi itatu y’akazi wohereje dosiye isaba, uhamagara ku biro by’umurenge wahisemo, cyangwa ukajyayo kugira ngo bagusobanurile.**

Intambwe ya kane: Kujya gufata icyangombwa

Jya kureba Umukozi Ushinzwe Irangamimerere ku murenge wahisemo, witwaje impapuro zerekana ko wishyuye (ubutumwa bugufi bwoherejwe n’Irembo cyangwa inyemezabwisyu ya banki), kandi ujyane n’imigereka isabwa kuri iyi serivisi (niba isabwa).

Iki kemezo gishobora gukoreshwa nk’imwe mu nyandiko ziherekeza dosiye isaba serivisi, nko kwiyanidikisha mu ishuri, kurera umwana utari uwawe, gusaba

ikemezo cy'umwirondoro wuzuye, kwiyandikisha kugira ngo ushyingirwe, n'ibindi...

Urugero rw'ikemezo wahabwa umaze gukoresha Irembo:



IBIRO BY'IRANGAMIMERERE

IKEMEZO CYAMAVUKO

Inomero: D214563TKRB

Gewe Umunyamabanga
Nshingwabikorwa w'Umurenge

wa Nemeje ko

Kanaka (Nyirakanaka)

.....

Mwene na

.....

Wo mu Karere ka yavukiye

.....

Ku wa

Gitangiwe ku wa

.....

Umunyamabanga Nshingwabikorwa

.....

Igiciro **500 FRW**

Iki kemezo kemejwe hakurikijwe nomero

D214563TKRB

kandi gishyizweho umukono na



Gifite agaciro kugeza ku wa

Sheki

Sheki ni urupapuro rwuzuzwa muri banki kugira ngo nyirayo cyangwa uwo ihawe abikuze amafaranga kuri konti ye cyangwa y'uyimuhaye. Biragoye kubona sheki yo mu Kinyarwanda gusa kubera ko banki ziganwa n'Abanyarwanda ndetse n'abanyamahanga. Iby'ingenzi byuzuzwa kuri sheki ni ibi bikurikira:

- Umazina y'uri bubikuze akoresheje iyo sheki.
- Umubare w'amafaranga abikuzwa.
- Uhawe sheki.
- Itariki sheki itangiweho.
- Umukono wa nyiri konti.

Urugero rwa sheki



Umwitoto

- a) Shushanya sheki ugaragaze neza amakuru yose uyuzuza akenera, maze uyuzuze.
- b) Ishyire mu kigwi cy'uwataye irangamuntu wo Murenge wa Ngoma maze umwandikire amakuru yose akenewe kugira ngo yuzuzwe ku kemezo gisimbura ikarita y'irangamuntu by'agateganyo.

Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kabiri

- Uburinganire n'ubwuzuzanye ni ukureshya imbere y'amategeko.
- Inshinga igira uturemajambo tw'inyongera ari two: akano (ni-/nî-, si-, nti-), impakanyi indangacyuzuzo, ingereka: ingereka zihora imbere (ingereka z'inyabune, ingereka nsubira, ingereka ngirura/ ngiruka), ingereka gikwira ari zo: ingereka ngirana, ngirira, ngirwa, ngiza na ngirisha. Hari ikomoranshinga mvazina na mvanshinga. Hari kandi ingereka mbonezantima zikorana n'imizi itihagije. Hari amategeko y'igenamajwi akoreshwa ku turemajambo tw'inyongera ku nshinga.
- Hari impapuro zagenewe kuzuzwa ari zo: ikemezo cy'amavuko, ikemezo kiranga umuntu, ikemezo gisimbura ikarita iranga umuntu, ikemezo cyo gushyingirwa, sheki n'izindi.



Isuzuma risoza umutwe wa kabiri

Kora ku giti cyawe, usome uyu mwandiko maze usubize ibibazo bikurikira wubahiriza amabwiriza yatanzwe.

Umwandiko: Uburinganire ni ukureshya imbere y'amategeko

Kuganira kw'abashakanye ni umusingi w'urugo n'iterambere rirambye. Ni kimwe mu bituma abashakanye babana neza, bakubaka urugo rwabo bizeranye kandi byongera urukundo hagati yabo.

Kugira ngo ibyo biggerweho, bisaba kubanza kwiyubakamo ubushobozu bushingiye ku ndangagaciro z'umuco n'imyemerere nk'ukuri, kudahubuka, kubahana, kutabogama, gutega amatwi, kudatukana n'ibindi.

Kuganira ni umuti wo gukemura ibibazo hagati y'abashakanye. Bafatanya gushaka ibisubizo by'ibibazo byabo kandi byubaka urugo kuko bose baba bashyize hamwe ntibanyuranye mu magambo no mu bikorwa. Iyo baganira bafata ingamba ku bibazo bireba urugo nko kuboneza urubyaro, imishinga yongera umutungo w'urugo, uburere bw'abana n;ibindi

Abashakanye kandi bagomba kugira ubushake bwo guhana amakuru hagati yabo, gukurikirana amakuru kuri radiyo no mu bindi bitangazamakuru, basoma ibinyamakuru, bitabira inama kuko ibyo bituma biyungura ubumenyi.

Mu biganiro byabo bagomba kugira umwanya wo guhana amakuru yubaka batagendeye ku mpuha n'ibindi bidafite akamaro ndetse bakungurana ibitekerezo bahitamo ibifitiye akamaro urugo rwabo.

Abashakanye bagomba kuganira n'abana babo kugira ngo bamenye ibyo bakeneye, ibyo bakunda n'ibibabangamira bakabibafashamo bitagombye kubagiraho ingaruka.

Gutega amatwi bifasha kumva ibitekerezo by'umuntu, amarangamutima afite, kandi biguha umwanya wo kumenya icyo usubiza udahubutse.

Ingaruka ku bashakanye bataganira ni nyinshi: bahorana ibibazo kuko batabiganiraho ngo babikemure. Umwe akora ibye atagishije inama undi. Bahora mu makimbirane bigatuma abana bafatwa nabi. Nta terambere riba mu rugo rw'abashakanye bataganira. Umutungo ni kimwe mu bituma ubuzima bw'umuryango bugenda neza kandi hakabaho ikizere k'imbereho y'ejo hazaza y'abawugize cyanecyane abana. Imicungire y'umutungo mibi igira ingaruka ku mibanire y'abashakanye. Ni ngombwa rero ko abashakanye bumvikana ku micungire y'umutungo. Abashakanye bagomba kumvikana ku bitunga urugo, ku bikoreshwa mu yindi mishinga nko kurihira abana mashuri, kwivuza n'indi misinga y'iterambere ry'urugo.

Ni ngombwa ko abashakanye bumvikana ku musaruro ugomba kuzigamwa. Guhisha uwo mwashakanye imwe mu mitungo ugamije kwikemurira ibibazo byawe bwite ni ingeso mbi yo kwirinda.

Kubahiriza uburenganzira bw'uwo mwashakanye, mu kugira ubuzima bwiza no mu gutanga ibitekerezo ni ngombwa. Abashakanye bagomba gukurikiza inshingano biyemeza kubahaha, guhahira urugo, kudasesagura, gутeganyiriza ejo hazaza no kurera abana babyaye.

Kwiybakamo indangagaciro z'umuco nyarwanda n'imyemerere na byo ni ngombwa. Ibyo bijyana no kudahohotera uwo mwashakanye, kutamutuka, kutamukubita, kutamwicisha inzara no kutamusebya bifasha urugo kubaho mu rukundo no mu bwubahane. Ni ngombwa kandi ko abashakanye bagira urukundo rutagira ikizinga, bagategana amatwi, bakamenya ibyo buri wese akeneye ku nyungu z'urugo.

Mu kwanzura twavuga ko ari ngombwa guha agaciro, icyubahiro n'ubwisanzure bihagije uwo mwashakanye. Gufatanya n'uwo mwashakanye gucunga umutungo w'urugo, guha abana urukundo n'uburere bwiza; kutiyandarika ni ipfundu ry'iterambere ry'umuryango. Ni ngombwa kandi gufatanya n'uwo mwashakanye mu mirimo y'urugo; guhangayikishwa no kumenya uko yiriwe; kumwihanganira mu bihe by'ubukene cyangwa by'uburwayi bifite akamaro gakomeye mu mibanire yabo. Kugira isuku mu byo bakora byose; kwita ku bashyitsi babo n'ab'abana babo no kubaha icyubahiro bakwiye; kuzuza inshingano z'urugo no kubahiriza uburenganzira bwa buri wese ni ngombwa.

I. Inyunguramagambo:

Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko

- 1. Umusingi w'urugo
- 2. Gufata ingamba
- 3. Impuha
- 4. Amakimbirane

II. Ibibazo ku mwandiko

1. Uburinganire n'ubwuzuzanye bisobanura iki?
2. Iribazo kivutse mu rugo gikwiye gukemurwa gite?
3. Amakimbirane hagati y'abashakanye aturuka he?
4. Kuganira kw'abashakanye bifite akahe kamaro?
5. Kuki abashakanye bagomba kuganira n'abana babo?
6. Mwebwe nk'abana mujya mubona ko hari amakimbirane aturuka ku buringanire n'ubwuzuzanye? Niba ahari aterwa n'iki?
7. Mwaba muganira n'ababyeyi banyu? Niba mutaganira mubona biterwa n'iki?

III. Ikibonezamvugo

1. Erekana uturemajambo twungirije, inshinga igira? Ese inshinga itondaguye igira uturemajambo tungahe? Andika amazina yatwo.
2. Hari ubwoko bungahe bw'ingereka mu nshinga itondaguye?
3. Ukoreshewe imbonerahamwe, sesengura inshinga itondaguye ugaragaza amazina y'uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.
 - a) Kamanzi ati: "Mu bucruzi bwange, nkoresha abantu benshi".
 - b) Ese Petero arakishonjesha iyo bamubwiye kujya mu mirimo isaba ingufu?
 - c) Za ngabo zaracumbukuye, ubu zigeze hakurya ya Nyabarongo.
 - d) Kera Abanyarwanda bamesheshaga imigwegwe. Ese ubu baracyakora batyo?

IV. Kuzuza impapuro zabugenewe:

1. Ni ibihe bintu ugomba kwitwararika mbere yo guha umuntu sheki?
2. Uzuza iki kemezo mu gihe utegereje ko Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge agusinyira.

REPUBLIKA Y'U RWANDA



INTARA/UMUGI WA.....
AKARERE KA.....
UMURENGE WA.....

Ikemezo kiranga umuntu

Ngewe..... Umunyamabanga Nshingwabikorwa
wa..... nemeje indangamuntu y'uwitwa
Izina:.....
Amazina y'idini:.....
Izina rya se:.....
Izina rya nyina:.....
Aho yavukiye:
Akarere k'amavuko.....
Ubwenegehugu.....
Umwuga:
Intara avukamo.....
Intara atuyemo.....
Nakiriye.....FRW Gitangiwe.....ku wa.../.../20.....

Uwakiriye amafaranga mu Murende (Amazina)

.....
Umukono

Umunyamabanga nshingwabikorwa (Amazina)

.....
Umukono

Kashe

3

Ubuzima

Umwandiko: Indwara z'ibyorezo



Bayobozi b'utugari n'imidugudu igize Umurenge wa Munanira,
Baturage mutuye mu Murenge wa Munanira,

Nongeye kubasuhuza, nimugire amahoro! Nyuma y'iki gikorwa cy'umuganda cyari cyaduteranyirije hano, ndagira ngo mbamenyeshe ko uyu munsi hateganyirijwe kuganira ku ndwara z'ibyorezo. Nkaba ngira ngo mbamenyeshe ko icyo kiganiro tugiye kukigezwaho n'umuyobozi w'Ikigo Nderabuzima cya Munanira. Muyobozi w'Ikigo Nderabuzima cya Munanira uyu mwanya ni uwanyu kugira ngo mugeze ku baturage b'Umurenge wa Munanira ikiganiro mwabateguriye.

Murakoze!

Nyakubahwa Muyobozi w'Umurenge,

Bayobozi b'utugari n'imidugudu,
Baturage b'Umurenge wa Munanira, nimugire amahoro!
Nk'uko byari biteganyijwe, nyuma y'igikorwa cy'umuganda cyabaye uyu munsi, tugiye kuganira ku ndwara z'ibyorezo n'ingamba zo kuzirinda. Sintwara umwanya munini, ngiye kubaganiriza iminota mike ishoboka. Ndabanza nsobanure indwara y'icyorezo icyo ari cyo, uko ikwirakwira, mvuge kuri zimwe mu ndwara z'ibyorezo zigaragara muri iki gihe, nsoreze ku ngamba zo kuzirwanya.

Bayobozi bo mu Murenge wa Munanira,
Baturage b'Umurenge wa Munanira,
Muri iyi si dutuyemo habamo ibiremwa bifite ubuzima n'ibitabufite. Umuntu rero ni ikiremwa gifite ubuzima, aravuka, agahumeka, akagenda, akarya, agakura, akabyara ndetse akageraho agapfa. Ashobora gupfa biturutse ku ndwara zoroheje cyangwa izikomeye iyo zitavuwe neza. Mu bihe bimwe rero bene izo ndwara ziza ari ibyorezo. Ni ukuvuga indwara ziza zibasira imbaga ku buryo haboneka umubare munini cyangwa umubare udasanzwe w'abagaragaza iyo ndwara mu gace runaka ndetse no mu gihe runaka. Ibi bishaka kuvuga ko indwara bayita icyorezo bashingiye ku gihe iyo ndwara yakwiriye, agace kibasiwe n'ijo ndwara ndetse n'ibimenyetso byaranze abantu bibasiwe na yo.

Bayobozi bo mu Murenge wa Munanira,
Baturage bo mu Murenge wa Munanira,
Indwara z'ibyorezo ni indwara zishobora guhitana umubare munini w'abantu. Ni ngombwa ko tumenza izo ari zo n'uko zandura kugira ngo dufate ingamba zo kuzirinda. Muri zimwe mu ndwara zagiye zibasira abantu ndetse zikaba n'ibyorezo twavuga nka korera, marariya, macinya, igituntu, Sida, indwara ya ebora yamenyekanye muri iki gihe n'izindi.

Indwara z'ibyorezo zishobora kwandura ku buryo butaziguye no ku buryo buziguye. Ku buryo buziguye, indwara ikwirakwira iyo agakoko gatera indwara nyirizina kinjiye mu muntu gaturutse mu ndiri yako bityo kagahita gakwira mu mubiri. Umuntu rero ashobora kuba imwe mu ndiri y'agakoko bityo akaba ashobora kwanduza mugenzi we amukozeho, basomanye, bakoranye imibonano mpuzabitsina, igihe cyo konsa, igihe cyo kubyara, mu gutanga amaraso, kongera ingingo mu mubiri w'umuntu n'ibindi.

Mu buryo butaziguye, indwara yinjira mu mubiri w'umuntu inyuze mu biryo yariye, mu mazi yanyoye mu bikoresho binyuranye byanduye, ikindi kandi agakoko gashobora kunyura mu dusimba no mu zindi nyamaswa cyangwa mu kirere gaciye mu ivumbi cyangwa mu bitonyanga by'imvura.

Bayobozi,
Baturage b'Umurenge wa Munanira,
Ngira ngo murumva ko hari inzira zitandukanye twakwanduriramo indwara z'ibyorezo. Aha mushobora kumbaza muti: "Ni izihe ngamba twafata kugira ngo tuzirwanye?" Indwara z'ibyorezo rero zigira ingaruka nyinshi haba ku muntu ndetse

no ku gihugu muri rusange. Bene izo ndwara zihitana abantu benshi icyarimwe kandi mu gihe gito, zigakenesha umuryango ndetse n'iterambere ry'ighugu muri rusange rikahadindirira.

Leta y'u Rwanda ni yo ikunze gufata iya mbere mu kuzirwanya, ikora ubushakashatsi ku ndwara nyirizina. Ibyo bituma mbere na mbere hamenyekana imvano y'indwara uburyo bwayo bwo gukwirakwira bityo igafata ingamba zihamye zo kuyirwanya. Nge, mwe n'abandi batari aha, turasabwa rero kutananiza Leta ngo ige ihora muri ubwo bushakashatsi kuko buyitwara amafaranga menshi. Inyinshi tuzi uko zandura nimureke tuzirinde. Nitugirire isuku ibiribwa kuko bishobora kuba intandaro y'ikwirakwira ry'indwara z'ibyorezo. Niba kandi hari ibiribwa tuzi byahumanye, bayobozi murashishikarizwa kubuza icuruzwa ryabyo. Hari ibyorezo bindi biterwa n'udukoko, turashishikarizwa gukoresha inzitiramibu, kwirinda imibonano mpuzabitsina idakingiye. Twirinde kurya ibiribwa bidafite ubuziranenge, dukoreshe ibikoresho bisukuye. Ikindi kandi twirinde guhumanya ibidukikije; amazi umwuka duhumeka n'ibindi kuko na byo twabonye ko bishobora kuba inzira y'ikwirakwira rya tumwe mu dukoko dutera indwara z'ibyorezo.

Bayobozi,

Baturage bo mu Murenge wa Munanira,

Nababwiye ko ntari bwizimbe mu magambo. Indwara z'ibyorezo zitera imfu zikabije z'abantu. Nimucyo dusenyere umugozi umwe tuzirwanye twivuye inyuma. Nihagaragara ibimenyetso runaka by'imwe mu ndwara z'ibyorezo tuge twitabira gutangira amakuru ku gihe kugira ngo Leta y'u Rwanda ifate ingamba zo kuyihashya mu maguru mashya. Niba kandi wagaragaweho ibimenyetso by'indwara y'icyorezo, ihutire kujya kwa muganga kugira ngo ukurikiranwe amazi atararenga inkombe. Gutinda byatuma wanduza benshi, akari kera ikanagucura inkumbi. Murakoze mbashimiye uburyo mwanteze amatwi nkaba nizera ko twese hamwe tugiye guharanira kubungabunga ubuzima bwacu duhashya indwara z'ibyorezo.

I. Inyunguramagambo

A. Sobanura amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira:

- | | |
|----------------------|-------------------------------|
| 1. Kwibasira imbagi | 7. Ibiribwa bihumanye |
| 2. Gufata ingamba | 8. Kwizimba mu magambo |
| 3. Uburyo butaziguye | 9. Kwiva inyuma |
| 4. Uburyo buziguye | 10. Guhashya mu maguru mashya |
| 5. Indiri | 11. Amazi atararenga inkombe |
| 6. Intandaro | 12. Gucurwa inkumbi n'indwara |



B. Kora uyu mwitotozo w'inyunguramagambo ukurikira:

Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo akurikira yo mu mwandiko: Amazi atararenga inkombe, indiri, gufata ingamba, uburyo butaziguye, ibiribwa bihumanye, kwibasira imbaga.

- a) Ibiziba n'ibihuru ni y'imibu itera marariya.
- b) Bariye none barwariye rimwe.
- c) Iyo umuntu afashwe n'uburwayi ni byiza kumujyana kwa muganga vuba.....
- d) Abanyarwanda bose bakwiye zo gukingiza abana bakivuka.

II. Ibibazo byo kumva umwandiko

Subiza ibi bibazo:

1. Ni ryari tuvuga ko indwara ari icyorezo?
2. Mu mwandiko batubwira ko indwara z'ibyorezo zishobora kudindiza iterambere ry'ighugu. Bisobanure nibura wifashishiye ingero ebyiri.
3. Ni uruhe ruhare ibidukikije bishobora kugira mu kwanduza indwara z'ibyorezo? Tanga ingero ebyiri z'indwara z'ibyorezo zakwandurira mu bidukikije?
4. Uhoreye ku bumenyi rusange usanzwe ufite, tanga urugero rw'indwara y'icyorezo umuntu ashobora kwanduza mugenzi we:
 - a) amukozezo,
 - b) amusomye,
 - c) bakoranye imibonano mpuzabitsina,
 - d) mu gihe cyo konsa,
 - e) mu gihe cyo kubyara,
 - f) mu gutanga amaraso.
5. Uhoreye aho utuye garagaza ingamba eshatu Leta y'u Rwanda ifata mu kurwanya indwara z'ibyorezo.
6. Ni gute abaturage twakunganira Leta y'u Rwanda kugira ngo igere kuri izo ngamba?
7. Abaturage bo bafata izihe ngamba kugira ngo barwanye indwara z'ibyorezo?
8. Ni iyihe nama wagira umuntu wagaragaraweho n' indwara y'icyorezo?
9. Ku bwawe urabona uyu mwandiko ari bwoko ki? Ugamije iki?
10. Abaturage babwirwa bari bahujwe n'ikihe gikorwa? Vuga inyungu zinyuranye zishobora gukomoka kuri icyo gikorwa.

III. Imyitozo yo gusesengura umwandiko



Tekereza ku mwandiko wasomye maze usubize ibi bibazo:

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
2. Garagaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

Imbwirwaruhame



Itegerezze izi nteruro zivuye mu mwandiko wasomye maze ukore ubushakashatsi ku bibazo biri hasi yazo.

“Muyobozi w’Umurenge,
Bayobozi b’utugari n’imidugudu,
Baturage b’Umurenge wa Munanira, nimugire amahoro!
Nk’uko byari biteganijwe, nyuma y’igikorwa cy’umuganda cyabaye uyu munsi, tugiye kuganira ku ndwara z’ibyorezo n’ingamba zo kuzirinda.”

Ibibazo:

1. Aka gace karagaragaza ko uyu mwandiko ari bwoko ki?
2. Ni iki kibigaragaza?

1. Inshoza y’imbwirwaruhame

Imbwirwaruhame ni ijambo umuntu ategura akarigeza ku bantu benshi bakirinda kumurogoya, ahubwo bakamutega amatwi. Imbwirwaruhame ishobora kuba ndende cyangwa ngufi bitewe n’intego yayo. Uvuga imbwirwaruhame na we agomba kuyitegura agahuza ibitekerezo bye bwite n’insanganyamatsiko y’umunsi, kandi akiyubaha ubwe, akubaha n’abamuteze amatwi. Imbwirwaruhame zivuga ku nsanganyamatsiko zinyuranye: izibwiriza iby’idini, izivuga ibya poritiki, izo kwizihiza iminsi mikuru, izikangurira abantu igikorwa runaka... Ni yo mpamvu imbwirwaruhame zishobora kuvugirwa ahantu hanyuranye nko mu nsenero, mu ishuri, mu nzu mberabyombi n’ahandi.

2. Uturango n’imbata y’imbwirwaruhame

Imbwirwaruhame igizwe n’ibice bine: umutwe, intangiriro, igihimba n’umwanzuro.

Umutwe:

Umutwe ni igice kibanza k’imbwirwaruhame kigaragaza insanganyamatsiko n’uyivuga.

Intangiriro

Mu ntangiriro uvuga imbwirwaruhame atangira asuhuza abo yagene ye imbwirwaruhame ahereye ku banyacyubahiro bahari uko bagenda basumbana, mu byubahiro byabo.

Urugero:

“Muyobozi w’Umurenge,
Bayobozi b’utugari n’imidugudu,
Baturage b’Umurenge wa Munanira, nimugire amahoro!”

Aka ni na ko karango ka mbere k’imbwirwaruhame. Mu ntangiriro kandi ni ho utanga imbwirwaruhame agaragaza ibyo ari buze kuvugaho asa n’utera amatsiko abari buze kumutega amatwi ndetse no kubumvisha akamaro k’icyo kiganiro agiye kubagezaho. Iki gice ntokigomba kuba kirekire.

Igihimba

Iki gice ni cyo gice fatizo k’imbwirwaruhame. Ni muri iki gice utanga imbwirwaruhame avuga ingingo yateguye kuvugaho. Ni ngombwa ko izo ngingo azikurikiranya neza ashingiye ku buremere bwazo. Ibi bituma abamutega amatwi bishimira gukomeza kumwumva kuko aba yahereye ku ngingo zibafitiye akamaro cyane. Iyo bibaye ngombwa ko hari ingero zitangwa, uvuga imbwirwaruhame acoresha ingero zijiyan ye n’abo abwira cyangwa aho avugira. Kubera ko iki gice gishobora kuba kirekire, utanga imbwirwaruhame mbere yo kujya ku yindi ngingo ashobora kugenda acoresha amagambo yo gukangura abo abwira (Bayobozi, Babyeyi, Nshuti, Bavandimwe...)

Umwanzuro / Umusozo

Muri iki gice utanga imbwirwaruhame asoza yibutsa abamuteze amatwi ingingo z’ingezi baganiriyeho kugira ngo basigarane ishusho y’imbwirwaruhame. Ni muri iki gice kandi ashobora kugaragaza ibyifuzo, ingamba, inama... bitewe n’imiterere y’imbwirwaruhame. Niba yashishikarizaga abantu kurwanya ibiyobyabwenge arasoza agaragaza ingamba zafatwa mu kubirwanya. Muri iki gice kandi utanga imbwirwaruhame asoza ashimira abari bamuteze amatwi.

3. Amabwiriza agenga imbwirwaruhame

Ibyitabwaho mbere yo gutanga imbwirwaruhame

Mbere yo gutanga imbwirwaruhame mbwirwaruhame ugitegura agomba kumenya ibi bikurikira:

- Ni ngombwa kumenya abo agiye kubwira imbwirwaruhame abo ari bo.
- Ni iki bashobora kumva? Bari mu kihe kigero k’imyaka? Bakora iki? Ni iki bahuriyeho?
- Gutegura imbwirwaruhame.
- Kumva neza insanganyamatsiko y’imbwirwaruhame byaba ngombwa akanasoma ibitabo binyuranye bivuga kuri iyo nsanganyamatsiko.

- Gukusanya ibyo azavuga mu ngingo zinyuranye z'imbwirwaruhame ashingiye ku byo yasomey cyangwa yabajije abandi.
- Gushaka intego z'imbwirwaruhame akanakora imbata yayo.

Imiyitarire y'utanga ikiganiro mbwirwaruhame

Utanga ikiganiro mbwirwaruhame agomba kuba:

- Afite isuku; yambaye neza; ni ukuvuga imyambaro idakojeje isoni.
- Kumenya guhagarara neza imbere y'abandi nta mususu.
- Kuvuga imbwirwaruhame ye adategwa.
- Kuraranganya amaso mu bo abwira, kirazira kubatera umugongo no kuba imbata y'urupapuro.
- Kurangurura ijwi kugira ngo imbwirwaruhame yumvikane.
- Kuvuga atarandaga cyane ngo batarambirwa kandi ntihute cyane mu mvugo kugira ngo ibyo avuze birusheho kumvikana.
- Kwirinda imvugo nyandagazi.
- Kugenda atanga ingero zihuye n'ikigero cy'abo abwira cyangwa se icyo bakora.

Ikitonderwa:

Imbwirwaruhame itegurwa yandikwa, ikavugwa isomwa. Nta guhimbiraho kuko bituma uvuga ashobora gukora amakosa. Nubwo tutakwirengagiza ko hariabantu bagira impano yo kuvugira mu ruhame ariko si ibya bose.



Umwitoto

Kurikirana imbwirwaruhame yafashwe kuri radiyo maze uyijore.



Umukoro

Ishyire mu kigwi cy'umuujyanama w'ubuzima wandike imbwirwaruhame ku ndwara y'igituntu, uyigenere abaturage b'umudugudu runaka.

Inshamake y'ibizwe mu mutwe wa gatatu

- Indwara bayita icyorezo iyo yibasira imbagu ku buryo haboneka umubare munini cyangwa umubare udasanzwe w'abagaragaza iyo ndwara mu gace runaka no mu gihe runaka. Mu rwego rwo kwirinda indwara z'ibyorezo ni ngombwa gufata ingamba zo kugirira isuku ibiribwa kuko bishobora kuba intandaro y'ikwirakwira ryazo. Niba kandi hari ibiribwa byahumanye ni ngombwa kurwanya icuruzwa ryabyo. Gukoresha inzitiramibu, kwirinda imbonano mpuzabitsina, kwirinda kurya ibiribwa bidafite ubuziranenge, no gukoresha ibikoresho bisukuye na byo ni ingenzi mu kwirinda indwara. Ikindi kandi ni ukwirinda guhumanya ibidukikije kuko ibyo byose ari intandaro

y'indwara z'ibyorezo zishobora kudindiza iterambere kuko zihitana abantu benshi icyarimwe kandi mu gihe gito, zigakenesha umuryango. Byongeye kandi Leta y'u Rwanda izitangaho amafaranga menshi ikora ubushakashatsi bugamije kuzirwanya. Zidahari ayo mafaranga yashorwa mu bindi bikorwa remezo.

- Imbwirwaruhame ni ijambo ribwirwa abantu benshi ariko bagatega amatwi umwe gusa, bakirinda kumurogoya.



Isuzuma risoza umutwe wa gatatu

Kora ku giti cyawe, usome uyu mwandiko maze usubize ibibazo bikurikira wubahiriza amabwiriza yatanzwe.

Umwandiko: Indwara ya marariya

Abanyarwanda twese tumaze kumenya akamaro k'amavuriro mu Gihugu cyacu. Ni yo mpamvu umuntu asigaye afatwa akirukira kwa muganga. Hambere, kubera amavuriro make, mato, akennyе, abarwayi bapfaga ari benshi. Ariko abavuzi ba gihanga babaga bagerageje bakavura indwara nyinshi, zimwe zo mu nda, izo ku ruhu n'izindi. Marariya yo kuyivura byababeraga ingorabahizi ni yo mpamvu yahitanaga abantu benshi.

Mu gihe gishize, hateye icyorezo cya marariya, kera bitaga ubuganga, bituma abantu bibaza impamvu iyo ndwara yiyongereye. Abibeshyaga, baje kuvuga ko ibiti by'avoka byatumye imibu yiyongera kuko byari bimaze gukwira mu Gihugu cyose, kandi imibu ikaba ibyihishamo. Avoka nyinshi kandi ziba mu ntanzi z'urugo. Iyo bugorobye rero, imibu ivamo igatera mu ngo. Gusa avoka si zo ndiri y'imibu itera marariya zonyine, ahubwo ngo urutoki ni rwo rwa mbere. Amazi areka mu mivovo, amakoma n'imyanana bituma havuka imibu ishyano ryose. Ariko nanone nta watema za voka n'urutoki ngo ni uko bikurura imibu idutera marariya, ahubwo dusukure munsi yabyo, twirinde kuhajugunya ibikopo n'injyo kuko birekamo amazi, imibu igateramo amagi. Ibindi bikurura imibu ni amazi aretse hasi yose. Twirinde rero kugira ikizenga hafi y'urugo kandi dupfundikire ibibindi n'ibindi birekamo amazi. Duteme ibyatsi biri mu ntanzi z'urugo kuko bicumbikira imibu.

Ubwo imibu ari yo itera marariya, uburyo nyabwo bwo kuyirinda ni ukurwanya imibu, abantu bagakangurirwa kugira isuku aho batuye batema ibiti bikikije ingo, birinda amazi areka iruhande rw'amazu ndetse banakoresha inzitiramubu ikoranye umuti. Ikindi cyakorwa ni uko uyirwaye yayivuza neza, ntimubemo ikigugu, ngo imuzahaze. Uko kuzahazwa na marariya biri mu bidindiza amajyambere y'igihugu kuko nta mubyizi w'umuntu w'inzahare.

Mu myaka yashize marariya yahitanye benshi kuko batari bazi ibiyitera ngo bafate ingamba zo kuyirinda barwanya ibiyitera, nk'uko Abanyarwanda bavuga ngo: "Kwirinda biruta kwivuza". Twirinde marariya dukurikiza inama zose tugirwa n'abahanga mu buvuzi bwayo.

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uyu mwandiko?
2. Kubera iki mu myaka yashize abarwayi bapfaga cyane?
3. Ni izihe ngamba wafata kugira ngo urwanye marariya?
4. Aho utuye, iyo abantu barwaye babigenza bate?

II. Inyunguramagambo

1. Koresha mu nteruro amagambo akurikira: Imivovo, intanzi z'urugo, injyo, kuzahara.
2. Sobanura amagambo akurikira: ikigugu, icyorezo.

III. Imbwirwaruhame

- a) Imbwirwaruhame ni iki?
- b) Vuga ibyitabwaho mbere yo gutanga imbwirwaruhame.

4

Umuco w'amahoro

Umwandiko: Gukumira no kurwanya jenoside



Iyi foto twayiherewe uruhushya n'ubuyobozi bw'urwibutso rwa jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda rwa Gisozi.

Iri jambo “jenoside” ryakoreshejwe bwa mbere mu 1944 igihe habaga amarorerwa yibasiye Abayahudi i Burayi. Jenoside rero ni izina ryahawe ubwicanyi ndengakamere bugamije kurimbura imbagy y'abantu bafite icyo bahuriyeho gishobora kuba: ubwoko, idini, akarere, isura, ibara ry'uruhi, igitsina, ubwenegihugu, inkomoko, ururimi, ibitekerezzo bya poritiki n'ibindi, hashyirwa mu bikorwa umugambi uba warateguwe. Icyo cyaha kidasanzwe cyashyizwe mu mategeko mpuzamahanga mu 1948 nk'icyaha gitandukanywa n'ibindi byaha by'ubwicanyi kubera umugambi n'ubushake bwo kurimbura abantu bazira icyo bari cyo. Jenoside itegurwa na Leta kuko ari yo yonyine ifite uburyo n'ubushobozi bwo gufata ikemezo cyo kurimbura itsinda ry'abantu. Mu bihe bisanzwe, uwafata icyo kemezo Leta itabishyigikiye yamuhagarika ikarengera abaturage ishinzwe kurinda. Jenoside ni icyaha kidasaza,

gihanirwa aho ari ho hose ku isi. Umuntu yakwibaza ati: "Jenoside ishoboka ite? Ni izihe ngamba zafatwa mu kuyikumira no kuyirwanya?"

Hari abashakashatsi banyuranye banditse kuri jenoside, ariko hano turavuga ku mushakashatsi Geregori Sintato (Gregory Stanton). Mu gitabo ke yise *What is genocide?*, umushakashatsi ku bumenyi bwa jenoside n'uburyo bwo kuyirwanya, Geregori Sintato (Gregory Stanton) ukomoka muri Amerika ni we washyize ahagaragara intambwe zinyuranye jenoside inyuzwamo kugira ngo ishoboke. Ni ngombwa kumenya ibiranga buri ntambwe kugira ngo umenye uko wayikumira n'uko wayirwanya.

Mbere ya byose, abategura jenoside batandukanya abaturage, bakabacamo ibice bibiri «Twe» na «Bo» bagendeye ku bwenegihugu, ubwoko, inkomoko cyangwa imyemerere. Muri iki gikorwa, abategura jenoside bagerageza kumvisha abaturage ko kubacamo ibice nta cyo bitwaye kandi ko nta ngaruka bifite. Ariko mu by'ukuri bo baba bazi impamvu yabyo n'icyo bashaka kuzageraho.

Nyuma yo guamo abaturage ibice, buri tsinda rihabwa izina ryihariye, rikagenderwaho babatandukanya n'abandi badahuje itsinda. Ibi bigashimangirwa n'inyigisho z'urwango zirushaho gutandukanya amatsinda yombi, kugeza ubwo itsinda ryibasiwe rifatwa nk'umwanzi mu muryango ribarizwamo.

Nyuma yo gutandukanya amatsinda no kuyaha amazina yihariye kuri buri tsinda, itsinda ryibasiwe ritangira kwamburwa ubumuntu, abarigize bakagereranywa n'ibikoko.

Ku rwego rwa kane, abategura jenoside barangwa n'ibikorwa bitandukanye bitegura ishyirwa mu bikorwa ryayo. Hategurwa hakanigishwa abazayikora, hagashakwa ibikoresho bizifashishwa.

Ku rwego rwa gatanu, abategura jenoside batangira kwibasira abatagira aho babogamiye, batabyumva kimwe na bo; kugira ngo bitazababuza gushyira mu bikorwa umugambi wabo wa jenoside.

Hakurikiraho kugaragaza abagomba kwicwa, hagakorwa urutonde rwabo. Nyuma yo gukora urutonde rw'abagomba kwicwa, hakurikiraho kubica hagamijwe kumarahao abagize itsinda runaka.

Nyuma yo gushyira mu bikorwa jenoside, iteka abayikoze ntibaba bemera ibyaha bakoze. Nibwo usanga barangwa no guhakana ibyabaye, bagahisha ukuri, bakibasira abatangabuhama n'ibindi byose bagamije kuburizamo ibimenyetso bituma umugambi wabo umenyekana n'uburyo wateguwe.

Kugira urukundo rwa mugenzi wawe no kumva ko abantu ari ibiremwa by'Imana ni yo ntwaro ya mbere yo kwirinda no gukumira jenoside. Ni ngombwa kwamagana

ubuyobozi bucamo abaturage ibice bubumvisha ko atari bamwe. Mu mategeko ahana ya buri gihugu, hakwiye gushyirwamo itegeko rihana umuntu wambura mugenzi we ubumuntu amwitiranya n'inyamaswa cyangwa amuha andi mazina agamije kumutesha agaciro. Abayobozi b'ighugu n'ab'imiryango mpuzamahanga bakwiye kwamagana no guhana ababiba inzangano n'amacakubiri babicishije mu biganiro mbwirwaruhame no mu bundi buryo bunyuranye bw'isakazamakuru.

Mu kurwanya jenoside, Umuryango w'Abibumbye "UN" ugomba gukumira igurwa ry'intwaro kubihugu no ku baturage bagaragaweho umugambi mubisha wa jenoside bakanafatirwa ibihano mpuzamahanga. Ni ngombwa kandi gutangaza ibihugu byagaragaweho itegurwa rya jenoside no gushyiraho ingabo mpuzamahanga zo gutabara mu maguru mashya abibasiwe na jenoside. Birakwiye kandi guca umuco wo kudahana, abakoze jenoside bagacirwa imanza aho baba baherereye hose.

Muri make uruhare rwa buri muntu mu gukumira no kurwanya jenoside ni ukwamagana abagifite ingengabitekererezo ya jenoside no guhana abayitsimbarayeho. Kurangwa n'imitekerereze, imyumvire, imikorere n'imyitwarire izira ivangura iryo ari ryo ryose mu bikorwa bya buri munsi, twubahiriza uburenganzira bwa muntu bwo kubaho, kumvwa no gukemurirwa ibibazo no kwemera ibitekerezo bitandukanye. Ni ngombwa kandi gutoza abana n'abo tubana kubahiriza uburenganzira bw'abandi no kwirinda ivangura n'amacakubiri aho ava akagera.

Bifatiye ku bya Geregori Sintato (Gregory Stanton), 1944, What is genocide?

I. Inyunguramagambo

A. Sobanura amagambo akurikira:

- | | |
|---------------------------|---------------------|
| 1. Kurimbura abantu | 6. Kubura agaciro |
| 2. Kwibasira umuntu | 7. Umugambi mubisha |
| 3. Ubumuntu | 8. Guhana umugambi |
| 4. Gutesha agaciro umuntu | 9. Mu maguru mashya |
| 5. Guta agaciro | |



Kora iyi myitozo y'inyunguramagambo:

1. Koresha aya magambo ukore interuro ukurikije inyito afite mu mwandiko:
ubumuntu, kwibasira, agaciro.
2. Andika impuzanyito z'aya magambo yanditse mu nyuguti zitsindagiye ziri mu mwandiko:

- a) Ni ngombwa gutabara abantu bibasiwe na jenoside **bidatinze**.
- b) Mudacogora **yaboneranywe** n'abajura.

II. Ibibazo byo kumva umwandiko

Subiza ibibazo bikurikira:

1. Jenoside ni iki?
2. Kuki jenoside itandukanye n'ubundi bwicanyi?
3. Kuvuga ko jenoside ari icyaha kidasaza bishatse kuvuga iki?
4. Intambwe jenoside inyuramo kugira ngo igerweho ni zingahe? Zivuge uzikurikiranyije.
5. Vuga nibura uburyo butatu bwo gukumira jenoside bugaragara mu mwandiko.
6. Ni iyihe nama wagira buri muntu mu rwego rwo kwirinda no kurwanya jenoside?
7. Garagaza uburyo bunyuranye bwo gukumira no kurwanya jenoside butavuzwe mu mwandiko.

III. Imyitozo yo gusesengura umwandiko



Tekereza byimbitse ku mwandiko wasomye maze usubize ibi bibazo:

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko rusange ivugwa muri uyu mwandiko?
2. Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.
3. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?
4. Ukarikije umwandiko ni izihe ngaruka jenoside yagira ku buzima bw'Ighugu uhoreye kuri jenoside yakorewe Abatutsi?

IV. Umwitozo w'ubumenyi ngiro



Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku nsanganyamatsiko ikurikira wubahiriza uko bikorwa hanyuma muhurize hamwe umwanzuro w'ibyo mwagezeho.

Uruhare rwa gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" mu gukumira no kurwanya jenoside".



Umukoro

- Hanga umuvugo ku gukumira no kurwanya jenoside, wamagana abapfobya n'abahakana jenoside yakorewe Abatutsi.
- Kora ubushakashatsi ku bandi bashakashatsi banditse kuri jenoside ugaragaze uko bayivuzezo.

Inyandiko z'ubutegetsi: Ibaruwa isaba akazi n'umwirondoro



Soma iki gika maze ukore ubushakashatsi usubize ibibazo.

Kubera ko ingengabitekerezo ya jenoside ikigaragara mu turere tumwe na tumwe tw'Igihugu, abayobozi b'Igihugu bafashe ikemezo cyo kwandikira ibaruwa abayobozi b'utwo turere babamenyesha ko bagomba gufata ingamba zo kurandura ingengabitekerezo ya jenoside. Muri izo ngamba harimo: gukoresha abaturage inama zibakangurira kwirinda no kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside ahubwo bakimakaza umuco w'amahoro, gukaza amarondo n'ibindi.

Ibibazo:

1. Ibaruwa ivugwa muri iyi nteruro ni bwoko ki?
2. Usibye bene ubwo bwoko bw'ibaruwa nta zindi baruwa waba uzi zandikwa?
Tanga ingero zitandukanye.
3. Mu matangazo amenyesha akazi ni iki bakunze gusaba?
4. Utekereza ko umwirondoro uba ukubiyemo iki?

A. Ibaruwa y'ubutegetsi

MUGISHA Arnaud
Akarere ka Buramba
Intara y'Amajyaruguru
Agasanduku k'amabaruwa
60 Buramba

Buramba, ku wa 12/2/2017

Bwana Umuyobozi
w'Umurenge wa Kagano
Agasanduku k'amabaruwa
2011 Buramba

Impamvu: Ikibazo k'ibiyobyabwenge

Bwana Muyobozi,

Mbabajwe no kubandikira iyi
baruwa ngira ngo mbasabe kurwanya byimazeyo ikibazo k'ibiyobyabwenge kivugwa
mu Murenge mubereye Umuyobozi.

Mu by'ukuri, Bwana Muyobozi
w'Umurenge kubera ikibazo cy'umutekano muke umaze iminsi urangwa mu murenge
muyobora, bikaba byaragaragaye ko ukomoka ku ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge
rigaragara mu rubyiruko, turabasaba gushishikariza ababyeyi, abayobozi b'utugari
ndetse n'ab'imidugudu kwitabira kurwanya abakoresha ibiyobyabwenge. Byagaragaye
ko ari byo ntandaro y'ubwicanyi n'urugomo rumaze iminsi rugaragara mu murenge
wanyu. Murasabwa kugaragaza ingamba mugiye gufatira icyo kibazo.

Mu gihe ngitegereje igisubizo
cyanyu, mbaye mbashimiye ubufatanye musanzwe mugaragaza mu guharanira
umutekano w'Ighugu.

Bimenyeshejwe:

- Umuyobozi w'Intara y'Amajyaruguru
- Ushinzwe umutekano mu Ntara y'Amajyaruguru

MUGISHA Arnaud



Umuyobozi w'Akarere ka Buramba

Ibibazo ku mwandiko

1. Uyu mwandiko uri mu buhe bwoko bw'imyandiko? Kubera iki?
2. Ni nde wanditse uyu mwandiko? Yawandikiye nde?
3. Ni ikihe kibazo cyatumye nyiri ukwandika uyu mwandiko awandika?
4. Garagaza itandukaniro riri hagati y'uju mwandiko n'indi wize.

1. Inshoza y'ibaruwa y'ubutegetsi

Ibaruwa y'ubutegetsi ni ibaruwa ngufi kandi ivuga ibya ngombwa birasa ku ntego, ikirinda uburondogozi no kugaragaza amarangamutima. Igituma iba ngufi ni uko uwandika agomba gusa kwibanda ku mpamvu yatumye yandika. Bene iyи baruwa y'ubutegetsi iba igamije gusaba akazi, gusubiza uwasabye akazi, gusaba ibisobanuro mu kazi, gutanga ibisobanuro, gutanga amabwiriza n'ibindi. Tuvuge niba uwandika asaba akazi, iyo ni yo mpamvu agaragaza ku rupapuro kandi ni yo avugaho muri make agaragaza akazi ashaka ari ko, ubushobozi afite bwo kugakora n'uburyo azagakora, kandi byose bikagirwa mu kinyabupfura. Nta gutandukira ngo agaragaze ko yababaye, ko ubukene bumumereye nabi, ko arya rimwe mu cyumweru, ko yari afite akazi bakakamvirukanaho ku maherere n'ibindi. Uwo wandikira usaba akazi ntakeneye ko umurondogoraho cyangwa ko umutera imbabazi. Ibyo nta mwanya abifitiye, icyo akeneye ni icyo ugamije kumukorera, ubushobozi ugifitemo, ibyangombwa bibigaragaza. Bene iyи baruwa yandikwa ku rupapuro rw'umweru bita A4, rukandikwaho ruhagaze, uwandika agahera ibumoso agana iburyo.

2. Imiterere y'ibaruwa y'ubutegetsi

Ibaruwa y'ubutegetsi igizwe n'ibice binyuranye:

Aderesi: Ni gice k'ingenzi kigaragaza uwanditse ibaruwa. Hagaragaramo amazina ye, aho atuye ndetse n'andi makuru yose yafasha uwo yandikiye kumenya aho yamubariza aramutse amushatse: ashobora kongeramo nomero za terefoni n'aderesi ye ya interineti. Iki gice gifata umwanya wo hejuru ibumoso ku rupapuro.

Itariki: Ni ngombwa ko hagaragaramo ahantu ibaruwa yandikiye n'umunsi iyo baruwa yandikiweho. Iki gice cyo kijya hejuru iburyo ahateganye n'izina.

Uwandikiwe: Iki gice kigaragara munsi y'itariki ibaruwa yandikiweho. Kiba kigaragaza uwo ibaruwa igenewe. Si izina rye bwite rigaragaramo ahubwo ni izina rigaragaza umwanya afite mu kazi. Cyakora hashobora no kugaragazwa izina iyo ibaruwa igenewe umukozi runaka.

Impamvu: Mu ibaruwa nk'iyo hagomba kugaragaramo impamvu yayo: gusaba akazi, gusaba ibisobanuro n'ibindi. Ijambo impamvu buri gihe ricibwaho akarongo. Iki gice kiba kiri munsi ya aderesi kikabangikana n'umurongo wa nyuma wo mu gice kigaragaza uwo ibaruwa yandikiwe.

Igihimba: Igihimba ni ibaruwa nyirizina. Igihimba k'ibaruwa y'ubutegetsi kigirwa n'ibika bitatu:

- a) **Intangiriro:** Uwandika avuga muri make impamvu imuteye kwandika igirwa n'igika kimwe kandi ikagaragaza icyo uwandika agamije. Iyo ari nk'ibaruwa isaba akazi agaragazamo ko azi neza ko uwo mwanya uhari yongeramo aho yabikuye; mu kinyamakuru cyangwa mu itangazo ryaciye kuri radiyo.

- b) **Igihimba:** Uwandika asobanura atarondogoye ingingo z'ingenzi zigize impamvu yo kwandika. Ni igice kigaragara nk'aho ari kirekire kurusha ibindi, kuko gishobora no kugira ibika birenze kimwe bitewe n'ingingo zigize ubutumwa. Ni cyo gice cyonyine gisobanura mu mugambo arambuye ibyavuzwe mu ntangiriro, kikabisesengura, kikanakurikiranya ibitekerezo. Icyo gihe buri gika kiharira ingingo yacyo, na none ukirinda gusubiramo ibyo wavuze.
- c) **Umusozo:** Uwandika ibaruwa asoza ashimira uwo yandikiye. Ni cyo gice kirangiza ibaruwa kandi kigirwa n'igika kimwe. Uwandika arangiza yerekana ikizere afitiye uwo yandikiye cyangwa se icyubahiro amugomba.
- d) **Amazina n'umukono:** Ni igice gisoza ibaruwa kigizwe n'amazina ndetse n'umukono wa nyiri ukuyandika.

Ikitonderwa: Bitewe n'imiterere yayo, ibaruwa y'ubutegetsi ishobora kugira ibindi bice bikurikira:

Binyujijwe: Ni igice kigaragara mu ibaruwa y'ubutegetsi munsi y'aderesi y'uwandikiwe.

Bimenyeshejwe: ni igice kijya mu mpera z'ibaruwa ku ruhande w'ibumoso. Kijya mu ibaruwa y'ubutegetsi iba igomba kugira abandi bamenyeshwa ibyanditswe.

3. Imbata y'ibaruwa y'ubutegetsi

Amazina n'aho uwanditse abarizwa

Ahantu, itariki, ukwezi n'umwaka

Umwanya w'icyubahiro n'aho
uwandikiwe abarizwa

Binyujijwe

Impamvu:

Nyakubahwa/ Bwana Muyobozi

Amazina n'umukono
by'uwanditse

Bimenyeshejwe:

4. Uturango tw'ibaruwa y'ubutegetsi

- Hari amagambo yabugenewe agomba gutangira no gusoza ibaruwa y'ubutegetsi.
(Bwana Muyobozi, Nyakubahwa Minisitiri...)

- Ibaruwa y'ubutegetsi ntawusuhuza cyangwa ngo asezere. Hari amagambo yabugenewe asoza ibaruwa y'ubutegetsi (Mu gihe ngitegereeje igisubizo cyayu kiza, Nyakubahwa, mbaye mbashimiye/ Mu gihe ntegerezanyije ikizere, mbaye mbashimiye/ Mbaye mbashimiye Nyakubahwa/ Bwana / Madamu/ Madamazera...)
- Buri gika gitangirira mu cya kabiri cy'urupapuro mu mpagarike yarwo.
- Ibaruwa y'ubutegetsi igomba kugira impamvu yayo yihamiye bitewe n'igitumye uyandika yandika.



Umukoro

Andikira umuyobozi w'umurenge utuyemo umusaba ikemezo cy'amavuko kuko ugikeneye mu kuzuza ifishi izaguhesha uburenganzira bwo gukora ikizamini cya Leta gisoza amashuri yisumbuye. Wubahirize imbata y'ibaruwa nk'iyo.

B. Umwirondoro

Hari bensi basabwa gutanga umwirondoro ige basaba akazi cyangwa se ige umukoresha ari we shobuja abigusabye ugatangira kwibaza icyo ugomba gushyira mu mwirondoro. Ni ngombwa kumenya kwandika umwirondoro, ukamenya ko ibintu bibi byagaragaye mu mateka yawe utabishyira mu mwirondoro, ushyiramo ibyo ubona byakugirira akamaro ukurikije aho uwo mwirondoro ukenewe. Soma umwandiko ukurikira utahure ibishobora kwibandwaho ige handikwa umwirondoro.

1. Ibiranga umuntu

Amazina: MUTABAZI Gaspard

Se: GATABARWA Jean

Mama: KANKINDI Marie

Igihe yavukiye: 2 Nzeri 1974

Aho atuye:

Intara: Amajyaruguru

Akarere: Kagano

Umurenge: Mataba

Akagari: Gaseke

Aho atuye:

Intara: Amajyaruguru

Akarere: Kagano

Umurenge: Mataba

Akagari: Gaseke

Irangamimerere: Ndubatse, mfite abana bane.

Aho abarizwa: Akarere ka Kagano

Agasanduku k'iposita 70 Kagano
Tel: 0788.....
E-mail: mutabazi-gaspard@yahoo.fr

2. Amashuri yize:

- 2003-2007: Amashuri makuru: Kaminuza nkuru y' u Rwanda
Impamyabushobozi y'ikiciro cya kabiri mu Ndimi n'Ubuvanganzo Nyafurika.
- 1989-1994: Amashuri yisumbuye muri Seminari ya Runaba
Impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye mu ishami ry'Ikiratini n'indimi zivugwa.
- 1981-1988: Amashuri abanza mu Ishuri Ribanza rya Mataba.
Ikemezo k'ikigo cy'Amashuri Abanza cya Mataba.

3. Uburambe mu kazi

- 2000-2003: Umwarimu w'Igifaransa n'Ikinyarwanda mu ishuri ryisumbuye rya Gakurazo.
- 2003-2004: Umwarimu w'Igifaransa n'Ikinyarwanda mu ishuri ryigenga APEDER Mataba.
- 2008-2010: Umwarimu w' Igiswayiri n'Ikinyarwanda mu Iseminari Nto ya Runaba.
- 2011-2017: Umwarimu w'indimi muri kaminuza y'u Rwanda ishami rya Huye.

4. Ubundi bumenyi

Nzi mudasobwa porogaramu ya "Word, Excel, Power Point, Access na Publisher"
Nzi gutwara imodoka, mfite kategori ya B.

5. Indimi avuga:

Ururimi	Kumva	Kuvuga	Kwandika	Gusoma
Ikinyarwanda	Neza cyane	Neza cyane	Neza cyane	Neza cyane
Igifaransa	Neza cyane	Neza cyane	Neza cyane	Neza cyane
Igiswayiri	Neza cyane	Neza cyane	Neza cyane	Neza cyane
Icyongereza	Neza	Buhoro	Neza	Neza

6. Ibyo akunda

Nyuma y'akazi nkunda gusoma ibitabo.
Nkunda umukino wo koga no gukina umupira.

7. Abantu bamuzi:

- UMUHIRE Jean: Umwarimu wange muri Kaminuza y'u Rwanda, Tel: 0788...
- Padiri KARAKE Samuel: Umukoresha wange igihe nigishaga mu i Seminari Nto ya Runaba, Tel 0755...
- HAKIZIMANA Paul: Umuyobozi w'Ishami ry'Indimi muri Kaminuza y'u

Rwanda aho nigisha ubu, Tel: 0789...

Ngewe MUTABAZI Gaspard ndemeza neza ko ibyo maze kuvuga ari ukuri kandi ko bishobora kugenzurwa.

Bikorewe i Kagano, ku wa 25 Nyakanga 2017

MUTABAZI Gaspard



Ibibazo

1. Uyu mwandiko ugaragaramo ayahe makuru?
2. Urabona ufite akahe kamaro?
3. Ni nka nde wakenera bene uyu mwandiko?

A. Inshoza y'umwirondoro

Mu buzima busanzwe ari na byo bimenyerewe cyane, umwirondoro ukunze gusabwa n'umuntu wese ushaka gutanga akazi. Bityo mu byangombwa yaka ushaka gupiganirwa uwo mwanya haba harimo n'umwirondoro we. Umwirondoro ni nk'inyandiko yereka umukoresha ishusho y'umukozi akeneye. Nta wakwirengagiza ko umwirondoro ushobora kuba ngombwa iyo umuntu asaba ishuri runaka ngo akomerezemo amasomo ye.

B. Ibiranga umwirondoro mwiza

Umwirondoro mwiza ugomba kuba:

- Wanditse ku rupapuro rwiza nta n'amakosa y'ururimi arimo.
- Wuzuye kuko uwusaba akeneye amakuru yuzuye kugira ngo arusheho kumenya nyiri umwirondoro niba hari ikiburamo ntibizamutere igihe agishakisha.
- Usomeka neza wanditswe mu nteruro ngufi.
- Uvuga ukuri. Ukora umwirondoro ntagomba kugira icyo yibagirwa cyangwa ngo ashyiremo ibidasobanutse cyangwa ibihimbano.
- Ugomba kuba ugenewe koko abo wandikiwe niba ari aho nyirawo asaba akazi ugomba kuba ujyanye n'aho asaba akazi.

Umwirondoro ntukorwa uko nyirawo yiboneye ugomba kuba ufite uburyo buboneye ukorwamo, uko ibice biwugize bikurikirana kuko umwanya wabyo uba ufite icyo usobanura kuri uwo mwirondoro. Ibyo bice rero ni:

- Umutwe
- Ibiranga umuntu
- Amashuri
- Uburambe

- Ubundi bumenyi
- Indimi avuga
- Ibyo akunda
- Abantu bamuzi
- Kwemeza ko ari ukuri no gushyiraho umukono we.

1. Umutwe

Umutwe w'umwirondoro wandikwa hejuru ukitwa umwirondoro.

2. Ibiranga umuntu

Irangamimerere ni igice gitangira umwirondoro, kikaba kigamije kugaragaza muri make uwo ari we. Kigomba kuba cyumvikana kandi kirasa ku ntego. Si ngombwa gushyiramo ibantu byinshi nubwo bwose waba ubona umwirondoro ari muto.

Mu irangamimerere umuntu avugamo amazina ye. Ni byiza kwandika izina ry'umuryango mu nyuguti nkuru z'icyapa maze iry'idini rikajya mu nyuguti nto. Nyuma y'amazina hagaragazwa aho umuntu aherereye, ni ukuvuga aho atuye (aha iyo afite agasanduku k'iposita ni byiza kugashyiraho). Aho umuntu atuye hiyongeraho n'uburyo uwamushaka yamubonamo; umurongo wa terefoni na aderesi ya interineti ku buryo uwabishaka yahita amwandikira.

Ikindi kigomba kujya mu irangamimerere ni imyaka umuntu afite. Aha ariko ntawandika umubare ibyiza ni ugushyiraho umwaka yavukiye. Iyo yanditse amatariki, ukwezi akwandika mu izina ryako.

3. Amashuri

Iki gice kigaragaza aho nyiri umwirondoro ahagaze mu rwego rw'ubumenyi ni yo mpamu uwandika agomba guhera ku mpamyabumenyi nini afite. Mu kwandika umwirondoro, amashuri ntatandukana n'impamyabumenyi, umuntu yandika impamyabumenyi afite bikaba bihwanye no kwandika amashuri yize. Ugaragaza amashuri yize avuga umwaka, aho yigaga, ibyo yigaga n'impamyabumenyi yahakuye.

Hari igihe amashuri ajyana n'ibitabo umuntu aba yaranditse. Icyo gihe si ngombwa kubishyiraho keretse iyo bigira icyo byongera ku kizere umuntu ashobora kugirirwa n'abo ashyikiriza umwirondoro.

4. Uburambe

Uburambe mu kazi ni igice cyo kwitonderwa. Aha ni ho uwandika umwirondoro aba agomba kwereka uwo yandikiye icyo azi gukora n'igihe amaze agikora. Iyo yakoze mu myanya myinshi, ayishyiraho ahereye ku wa nyuma aherukaho agenda agaragaza igihe yagiye ayimarah. Hari igihe umuntu aba yarakoze iyimenyerezamwuga ni ngombwa ko abishyiraho cyanecyane iyo ataramara igihe kinini akora cyangwa se ari bwo bwa mbere yatse akazi. Ibyo bishobora kumwongerera amahirwe imbere y'uwo aha umwirondoro.

5. Ubundi bumenyi

Kumenya ibantu byinshi nta cyo bitwaye kuko ibyo umuntu azi byose bishobora kumugirira akamaro mu buzima bwe bwa buri munsi. Iyo rero umuntu azi ubundi bumenyi ntashidikanya kubigaragaza ku mwirondoro we cyanecyane iyo bifitanye isano n'akazi asaba. Urugero: Kuba azi mudasobwa, kuba afite uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga n'ibindi.

6. Indimi

Hari igihe umwanya umuntu ashaka uba usaba kumenya indimi z'amahanga. Ni ngombwa rero ko uwandika umwirondoro ashyiramo indimi zose azi. Mu kazi ako ari ko kose kumenya indimi z'amahanga byongererera amahirwe ugasaba. Ukora umwirondoro agaragaza urwego azaho urwo rurimi atabeshya (nduzi neza cyane, nduzi neza, nduzi bihagije, biciriritse) kuko kubeshya byamugiraho ingaruka mu gihe k'ikizamini k'ibiganiro.

7. Ibyo akunda

Umntu ntabaho akora akazi ashinzwe gusa. Na nyuma y'akazi ubuzima burakomeza. Ibyo umuntu akunda rero biza nyuma y'akazi. Bigizwe n'ibyo umuntu akora kandi bimushimisha. Ariko na none ukora umwirondoro ntiyiyibagize ko ibimushimisha bishobora kumubera imbagamizi yo kutabona umwanya yifuza. Nk'urugero niba ari umuntu ukunda kumva indirimbo kuri radyo, bikaba byerekana ko ari umuntu ukunze kuba ari wenyine ko kubana n'abandi byamugora, mu gihe umuntu ukunda gukina umupira aba agaragaza ko abana n'abandi neza ko no mu kazi byagenda bityo.

8. Abantu bamuzi cyangwa abahamya

Iyi ngingo y'abantu bazi nyiri umwirondoro si ngombwa buri gihe. Ariko hari ababisaba mu mwirondoro bikaba ngombwa ko ijyamo. Abantu bakunze gukenerwa si abaturanyi bawe bakomeye cyangwa se bene wanyu bakomeye. Abazi umuntu baba bakenewe ni abarimu bamwigishije cyangwa abakoresha bamukoresheje kuko ukenye umwirondoro wawe aba ashobora kubabaza ku bijyanye n'ubumenyi ufite cyangwa se ubushobozi n'imyitwarire byawé mu kazi.

9. Kwemeza ko ibyo uvuze ari ukuri no gushyiraho umukono

Iki ni cyo gice gisoza umwirondoro. Nyiri ukuwandika agomba gusoza yemeza ko amakuru yatanze ari ukuri ko anashobora kugenzurwa. Hanyuma agashyiraho itariki n'umukono we.

Ibi ni byo by'ingenzi biba bikubiye mu mwirondoro. Cyakora ntibibujijwe ko hari andi makuru yakongeramo igihe abona ko hari amahirwe yamwongererera kugira ngo abone akazi yasabaga.



Umukoro

Ubu urangije mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye. Andika umwirondoro wawe ukurikije ingingo ziri hejuru aha ufitiye amakuru.

Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kane

- Jenoside ni ubwicanyi bwibasira imbagya y'abantu bafite icyo bahuriyeho, bugamije kuyirimbura hashyirwa mu bikorwa umugambi uba warateguwe. Jenoside itandukanye n'ubundi bwicanyi kubera ko haba hari umugambi n'ubushake byo kurimbura abantu bazira icyo bari cyo; bukaba bukorwa na Leta kuko ari yo ifite uburyo n'ubushobodzi bwo kurimbura itsinda ry'abantu runaka. Kandi jenoside ni icyaha kidasaza. Hari intambwe za jenoside zikurikira: gutandukanya abaturage babacamo ibice; guhabwa izina ryihariye hatangwa inyigisho z'urwango; kwamburwa ubumuntu; gутегура abazayikora banigishwa hanashakwa ibikoresho; kwibasira abatagira aho babogamiye; kugaragaza abagomba kwicwa bakora urutonde; kwica hagamijwe kubamaraho; guhakana no kwibasira abatangabuhanya. Bumwe mu buryo bwo gukumira jenoside ni ugushyiraho itegeko muri buri gihugu rihana buri wese wambura ubumuntu mugenzi we; kwirinda ivangura iryu ari ryo ryose; kwigisha uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Uburyo bwo kurwanya jenoside aho yagaragaye ni ugukumira igurwa ry'intwaro kuri ibyobihugu, kubifatira ibihano mpuzamahanga; kubitangaza, gutabara abibasiwe hashyirwaho ingabo mpuzamahanga ngo zitabare mu maguru mashya no guca umuco wo kudhana.
- Uwandika ibaruwa y'ubutegetsi akoresha amagambo yabugenewe akirinda: kurondogora, gusuza cyangwa gusezera n'andi marangamutima. Ibaruwa y'ubutegetsi iba ari ngufi kandi ikagira amagambo yabugenewe agomba kuyitangira no kuyisoza. Urugero rw'ayitangira: (Bwana Muyobozi / Nyakubawa Minisitiri... Urugero rw'ayisoza: Mu gihe ngitegereje igisubizo cyanyu kiza, Nyakubawa, mbaye mbashimiye / Mu gihe ntiegerezanyije ikizere, mbaye mbashimiye / Mbaye mbashimiye Nyakubawa / Bwana / Madamu / Madamazera...)
- Umwirondoro ni ibiranga umuntu: amazina y'ababyeyi be, aho atuye, ibyo yize, ibyo yakoze, ibyo akora, ibyo akunda ndetse n'ibyo azi.



Isuzuma risoza umutwe wa kane

Kora ku giti cyawe, usome uyu mwandiko maze usubize ibibazo bikurikira wubahiriza amabwiriza yatanzwe.

Umuvugo : "Turi bamwe twese."

- Turi bamwe twese,
Dufite isano kuri Ruhanga,
Wahanze ibizwi ibyo n'ibitazwi,
Ariko mutnu amuha agaciro,
5. Ndetse amurenza ibiriho byose.
Ariko isura ko ari rusange,
- Tugasirimurwa no kwisiga,
Tukanasangira Data twese,
Ntitwakomera kuri iyo sano,
10. Ntitube ab'isi ngo tunaryane.
Impinja zose zisa zivuka,
Ari umwirabura n'umwera,

- Ibitsina byombi hungu, kobwa,
Mucyo tureshye imbere ya byose,
- 15.** Mu bitugomba ntihabe uhezwa.
Nyiramihanda, Miruho n'andi,
Reka mbabyare Harerimana,
Na Nzabanita, Hapfuwavutse,
Amazina nka yo ntagikwiye,
- 20.** Dukwiye kwitwa Mahoro n'andi.
Nimuge mwibaza buri munsi,
Kuri aritari buri gitondo,
Mu misigitu ntitunasiba,
Gusaba Imana ngo iduhe byose,
- 25.** Ndetse inarenze ku byo dushaka.
Navutse iwacu banoga icyayi,
Imbere y'itegeko ndahezwa,
Nshiye akenge mucutse umumpe,
Ati: "Watinze kugera ku isi,
- 30.** Ngo bagusangire nk'agafanta."
Kuva ubwo nambaye ubumaraya,
Ku myaka itanu mfata umuhanda,
Na ba basaza impara zirenze,
Najyaga nita Papa nteteshwa,
- 35.** Bahora bampotora ngatuzza.
Kubyara benshi icumi rirenga,
Ndetse ugasagurira umuhanda,
Hakaba abiga n'abata ishuri,
Bamwe bakandamirizwa mu ngo,
- 40.** Tubicyahe ibyo ntibikwiye.
Bamwe bakimakaza ubusembwa,
Bafata umwana nk'umwami w'ejo,
Bakamushingira inzu mu rwuri,
Ngo abe umushumba aragire sine,
- 45.** Bari kuvangira ejo hazaza.
Na ya mirimo y'imvune kandi,
Ijya ikoreshwa ab'ejo hazaza,
Ari iyo mu ngo ndetse n'ahandi,
Usanga itagira n'ibihembo,
- 50.** Iyo ntiba ikwiye ba kibondo.
Reka nkumire abashuka abana,
N'ababashungura mu mashuri,
Ngo babashore iyo mu mahanga,
Kuba abashumba n'abasheretsi,
- 55.** Bashoke ishuri basome bose.
Reka nshire amanga mpange neza,
Ariko singamije gushyenga,
Ngo ndeshye abakunda inganzo,
Nagiye inganzo ngira ngo nganze,
- 60.** Iryo hohoterwa ntiriganze.
Ubundi mwarimu ni umubyeyi,
Akaba Mama ndetse na Data,
Mu gutoza abana atavanguye,
Ubu aterurwa matene arazwi,
- 65.** Ko ari we ucumbikira izo nshuke.
Uwo murezi ntimuzuyaze,
Akwiye kwitwa impyisi Bihehe,
Nako narintutse na Mahuma,
Ntakwiye izina mu bantu,
- 70.** Ntaba agikwiye isura ku isi.
Na ya migani imwe yanashaje,
Ngo utunyamaswa duto dutunga,
Inzovu, Inzobe na nyiri ishyamba,
Ishyano nk'iroyo nirigwe hirya,
- 75.** Dushake ishema ijabo n'isheja.
Akazi keza ubu ku mukobwa,
Aba igitambo ku mukoresha,
Akamutembereza ku mazi,
Amezi ikenda agakora neza,
- 80.** Isura yacuyuka agataha.
Ubwo butindi butabwe hirya,
Amahoro ahundagare aha iwacu,
Umuco wo kwica ni uce hirya,
Ndetse uwo kwicara tuwucoce,
- 85.** Uwo guhumuriza uze uganze.
Abahohotewe nibasangwe,
Maze barengerwe ntibahezwe,
Uburenganzira mu mashuri,
No mu bitekerezo n'ahandi,
- 90.** Buhabwe ijambo bufate umwanya.
Ari umusaza umusatsi wera,
Ari umwana uyu utamba hasi,
Ntiyakabaye agira aho ahezwa,
Keretse twiyibagije yuko,
- 95.** *"Turi bamwe twese."*

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Vuga undi mutwe waha uyu muvugo ugendeye ku gika cya cumi kugeza ku cya cumi na rimwe.
2. Hitamo igisubizo gikwiye
Uyu muhanzi yashakaga kugaragaza:
 - a) Uburenganzira bw'umwana?
 - b) Ihohoterwa rya muntu?
 - c) Nta gisubizo?
3. Ugendeye ku mutwe mushya wahaye uyu muvugo, tanga umukarago wa nyuma wawo.
4. Hariho amoko menshi y'ihohoterwa, vuga ihohoterwa umuhanzi avuga mu mikarago ya 31–35.
5. Sobanura:
 - a) Bari kuvangira ejo hazaza.
 - b) Nyiri ishyamba uvugwa mu mukarago wa 73.

II. Inyunguramagambo

1. Sobanura amagambo akurikira:
 - a) Isano
 - b) Gusirimuka
 - c) Kunoga
 - d) Guhezwa
 - e) Guca akenge
 - f) Gucyaha
 - g) Gushereka.
2. Kora interuro ngufi ukoresheje iri jambo: igitambo.
3. Simbuza ijambo ryanditse ritsindagiye irindi bivuga kimwe riri mu mwandiko.
 - a) Muhizi yahuye n'umwami w'ishyamba mu ishyamba ry'Akagera.

III. Umwitoto wo guhang'a

Ishyire mu kigwi cy'umunyeshuri urangije amashuri yisumbuye mu ishami wiga maze wandike ibaruwa isaba akazi kajyanye n'ibyo wize. Ku mugereka w'ibaruwa wanditse ushyireho umwirondoro wawe.

5

Iterambere

Umwandiko: Mahoro akungahara



Habayeho umugabo w'umukene cyane. Se yari yaramwise Mahoro. Ubukene bwari bwaramwokamye; atagira n'urwara rwo kwishima. Yari yaracoceye: yambaraga ikabutura imwe gusa, na yo iteye ibiremo, ishati yacikaguritse n'ingofero yacuyutse. Abaturanyi be bari bamenyereye kumwita Rukoboza. Imyate yari yaramusataguye ibirenge, nta nkeweto yari yarigeze kwambara. Iwe hahoraga ari muri bomboribombori; amahane ari yose n'inzara inuma. Batekaga ari uko biyushye akuya bahora baca inshuro, ubundi bakicira isazi mu jisho.

Umunsi umwe, yashobewe, yigira inama yo kujya guhahira mu majyaruguru kuko yahoraga abwirwa ko hera ibirayi kandi hakaba n'abakungu benshi. Agezeyo atangira guca inshuro agahinga umunsi wose bakamuha ikiro kimwe k'ibirayi akabyiririrwa akanabirarira akabura ibyo azigamira abo mu rugo kuko na we ubwe byabaga bitamuhagije. Umunsi umwe aganira n'umugabo bahinganaga kensi na we wari umucanshuro, amubwira igitekerezo cy'uburyo bakwihangira umurimo bakareba uko bazabaho neza. Baratangira baraganira.

- Yewe wa mugabo we! Ino hari ikibazo k'ibicanwa, amashyamba abantu barayatemye barayatsema none n'aho yasigaye Leta ntokemerera abantu gupfa kuyatema.
- None se uragira ngo tubigenze dute?
- Reka turebe uburyo twakwihangira umurimo dukemura ikibazo k'ibicanwa.
- Twagikemura se dute?
- Reka dutangire umushinga wo gukora imbabura za canamake zizajya zigurwa n'abantu benshi kubera ko inkwi zihenda.

Akimara kumubwira atyo ntiyigeze agira icyo amusubiza kuko yabonaga ibyo amubwira ari inzozi, kubera ko yumvaga umushinga uwo ari wo wose ukenera igishoro kandi adafite na mba. Wa mugabo bwarakeye agaruka kumureba baraganira amwumvisha uburyo uwo mushinga nta gishoro wagombaga gukenera.

- Hari umukire wampaye ikiraka cyo gukura amakoro mu murima we. Ndagira ngo umfashe tuyakuremo tuyarunda hamwe tuzashake udufuni dushaje tuge tuyacukuramo umwenge imbere tuyakoremo imbabura tuzigurishe.

Guhera ubwo baratangira. Bafataga umunsi wo kuyarunda hamwe undi munsi bakirirwa bayatunganyamo imbabura. Abo muri ako gace bose barazikunda. Zari imbabura zijiyo udukara duke, iyo twanashiragaho, zarakomezaga zigashyuha cyane ku buryo ukoresha amakara menshi umufuka yawucanaga mu mezi atatu. Izo mbabura zaramamaye cyane, ubuyobozi bushishikariza buri wese kuzitunga iwe mu rugo kuko byari bimaze kugaragara ko zikemura ikibazo k'ibicanwa, amashyamba akabungabungwa. Batangiye kugwiza amafaranga bava ku gukoresha agafuni bagira igitekerezo cyo kugura imashini izajya ibafasha kuzikora. Izo bakoraga buri munsi zikuba inshuro nyinshi.

Umunsi umwe yajyanye amafaranga kuri banki aza kuganira n'umukozi wa banki amwumvisha uburyo amafaranga bafitemo ari menshi ko yatuma babaguriza

andi nka yo inshuro eshatu bakagura umushinga wabo ukagera no mu tundi turere batakoreragamo. Icyo gitekerezo akigeza kuri mugenzi we bisa no korosora uwabyukaga.

Banki imaze kuyabaguriza bagura ikamyo nini yo kujya ibafasha mu bucruzi bw'imbabura zabo. Batangira kuzigemura mu migi inyuranye. Kubera uburyo zakundwaga cyane ikamyo imwe muri buri mugi ntiyamaraga iminsi itatu itarashira. Hashize igihe gito Mahoro yigira inama yo gushora amafaranga mu bindi, mugenzi we aba ari we usigara mu byo gukora no gucuruza canamake.

Mu karere yavukagamo ahiyubakira inzu ngari ikomeye rubanda bitaga ingoro y'umuturirwa, ahubaka ishuri n'isomero kugira ngo abahatuye bave mu bujiji. Abazanira amazi y'urubogobogo n'amashanyarazi. Yongeraho n'uruganda rw'ibikoresho by'ubuhinzi, abenshi mu rubyiruko bahabwa akazi. Ntiyibagiwe n'ivuriro kuko muri ako karere abarwayi bagombaga gukora urugendo rw'urucantege bajya ku ivuriro rya kure rukabasonga, rukarushaho kubahindura indembe. Umunsi wo gutaha ivuriro ubuyobozi bumugenera igikombe k'ishimwe cyagenerwaga umushoramari wagejeje ku baturage igikorwa k'iterambere rirambye. Ubucruzi yakoraga buraguka agura za romoroki eshanu atangira gukora ubwikorezi mpuzamahanga mu bihugu bitandatu binyuranye, muri Kenya, Zambiya, Malawi...

Uko yirukaga mu bucruzi mpuzamahanga, umugore we na we ntiyari asinziriye, yagize igitekerezo cyo kwifatanya na bagenzi be bakora uruganda rukora amasabuni bakoresheje imbuto z'avoka hiyongeraho no gushyira amabara mu myenda bakoresheje irange. Yamushingiye n'iduka ryaranguzaga izo sabuni zakorewe mu ishyirahamwe ryabo akazicuruza atadandaza ahubwo aranguza abandi bacuruzi. Biteza imbere karahava. Mu rugo rwabo ntacyahaburaga kubera umushinga we. Umugore we ni we wahembaga abakozi bo mu rugo akanahaha. Imyambaro abana bambaraga yavaga muri ubwo bucruzi bwe. Nta bomboribombori bongeye kugira mu rugo rwabo, hehe no gusangira ubusa ngo bitane ibisambo. Amafaranga Mahoro yinjizaga avuye muri za romoroki nta kindi yakoraga usibye kwagura ubucruzi bwe arushaho gushora imari mu bindi bihugu. Abari bamuzi kera ntibiyumvishaga uko uwo bazi nka Rukoboza yagera kuri iyo ntera ihambaye yari agezeho.

Iyo yatekerezaga ukuntu yahoraga arakariye se ko ari we wamuraze ubukene, yumvaga bimubabaje akumva yamusaba imbabazi ariko ntamubone kubera ko yari yaritahiye akabasigana na nyina bakiri bato. Guhera ubwo Mahoro abera abantu benshi ikitegererezo mu byo kwihangira imirimo. Abibwiraga ko guhangwa umurimo bisaba buri gihe igishoro babyikuramo bagatangira kwihangira imirimo inyuranye.

I. Inyunguramagambo

A. Sobanura amagambo akurikira:

- | | |
|---------------------------------|---------------------------|
| 1. Kokamwa n'ubukene | 10. Canamake |
| 2. Kutagira urwara rwo kwishima | 11. Kubwira umuntu inzozi |
| 3. Guccera | 12. Igishoro |
| 4. Guhora muri bomboribombori | 13. Kutagira na mba |
| 5. Kunuuma | 14. Korosora uwabyukaga |
| 6. Kunuma | 15. Umuturirwa |
| 7. Kwiyuha akuya | 16. Gusonga |
| 8. Kwickira isazi mu jisho | 17. Kudandaza |
| 9. Guca inshuro | 18. Kwitahira |



B. Kora iyi myitozo y'inyunguramagambo

1. Andika interuro imwe kuri buri jambo ushingiye ku nyito rifite mu mwandiko:
a) kudandaza b) guccera
2. Simbuza amagambo atsindagiye ari muri izi nteruro ukoresheje amagambo ari mu mwandiko bisobanura kimwe:
a) Wa muhungu **yakurikiranywe** n'umuvumo wa se.
b) Karake **bamuuhuhuye**.
c) Gukubita umurwayi ni **ukumubonnerana**.
d) Uyu munsi twashotse igishanga, benshi muri twe bahisemo guhinga **bambaye ibirere**.
3. Andika imbusane z'iri jambo, usanga muri uyu mwandiko:
Mahoro asigaye ari **umukungu**.

II. Ibibazo byo kumva umwandiko

Subiza ibi bibazo byo kumva umwandiko

1. Amahane mu rugo kwa Mahoro yaterwaga n'iki?
2. Sobanura uburyo kujya guca inshuro kwa Mahoro ari byo byaba byaramuhesheje amahirwe?
3. Ni ibihe bikorwa Mahoro yagejeje ku baturanyi?
4. Ni iyihe nama abishoboye bafatira kuri Mahoro?
5. Ni irihe somo abatishoboye bakwigira kuri Mahoro?

6. Uwavuga ko mu rugo kwa Mahoro hari ubwuzuzanye yaba yibeshye? sobanura igisubizo cyawe.
7. Ni iyihe mirimo abavugwa muri uyu mwandiko bihangiye?

III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko



Tekereza byimbitse ku mwandiko wasomye maze ufatanye na bagenzi bawe gusubiza ibi bibazo:

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko rusange ivugwa muri uyu mwandiko?
2. Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.
3. Ni gute umushinga wa Mahoro wabungabunze ibidukikije?
4. Tanga ubundi buryo bwo kwihangira umurimo butavuzwe mu mwandiko
5. Andika inshamake y'umwandiko wasomye mu mirongo itarenze icumi.

IV. Umwitozo w'ubumenyi ngiro



Ungurana ibitekereo na bagenzi bawe ku nsanganyamatsiko wahawe, wubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda.

Ganira na bagenzi bawe muvuga ubundi buryo butandukanye bwo kwihangira umurimo butavuzwe mu mwandiko maze mubugeho impaka.

Amatangazo n'ubutumire



Itegereze ishusho ikurikira maze usome umwandiko ukurikiyeho ukore ubushakashatsi bwimbitse ku matangazo n'ubutumire.



Itangazo

Mu rwego rwo kurwanya ikibazo k'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge kigaragara mu Murenge wa Gitaka, ubuyobozi bw'Umurenge wa Gitaka bunejejwe no kumenyesha abayobozi b'imidugudu bose bo mu Murenge wa Gitaka ko batumiwe mu nama nyunguranabitekerezo ku buryo bwo kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge ku Cyumweru tariki ya 25/01/2015, saa tatu za mu gitondo (09h00). Kuza kwanyu ni inkunga ikomeye mu kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge.

Bikorewe i Gitaka ku wa 20/01/2015

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gitaka.

A. Itangazo

1. Inshoza y'itangazo

Igihe cyose ufite icyo ushaka kugeza ku bandi ukimenyesha ugcishije mu itangazo. Iyo Banki zambuwe cyangwa se ibindi bigo biciriritse by'imari bihemukiwe na ba bihemu bakambura inguzanyo, aba ba bihemu bashyikirizwa inkiko batsindwa ibyabo bigatezwa cyamunara. Iyo hari imitungo izagurishwa abahesha b'inkiko b'umwuga batanga amatangazo bahamagarira abaturage kuzaza kwigurira. Bibaho kandi ko iyo umuryango watakaje umuntu uhitisha itangazo mu bitangazamakuru na radiyo bahamagarira abantu gutabara umuryango wagize ibyago. Itangazo ni inyandiko irimo ubutumwa bamanika ahantu cyangwa bugaca mu kinyamakuru kugira ngo bumenyekane hagamijwe kwamamaza, kurangisha cyangwa kumenyesha.

2. Uturango tw'itangazo

Mu itangazo hagomba kubonekamo ibi bikurikira:

- Umutwe w'itangazo.
- Utanze itangazo.
- Uwo rigenewe.
- Ahantu igikorwa rimenyesha kiri, cyabereye cyangwa kizabera.
- Itariki igikorwa rimenyesha cyabereyeho cyangwa kizabera.

3. Ubwoko bw'amatangazo

Amatangazo yo kubika: Ni amatangazo atabaza agamije kumenyesha abantu ko hari umuntu witabye Imana akanavuga igihe azashyingurirwa.

Amatangazo yo kumenyesha: Ni amatangazo amenyesha abayumva amakuru atandukanye nk'inama, akazi, isoko ry'ibintu, cyamunara...

Amatangazo yo kwamamaza: Ni amatangazo atangwa agamije kwamamaza ibikorwa by'umuntu ku giti ke, by'ishyirahamwe, by'inganda, amashuri, kugira ngo bimenyekane bibone ababigana mu buryo bwo kubiteza imbere.

Amatangazo yo kurangisha: Ni amatangazo atangwa igihe umuntu yatakaje ikintu, yabuze umuntu kugira ngo ababimuboneye babimuhe cyangwa yatoye ibintu kugira ngo nyirabyo abashe kubibona.



Andika amatangazo akurikira wubahiriza imiterere yayo:

- Itangazo ryo kubika.
- Itangazo ryo kumenyesha.

B. Ubutumire



Soma umwandiko ukurikira maze ukore ubushakashatsi utahura inshoza yaho n'uturango twawo

Ubutumire

*T'webwe imiryango ya BIZIMANA Jean na NGENDAHAYO
Pierre, twiyishimiyeye*

gutumíra Bwana na Madamu: mu bukwe bw'abana bacu:

MUKANDORI Laurence

na

KAMANZI Charles

Buzaba ku wa 09/08/2016: Gusaba no gukwa i Kagano.

*Ku wa 20/08/2016: Gusezerana imbere y'Imana muri Kiliziya ya
Paruwasi ya Gakurazo
Diyosezi ya Kamembe.*

*Nyuma y'iyo mihangi abatumiwé
bazakirirwa mu nzu mberabyombi
y'Akarere ka Kamembe.*

Kuza kwanyu ni inkunga ikomeye!

M. Laurence

Tel: 0788...

07288...

K.Charles

Tel: 0788...

0724...

1) Inshoza y'ubutumire

Ubutumire ni inyandiko ngufi itumira umuntu cyangwa abantu kwitabira umunsi mukuru runaka. Bene izi nyandiko twazigereranya n'amabaruwa y'ubucuti nubwo zo zidakurikiza imiterere y'ayo mabaruwa. Ubutumire bukoreshwa mu minsi mikuru inyuranye nko gushyingirwa, kubatirisha, kwizihiza isabukuru runaka, gutaha igikorwa runaka, gusangira ku meza, kwishimira kugera ku gikorwa runaka nko gufata impamyabumenyi n'ibindi.

2) Uturango tw'ubutumire

Ubutumire burangwa n'imiterere yabwo yo kuba hagaragaramo ibantu by'ingenzi bikurikira:

- Umutwe w'ubutumire
- Utumirwa
- Aho igikorwa kizabera
- Aho utumira abarizwa
- Amazina y'utumira
- Igikorwa umutumirambo
- Umunsi n'isaha kizaberaho



Umukoro

Ishyire mu kigwi cy'umuyobozi w'ishuri ryisumbuye wigamo, wandike ubutumire bw'umuhamingo wo gutanga impamyabumenyi ku banyeshuri barangiza no kwizihiza isabukuru y'imyaka 25 ikigo kimaze gishinzwe.

Inshamake y'ibizwe mu mutwe wa gatanu

- Kwihangira umurimo biteza imbere umuntu ku giti ke ndetse n'ighugu muri rusange kubera ko uwihangiye umurimo ateza urugo rwe imbere agateza n'abandi imbere abaha akazi ndetse agateza n'ighugu imbere acyubakira ibikorwa remezo. Kwihangira umurimo buri gihe ntibisaba igishoro cy'amafaranga.
- Itangazo ni ubutumwa bugenerwa abantu bufite icyo bubamenyesha cyangwa bubahamagarira. Muri ubwo butumwa hakaba hagaragaramo ubutanze, uwo abugeneye, ahantu n'igihe.
- Ubutumire ni inyandiko ngufi itumira umuntu cyangwa abantu kwitabira umunsi mukuru runaka, bukaba burangwa no kugaragaramo amazina y'utumira, utumirwa, igikorwa cyabaye amutumirambo, aho kizabera, umunsi n'isaha kizaberaho n'aho utumira abarizwa.



Isuzuma risoza umutwe wa gatanu

Kora ku giti cyawe, usome uyu mwandiko maze usubize ibibazo bikurikira wubahiriza amabwiriza yatanzwe.

Umwandiko: Guharanira kwigira

Nk'abandi bose, mu buzima bwa buri munsi umuntu aba yifuza gutera intambwe mu bukungu, akagira umutekano n'ubwisanzure mu mibereho ye. Ibi kubigeraho bisaba gukora ukabona umusaruro. Mu yandi magambo bisaba umuntu kuba afite akazi, yikoresha ntawumugenga akigenera igihe cy'akazi n'igihe k'ikiruhuko. Umuntu wese ukoreshwaba aba yifuza kugera ku rwego rwo kwigenga ku murimo. Ntabwo

twakwirirwa turondora ibyiza byo kwikorera, ahubwo uyu mwanya turarebera hamwe ibintu by'ingenzi byagufasha gutera intambwe ukihangira umurimo. Bityo aho gutegereza akazi ahubwo ukagatanga. Muhire, Kantarama, Rutagerura na Mugisha ni abaturanyi bagerageje gukora baharanira kwigira.

Muhire, mbere yo gutangira kwikorera byabaye ngombwa gutinyuka ashyira mu bikorwa igitekerezo ke, kuko yumvaga ashaka kwikorera umurimo we. Ikintu cya mbere yagombye gukora ni ugutekereza, ashaka ikintu yakora cyajya kinjiza amafaranga maze afata umwanya wo kwiga isoko n'imikorere y'igikorwa yari agiye gutangira. Hanyuma atinyuka gutangira umurimo yitekerereje kandi yumva akunda utamuteye ipfunwe.

Muhire yahoraga akoreshwa akazi kandi rimwe na rimwe agasuzugurwa. Ibyo na byo byamuteye imbaraga kuko yari amaze guhaga agasuzuguro. Mu buhamya bwe, avuga ko iyo udafite akazi cyangwa se ukaba ugafite ariko kataguhemba uko ubyifusa ngo wikemurire ibibazo, wisanga aho uri mu bandi usuzuguritse. Ibyo biterwa n'uko nta mafaranga uba ufite. Amafaranga burya ahesha ishema nyirayo kuko nta muntu n'umwe uzifuza kubana nawe udatunze. Ikindi rero ni uko burya hari bake mu bakoresha baba bibwira ko amafaranga agutunze yose ari bo bayaguha, bakumva bagukoresha n'ibyo mutasezeranye kandi ukabikora ndetse ukanasuzugurika bigayitse kuko uba nta kundi wabigenza. Iyo warambiwe bene ubu buzima rero ni bwo ufata umwanya ugatekereza icyo wakwikorera ukanga agasuzuguro. Cyakora gukorera abandi buri gihe ntibivuga ko usuzugurwa.

Kantarama we avuga ko bisaba kwizera iterambere ry'umurimo wawe. Iyo wiyemeje kwihangira umurimo kandi wumva uwukunze byanga bikunda utera imbere. Bigendeye ku ngero zifatika akensi usanga umuntu ukoreshwa n'ijo yaba ahembwa umushahara uhagije ariko iterambere rye usanga riri hasi ugereranije n'umuntu wihangiye umurimo akirinda gukoresha n'abandi. Umubare munini w'abantu bakoresha bagera ku bikorwa bifatika babikesha imyenda ya banki ndetse usanga ifite inyungu nini cyane kandi bazishyura banki mu myaka myinshi cyane; mu gihe umubare munini w'abantubihangiye umurimo bagera ku bikorwa bifatika mu gihe gito. Ikindi kandi nta madeni ahubwo babikesha gukora umurimo wabo kuko inyungu yose iba ibonetse nta wundi bayigabana. Kantarama ashimangira ko ibi bitanga ikizere ko n'undi wese wagerageza amahirwe byamuhira.

Rutagerura we yerekana ko uwihangira umurimo agomba kubyaza umusaruro amahirwe yose abonye. Nk'uko benshi bihangiye umurimo babihamya, iyo wamaze gufata umwanzuro ugatangira umurimo wawe uwushyizeho umutima, uko iminsi igenda ikurikirana ubona imiryango y'amahirwe n'umugisha uganisha ku iterambere. Uko bukeye ugenda ubibona, hari benshi bifuza gukorana nawe, hari benshi muhura ndetse hari n'abakugana utakekaga kandi bakaguha amahirwe y'iterambere ry'umurimo wawe ku buryo utakekaga. Ni yo mpamvu umuntu agomba rwose kugerageza kubyaza umusaruro amahirwe yose abonye kuko ari wo mugisha w'iterambere rye.

Mugisha yongeraho ko uwihangira umurimo akwiye kandi kuba umugaragu w'igihe. Iyo umuntu iyemeje kwihangira umurimo agomba kwitoza kubahiriza igithe, akamenya agaciro k'igihe n'igikorwa kibanziriza ikindi. Iyo afite icyo gukora akagikora vuba kandi neza yubahiriza igithe. Rwiyemezamirimo agomba kuba umugaragu w'igihe kuko igithe kimucitse ntikigaruka. Mu kinyarwanda ho bavuga neza ko udakora atyo aba akorera ku jisho.

Uwihangira umurimo kandi akagerageza gukurikiza ibi bivuzwe ndetse agakura isomo muri izi ngero, agomba gushira impungenge byanga bikunda kuko bizamufasha kwiteza imbere mu murimo we. Dukurikize rero ingero zifatika tubona; nta mpamvu n'imwe yatuma hari usuzugura umwuga. Ariko birasaba gutinyuka akazi no gufata ikemezo ubundi ugakora, ukagera kuri byinshi. Twasoza iyi nkuru twifuriza buri wese kubaho neza yirinda kubaho nta cyo akora ahubwo agatinyuka umurimo n'ijo yaba yibwira ko usebye. Akazi kabi ni ko kaguhesha akeza, kandi uburambe ku kazi ni bwo butuma umenyera umwuga wawe ukana menyekana. Tangira umurimo maze ugere kure, aho gusaba akazi ahubwo uga tange. Ugenje atyo aba yifashije kandi anafashije Leta mu kuzamura iterambere ry'Ighugu.

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Ukurikije icyo uyu mwandiko uvuga, tanga undi mutwe wawo.
2. Ni izihe nyungu zivugwa mu mwandiko zo kubona umusaruro nta n'umwe ugutekerereje?
3. Ni uwuhe murimo ukwiye ugiye kwihangira umurimo akwiye gutekerezaho?
4. Ni iki gitera kubura ishema mu bandi?
5. Ni iki abikorera n'abakoreshwa batandukaniyeho mu iterambere?
6. Ni he uwihangira umurimo abona amahirwe yo kubyaza umusaruro mu mishinga ye?
7. Sobanura uko uwihangira umurimo agomba kuba umugaragu w'igihe.
8. Ni ibihe bintu bitatu byagufasha guhangga umurimo?

II. Inyunguramagambo

1. Sobanura amagambo akurikira ari mu mwandiko:

a) Umutekano	f) Gusuzugurika
b) Kwigenera	g) Gukesha
c) Kwigenga	h) Guhiira
d) Urwego	i) Umugisha
e) Ipfunwe	j) Umugaragu
2. Kora interuro irimo amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko:

a) Umugaragu
b) Gukesha
c) Kwigenera

3. Andika imbusane z'amagambo atsindagiye uzikuye mu mwandiko:

- a) **Umutware** we akunda gukorana umwete.
- b) Abantu benshi baba bategereje **guhabwa** akazi.

4. Ukoresheje akambi, huza amagambo ahuje inyito

Ubukungu	ikimwaro
Umugisha	kutubahwa
Ipfunwe	umutekano
Amahoro	amahirwe
Gusuzugurika	ubukire

III. Umwitotozo wo guhangga

1. Andika itangazo utumira abaturage batuye mu manegeka mu nama ku buryo bwo kurwanya impanuka z'ibiza.
2. Ishyire mu kigwi cy'umubyeyi maze wandikire inshuti yawe uyitumira mu bukwe bw'umukobwa wawe ugiye gushyingirwa.

6

Ubukoroni

Abakoroni n'ingoma y'umwami Musinga



Musinga abonwa na benshi nk'umwami wagize uruhare rukomeye, mu gutuma abazungu bubaha Abanyarwanda, kuko atabemereye kwigarurira ubutegetsi bwose nubwo bwose bagiye bamurusha intege, kugeza ubwo bamuteranyije ku batware be, bakanamucira ishyanga akava mu Rwanda.

Tubanzé twibukiranye ko abazungu bategetse u Rwanda, bakomokaga mu bihugu bibiri bitandukanye ari byo u Budage (1899-1916) ndetse n'u Bubiligi (1916-1962). Musinga yahuye n'ibibazo byinshi

byaranze ubutegetsi bwe kuko akimikwa, ntabwo yayobotswe n'Abanyarwanda bose kuko abo mu majyaruguru y'u Rwanda banze kumuyoboka bavuga ko yanyaze ingoma Mibambwe Rutarindwa

wari umaze iminsi yiciwe ku Rucunshu. Mu buhangya bwa Musinga, yaje kwiyegereza abo Badage bari bafite imbunda bamufasha gutsinda Basebya ba Nyirantwari na Ndungutse bari barigometse barema

ingabo zirwanya
Musinga mu duce
tw'amajyaruguru y'u
Rwanda.
Aho amariye
kwigarurira ako gace,
yagize ibyago kuko
Abadage bari bamaze
kumufasha kandi
banamwubaha, bagize
batya batsindwa
Intambara ya Mbere
y'Isi, bari barashoje mu
Burayi. Ingoma ndage

iba irangiye ityo.
Mu by'ukuri, Abadage
bagiye Abanyarwanda
bakibakunze, ndetse
n'ikimenyimenyi
ni uko wasangaga
bakurikiranira hafi
amakuru y'Intambara
ya Kabiri y'Isi kugira
ngo bumve ko Abadaha
(nk'uko bitaga Abadage
banga ko Ababirigi
bamenya ko bagikunze
Abadage) batinda

bakagaruka. Ugasanga
baganira babazanya
amakuru y'aho Hitimana
ageze atsinda intambara
(Hitimana yari Hitileri
kugira ngo bajjishe
Ababirigi). Aho Ababirigi
bamaze kwigarurira u
Rwanda baje batameze
nk'Abadage, batubaha
umwami kandi na
we atabakunze, bityo
bimugiraho ingaruka
zinyuranye.

Bimwe mu bibazo by'ingenzi Musinga yagiranye n'Ababirigi

*Musinga ntiyihanganiye kubona abazungu bazana ingabo zabo kandi yari afite
ingabo ze.*

Izo ngabo zakoze
akazi kazo mu gihe
k'imyaka itatu (1916-
1919). Gusa nyuma
yaho zakomeje kugira
ijambo rikomeye mu
bijyanye n'umutekano
mu gihugu. Nk'uko

Abadage babigenje
mbere, Ababirigi na bo
bafashe Abanyarwanda,
aba ari bo bifashisha mu
gutegeka abaturage. Ibi
byateraga Abanyarwanda
urujijo rwo kumenya
mu by'ukuri utegeka

Igihugu. Ingabo
z'umwami zataye agaciro
hasigara hagegeka
iz'Abazungu. Ibyo
bibabaza Musinga.

Musinga yambuwe ububasha bwari bumugenewe nk'umwami w'u Rwanda.

Ubundi
Abanyarwanda
bari bazi ko Umwami
ari Imana y'u Rwanda.
Umwami yari afite
ububasha bwatumaga
abasha gukemura ibibazo
bikomeye, cyane bitari
mu bushobozi bw'undi
Munyarwanda wese,
hakubiyemo no kwemera
ko umuntu runaka yicwa

mu gihe byagirira abandi
akamaro. Abazungu
bageze n'aho bamubuza
kuba yahana abana
be mu gihe abyumva
atyo. Urugero ruzwi
cyane n'urw'umukobwa
we witwaga
Musheshambugu
wabujijwe kuba
umukirisitu/umukirisito
na se Musinga bityo

abamisiyoneri
bahagarariwe na
Musenyeri Lewo
Karasi (Mgr Léon
Classe) bagashinja
Musinga kubuza
Abanyarwanda kuyoboka
idini bashaka. Ibyo
byatumye umukobwa we
amusuzugura arabatizwa
Musinga aherako
aramuvuma.

Musinga yarwanyije ubukirisito/ ubukirisitu mu bwami bwe.

Mbere y'uko Abazungu baza mu Rwanda bakazana idini rya gikirisito/gikirisitu, Abanyarwanda basengaga Imana bitaga Imana y'i Rwanda, Rurema, Rubasha, Iyakare n'ayandi mazina y'icyubahiro.

Abamisiyonari baje mu Rwanda, bigisha ko hariho indi Mana, bo babonaga ko ari yo y'ukuri. Mu mizo ya mbere, abamisiyoneri bagizwe n'abapadiri bitwaga abapadiri bera boherejwe babwiwe

ko intego ya mbere ari uguhindura imitima y'inyamaswa zituye muri Afurika zikavamo abantu basobanutse b'abakirisitu/abakirisito. Ibyo birumvikanisha ukuntu umwami yari bwifate imbere y'abantu bashakaga gusuzugura Abanyarwanda bene ako kageni. Aho bamariye kubaka Kiriziya yitiriwe Yezu Umwami, i Nyanza (1946) hafi y'i bwami, byeretse Abanyarwanda bose ko Kiriziya ikuye


kirazira, ko Yezu asimbuye abami b'u Rwanda gutegeka u Rwanda. Ni na bwo umwami yatangiye gusuzugurwa na bamwe mu Banyarwanda, bayobotse mbere abamisiyoneri. Ibyo byababazaga cyane umwami Musingaakananirwa kubyihanganira na we bikamutera gusuzugura cyane abakoroni kuko yabonaga batangiye kwangiza umuco nyarwanda.

Bamwe mu batware bari baratangiye kwanga Musinga.

Kubera ukuntu kabazungu bari barigaruriye imitima y'Abanyarwanda, umutware utayobotse idini ryabo yaranyagwaga. Byongeye kandi abazungu bari barabujije Musinga kugira umutware yongera kunyaga batabimuhereye uburenganzira. Ibi byateye abatware bamwe uwomba bituma batangira kugenda bava kuri Musinga kuko bari bamaze kubona ko Abazungu bamurusha imbaraga.

Muri bo harimo abazwi cyane nka Rwabutogo na Kayondo bari bene wabo. Uyu Kayondo we akaba yarakundaga no kujya kumurega ku bazungu ko agandisha abakirisitu/ abakirisito. Ibi byose rero hamwe n'ibindi bibishamikiyeho byatumye mu gitondo cyo ku wa 12 Ugushyingo 1931 Bwana Vuwaze (Voisin) wari uhagarariye umwami w'Ababirigi mu Rwanda no mu Burundi (Ruanda-Urundi) nk'uko byitwaga muri icye gihe amenyesha umwami

Musinga ko yaciye iteka ko atakiri umwami w'u Rwanda ukundi kandi ko aciriwe i Kamembe.



Musinga acibwa yajyanye ingoma Karinga n'izindi ngoma zigaragiye Kalinga, ndetse aherekewa na nyina Kanjogera. Abagaragu benshi cyane b'inkoramutima ze baramuherekeza bagana i Kamembe.

I. Inyunguramagambo

A. Sobanura amagambo akurikira:

- | | | |
|-------------------|----------------------|---------------------|
| 1. Ishyanga | 5. Kwigomeka | 8. Kunyaga umutware |
| 2. Kwimikwa | 6. Gushoza intambara | 9. Guca iteka |
| 3. Kuyobokwa | 7. Kuvuma umuntu | 10. Inkoramutima |
| 4. Kunyaga ingoma | | |



B. Kora iyi myitozo y'inyunguramagambo:

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zigaragaza ko wumva icyo asobanura mu mwandiko
 - a) Kuyoboka
 - b) Kwigomeka
 - c) Guca iteka
 - d) Ishyanga
2. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo yabugenewe ku mwami:
 - a) Umwami ntarya ara.....
 - b) Umwami ntapfa ara.....
 - c) Ntibavuga umurambo w'umwami bavuga.....
 - d) Aho umwami aramirizwa hitwa

II. Ibibazo byo kumva umwandiko

Subiza ibi bibazo byo kumva umwandiko

1. Ubukoroni ni iki?
2. Ni ibihe bihugu bivugwa muri iyi nkuru byakoronije u Rwanda?
3. Muri ibyo bihugu ni ikihe cyabanye neza n'Abanyarwanda? Bigaragazwa n'iki?
4. Kuki umwami Musinga atahise ayobokwa n'Abanyarwanda bose muri rusange?
5. Ni iki cyatumye ingoma ndage iva mu Rwanda?
6. Vuga ingaruka z'ubukoroni ku ngoma ya Musinga no ku Banyarwanda muri rusange.
7. Vuga bumwe mu bubasha umwami Musinga yambuwe n'abakoroni.
8. Vuga izindi ngaruka z'ubukoroni zitavuzwe mu mwandiko.

Inkuru y'ikinyamakuru: Gusesengura inkuru y'ikinyamakuru



Ongera usome iyo nkuru witegereza imiterere yayo maze ukore ubushakashatsi utahura inshoza n'uturango twayo.

1) Inshoza y'inyandiko y'ikinyamakuru

Ni inyandiko icishwa mu kinyamakuru ifite amahame yo kubahiriza uburebure bw'umwanya wagene we inkuru mu kinyamakuru, gutanga amakuru asubiza ibibazo abasomyi baba bafite (Habaye iki? Cyakozwe na nde? Cyabaye ryari? Hehe? Gute?) kandi ikagira interuro itangira, ikurura abasomyi.

2) Uturango tw'inyandiko y'ikinyamakuru

Inyandiko y'ikinyamakuru irangwa n'amahame ya ngombwa iba igomba kubahiriza ari yo:

a) Ihitamo ry'ibyandikwa

Inyandiko y'ikinyamakuru itandukanya ibiri ngombwa byo kuvugaho, ibitari ngombwa cyane, cyangwa ibidakene we na gato. Kureba noneho mu bitari ngombwa cyane ibyashishikaza abantu, ibyabafasha gusobanukirwa cyangwa ibisekeje.

b) Uburebure bw'inyandiko

Bitewe n'uko ikinyamakuru kiba gifite imyanya yagene we buri bwoko bw'inkuru zigomba gusohorwa, uwandika agomba kubahiriza uwo mwanya. Akensi bikorwa hagenwa umubare w'amagambo ntarengwa, byaba ngombwa ntarenzeho 10% by'umwanya wagene we bene iyo nkuru.

c) Uburyo bwo kubara inkuru

Inyandiko y'ikinyamakuru yandikwa mu buryo bw'ibarankuru, kabone n'iyo yaba ari inyandiko nsesengurabumenyi cyangwa mvugamiterere. Kuri uru rwego, umunyamakuru ashobora guhera ku kinini ajya ku gito, guhita atangaza amakuru y'ingenzi akayasesengura nyuma, kubahiriza uko byakurikiranye mu gihe byabaga cyangwa kubikurikiranye uko yishakiye mu gihe yumva ko ari bwo byarushaho kumvikana ku bo abwira.

d) Inganzo y'itangazamakuru

- Inganzo y'itangazamakuru irangwa n' interuro ngufi (akensi bakunze gufatira ku mpuzandengo y'amagambo 12 kuri buri murongo, ukirinda kuzuzamo imibare n'amagambo ahinnye).
- Amagambo yumvikana neza, atumvikana neza agasobanurwa.
- Kwibanda ku bintu bifatika; byakwemerwa nk'ibishoboka.

- Ikoreshwa ry'amashusho.
- Imvugo itaziguye ikoresha utwuguruzo n'utwugarizo ishyira ibantu mu ndagihe mbarankuru.

e) Iteramatsiko.

Interuro y'igika cya mbere igomba gushimisha umusomyi ikamukururira gusoma ibikurikiyeho. Itandukanye n'icyo bita interamatsiko zishingira ku gutangira inkuru y'ingenzi ku mpapuro zibanza ariko igakomereza hagati mu kinyamakuru.

f) Guhitamo umutwe w'inkuru

Umutwe w'inkuru ni ingenzi cyane. Ugomba kuba uteye amatsiko, utanga amakuru (Nde? Ryari? Hehe? Ni iki cyabaye? Gute?) cyangwa ukaba uvuga ibantu hogato. Umutwe w'ikinyamakuru ushoborakuba ari interuro itangara, interuro ibaza, interuro ibaza ikanisubiza, interuro yemeza n'igisobanuro, interuro ishingira ku mibare ifatika, interuro ikoreshejwemo uturango tw'ikeshamvugo(isubirajwi, isubirajambo, imibangikanyo yuzuzanya, imibangikanyo ishyamiranye, ishushanyamvugo, ihuzamitwe...)

Imiterere y'imwe mu mitwe iboneye y'inkuru yo mu kinyamakuru

- Interuro itangara: Hehe na nyakatsi!
- Interuro ibaza: Abanyarwanda se biyubatse bate nyuma ya jenoside yakorewe abatutsi?
- Interuro ibaza ikisubiza: Uzi neza Joriji Baneti? Umupfu mubisi.
- Interuro yemeza ijyana n'igisobanuro: Iyimijwe n'ikaramu ntiramburura. Nta mupfu wize.
- Interuro ishitura ikoreshheje imibare: Amabandi igihumbi mu Rwanda yibisha intwarz.
- Interuro yuje ikeshamvugo (isubirajwi, ihuzamitwe...): Wapfa ba shushu mu mashuka.
- Interuro icurikiranya amagambo y'ingenzi: Muntu ntaberaho kurya, aberaho gukora.
- Interuro ishyamiranya: Yagiye bamushishira azagaruka bamushishimura.
- Interuro ikoresha imvugo shusho: Mu gihugu cy'abavuga mbwenu baratabaza. (Tumwe mu turere tw'abaturage bakoresha ururimi shami rw'Ikinyarwanda rwitwa oluciga).

Umutwe w'inyandiko y'ikinyamakuru wumvikanamo umwihariko wayo kandi ukaba mugufi bishoboka. Iyo umutwe w'inkuru watoranyijwe neza gutegura inkuru biba bisa n'ibyarangiye.

Impugukirwa:

- 1) Umutwe w'inyandiko y'ikinyamakuru ugomba kuba wumvikanamo umwihariko wayo kandi ukaba uri mugufi. Ni byiza guhitamo umutwe nyuma yo gutegura inkuru.
- 2) Nyuma yo gupfundikira inkuru yo gutangaza umunyamakuru cyangwa umwanditsi yongera gusuzuma ibi bikurikira:
 - Ese inkuru yange ikurikiye neza umurongo w'igihe?
 - Ese hari ugukuza cyangwa gutesha agaciro umuntu runaka muri iyi nyandiko?
 - Ese haba hari amagambo yambera gihama, abyerekana uhoreye kuri iki kibazo kibanza?
 - Ese iyi nkuru nayihagazeho cyangwa narayibwiwe?
 - Mu nkuru yange se hari abo nshira urubanza, imbagu runaka cyangwa umuntu ku giti ke?
 - Mu nkuru yange haba harimo amakabyankuru ashimagiza cyangwa asuzuguza bamwe mu banyarubuga? Uburyo naforesheje mbara inkuru yange buciye mu mucyo, buraboneye?

Imyitozo y'ubumenyi ngiro



Kungurana ibitekerezo

Ganira na bagenzi bawe kuri iyi nsanganyamatsiko: "Uruhare rw'itangazamakuru mu mibereho y'abantu."



Umukoro wo guhangya inyandiko y'ikinyamakuru

Itegereze usome inkuru ziri mu binyamakuru binyuranye maze uhange inkuru y'ikinyamakuru ku nsanganyamatsiko wihiityemo wigana ibiranga izo nkuru wasomye.

Inshamake y'ibizwe mu mutwe wa gatandatu

- Ubukoroni bwagize ingaruka zinyuranye ku bihugu byakoronijwe, zirimo guhindura umuco wabyo, kwaka abayobozi ububasha bari basanganywe, kubangisha abaturage no gusahura umutungo wabyo n'ibindi.
- Inyandiko y'ikinyamakuru ni inyandiko icishwa mu kinyamakuru ikagira amahame yo kubahiriza uburebure bw'umwanya wagonewe inkuru mu kinyamakuru, gutanga amakuru asubiza ibibazo abasomyi baba bafite (Habaye iki? Cyakozwe na nde? Cyabaye ryari? Hehe? Gute?) kandi ikagira interuro itangira ikurura abasomyi.



Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

Kora ku gitи cyawe, usome uyu mwandiko maze usubize ibibazo bikurikira wubahiriza amabwiriza yatanzwe.

Umwandiko: Kwihestha agaciro

Kera ba Kazungu bataragera i Rwanda, twari dutuje, twunze ubumwe, dusabana amazi, turahurana umuriro; abensi banywana ntihangire uhirahira ngo atatire igihango. Aho abo bera ba Kazungu baziye baratwinjiriye, bazana amatwara ya mpatsibihugu, amatwara yabo atwambura ireme, agaciro kacu karatakara, kwiyandayanda ngo tukisubize bitubera urujijo cyane ko bazanye n'ifaranga rikatugira ingwate, kandi ngo urumiya rwamize inshuti.

Inyigisho za ba gashakabuhake zibanze ahanini ku gucamo abenegihugu ibice ngo bibe intandaro yo gutegeka. Iyo poritiki nako poritiki yo guca ibice mu benegihugu, yatugizeho ingaruka, ndetse tutarebye neza zazakomeza zikazasingira ubuvivi n'ubuvivure bwacu n'abandi b'igihe kizaza bashobora kuzakomeza kubihomberamo. Hari ingamba zigenda zifatwa uko bwije n'uko bukeye. Mu rwego rwo kwigira, u Rwanda ubu rwifatiye ingamba zo gushyiraho ikigega kizajya kigoboka ingengo y'imari ya Leta. Kuko guhora dutegereje ak'imuhana byazatuviramo kwisuzugura no gusuzugurwa bitagira akagero nk'uko igehe cy'ubukoroni twagiye tubyerekwa. Mureke natwe twishyirireho akacu.

Ubu abaturage bishyiraho ubuyobozi, bamwe mu bo tudahuje imyumvire n'ibitekerezo turababwira bakazinga umunya kubera ko tuzi ibipfa n'ibikira, ko tuzi kwihitiramo. Ya mvugo ngo: "Ijwi rya rubanda ni ijwi ry'Imana", yabaye iyacu. Ubukoroni bwaradushegeshe, bwatumye havaho kandi hasenyuka imiterere n'imyubakire ya poritiki nyarwanda, biradupyinagaza karahava. Yaciye umucuba ibyo twari tugezeho, umuco wacu arawuceba: imihango, imigenzo n'imiziririzo birahuna kandi hari ibyari bicumbikiye ubupfura n'izindi ndangagaciro z'umuco nyarwanda. Ubukoroni bwashingiye ku moko mpimbano buteza umwiryane, amacakubiri n'amakimbirane hagati y'Abanyafurika.

Ntawakwemeza yivuye inyuma ko ibyo Abanyarwanda bakoraga byose byari byiza. Imana ya Kazungu imaze gutaha amarembo y'i Rwanda, ukwizera kwacu kwafashe injyana y'i Burayi; kubandwa, guterekera, kuraguza no gutanga isororo ry'abavubyi, ibyo byaracitse kandi twemera natwe ko bimwe bitari bikwiye mu kuri kw'impura z'i Rwanda. Abantu benshi barapfuye mu gihe habagaho intambara zo kwigarurira ibihugu by'Afurika, ntawakwiyibagiza Abanyafurika batakaje ubutaka bwiza ku nyungu z'abakoroni ndetse kugeza uyu munsi nko muri Zimbabwe ibikingi by'abazungu biracyateye impagarara. Nubwo abakoroni hari aho bafashije kurangiza intambara hagati y'amoko n'imiryango, hari ibindi bintu bitagenze neza. Bahinduye imyemerere y'Abanyarwanda n'Abanyafurika muri rusange. None se Kiriziya yari izwi na bande? Ikwirakwira ry'imyemerere ya gikirisitu yahinduye byinshi mu mibereho

ya bensi; abantu bakajya gusenga bakeye, baberewe. Kugeza ubu se tuba tucyambara impuzu, ishabure n'inkanda?

Ubucuruzi bushingiye ku igurana ry'ibantu, imyaka n'amatungo hari aho byari kutugeza? Ikibabaje ni ikiboko cya buri munsi na shiku byari byarayogoje Abanyarwanda hamwe n'abandi Banyafurika bakubitanye na ba Kazungu. Twarakubititse bihagije, aho ibihe bigeze nimuze dusubize amaso inyuma dushake ingamba zose zadufasha kwigira, hato wa wundi wadukanze, atongera kutwiba umugono tugasubira ku kacu, tukongera kuba aka ya nsina ngafi icibwaho urukoma. Uko kwaba ari ukurangara bitavugwa.

Nta kintu na kimwe kitagira akarango k'ibyiza. Reka tuvuge ko hari ibyiza ubukoroni bwadusigiye. Abanyarwanda bamenye imahanga uko bamerewe bajyanywe n'abakoroni, imbuto ziribwa kimwe n'ibindi biribwa bitaha i Rwanda no hirya no hino muri Afurika. Ariko se tuvuge ko ibi ari byo byabaye ingurane y'amabuye y'agaciro yagiye akurwa ikuzimu mubihugu byacu agataha i Burayi? Hari umuhanga wabyanditse neza avuga ko Afurika yasahuwe cyane umutungo wayo. Ikindi kandi uwo mugabo yasanze mu bushakashatsi bwe Abanyafurika twari dusanzwe dufite inzego z'ubuyobozi zubakitse neza, kuzimeneramo kwari ukubanza kuzisenya. Kugira ngo gashakabuhake atuyobore yabanje rero gusenya inkingi z'umuco wacu n'inzego z'ubutegetsi.

Ni ukuri, nimuze dufatanye dufate ingamba zo gukomeza gushaka uburyo twisubiza agaciro abakoroni batunyagishije igitugu gihishemo amayeri menshi. Twarivumbuye, havuka imitwe ibarwanya imyinshi iraneshwa; abanditsi babigaragaza mu nyandiko zitandukanye, ku bwa burembe mu myaka ya za mirongo itandatu batangira kuva ku izima. Hari Abanyafurika b'abanye poritiki cyangwa b'abanditsi bagize ubutwari bwo kurwanya abakoroni. Nko mu banditsi twavuga Nkwame Nkuruma (Nkwame Nkrumah), Lewopori Sedari Sengoro (Léopold Sédar Senghor) n'abandi. Hari kandi n'imitwe inyuranye yagiye ibarwanya muri yo twatanga urugero rw'Abamawumawu muri Kenya na Abamayimayi muri Tanzaniya n'ibindi. Iyo mitwe yumvaga igomba kurwanya abakoroni b'Abongereza bivuye inyuma.

Duhereye iwacu mu miryango; niba uri umunyeshuri wiybaha, umenye icyo gukora, umusore na we ntatege amaboko ngo bibyarwa n'inzu! Icyuho abakoroni baciymemo muze tukizitire ibyo badufashijemo byiza tubikomeze ariko iby'akarengane badutegekesha igitugu n'ibindi bipfobya Umunyarwanda n'Umunyafurika wiybaha tubyamaganire kure. Twirinde gusuma ngo dusumire inzaduka z'amahanga ngo ni iterambere. Oya, sigaho! Nitwikosore duce ukubiri no guhora duteze barampa nka cya gikobwa k'icyomanzi gihwanye na cya gicu cya Nyantango cyabonye ibicu birenga ngo "Iwacu barantuye", naho byahe biragatabwa!

Bifatiye ku byanditse kwa Gabiro, R., Ntunyibutse ikiboko, 2015, Kigali, Rwanda.

I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Ingingo nkuru n'zungirije zavuzweho cyane mu mwandiko ni izihe?
2. Kuba tugikenera inkunga y'amahanga ntitwabifata nk'ubukoroni? Sobanura.
3. Abanyafurika mu mpande zitandukanye bigaragaje bate berekana akarengane kabo?
4. Hari ingingo zihamya ko Abanyarwanda bahoze bumvikana, bafashanya. Zirondore.
5. Poritiki n'inyigisho n'imikorere y'abakoroni byari byiza byose. Sobanura utarondogoye.
6. Poritiki abakoroni bakoresheje kugira ngo batwigarurire ni iyihe? Yatugizeho izihe ngaruka?
7. Ijwi ry'abaturage ni ijwi ry'Imana. Iyi mvugo urayemera? Sobanura.

II. Inyunguramagambo

a) Shaka ibisobanuro by'aya magambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko umaze gusoma.

- | | |
|----------------|-------------------|
| 1. Kazungu | 5. Gutwaza kiboko |
| 2. Intandaro | 6. Gucuza |
| 3. Ak'imuhana | 7. Umuco |
| 4. Ibisigisigi | 8. Guceba |

b) Buri wese ku gitи ke nahuze neza amagambo ari mu ruhushya A n'ibisobanuro byayo byatanzwe mu ruhushya B akoresheje akambi aho bishoboka.

Uruhushya A	Uruhushya B
<ol style="list-style-type: none">1. Kazungu2. Banywana3. Kwiyanayanda4. Ingwate5. Byarangongoje	<ol style="list-style-type: none">a. Umuntu watwawe n'ibantu runaka ku buryo bimuyobora.b. Kuba udafite imbaraga ukihangana ukagira icyo ukora.c. Kugirana ubucuti bukomeye bushingiye ku gusangira amaraso.d. Byaranduhije cyane, umubiri n'ingufu binshiraho.e. Umukoroni w'umuzungu cyangwa se wavuye i Burayi.

c) Simbuza ijambo ryanditse ritsindagiye irindi bivuga kimwe usanga mu mwandiko.

1. Twiyambaza abakurambere kugira ngo bakomeze kuduha impagarike n'ubugingo.
2. Imirima minini yera cyane yigaruriwe na ba gashakuhake mu gihe cy'ubukoroni.

3. **Imyenda ikozwe mu bishishwa by'imirivumu** yakundaga kwambarwa n'abagabo.
4. Tugomba guharanira **kwikaza muri byose** kugira ngo tureke guhora dutegereje bene Kazungu.
5. Abakoroni **baduciye mu rihumye** baradupyinagaza karahava, kuzamura umutwe bije vuba.
6. Abakoroni bari bafite **uburyo bwinshi** bwo kunyunuza abaturage bakoronije.
7. Nta mpamvu yo **kwitemberera usa nk'udafite iyo agiye** kandi ibintu byo gukora bihari.
8. Ubunebwe bushobora **kugukururira amakuba**, ubundi udakora ntakarye.
9. Abanyeshuri **biroha mu bintu bidafite shinge na rugero** bagatsindwa, isi izabigisha.
10. **Umupfayongo** aho ava akagera uzasanga atita ku nyigisho yungukira mu ishuri.
11. Burya ngo ibishashagirana byose si zahabu, reka kwishinga ibyo **bintu mvaburaya** ntabwo byose bitwubakira ubuzima.

III. Inyandiko y'ikinyamakuru

- a) Vuga ibibazo bitanu by'ingenzi biranga inyandiko y'ikinyamakuru.
- b) Mu magambo 200 andika inyandiko y'ikinyamakuru ku kamaro k'ikoranabuhanga mu mirimo inyuranye.

7


Ibiyobyabwenge

Inkuru: Twirinde ibiyobyabwenge



Mukamana na Gatabazi bafite abana batatu (Cyuzuzo, Shema na Nyiraneza) babanye mu mahoro ariko Cyuzuzo yarabananiye kuko anywa ibiyobyabwenge.



Cyuzuzo n'ishuti ze Nyiraneza na Shema bariherera bakanya ibiyobyabwenge.



Baragenda bageze mu nzira, babona umusaza Gakwaya yigendera baramuhagarika.



Mukamana ahuriye na Nyirarukundo mu nzira baraganira.





Ku munsi wa gatatu kuva Gakwaya yahemukirwa, yagiye kuri porisi kuvuga ikibazo ke.




Gakwaya ataha yivugisha mu nzira.




Gatabazi na Mukamana bafashe igihe cyo kuganiriza abana babo



Gatabazi aganiriza umuhungu we by'umwihariko .






**Umukuru w'Umudugudu wa Rwanzekuma n'abaturage bari mu nama.
Bagira ku ngaruka z'ibiyobyabwenge n'uko byakwirindwa.**



Inama irangiye, Gatabazi asigara aganira n'umukuru w' umudugudu.



**Nyuma y'icyumweru ba basore na ya nkumi bongera kujya
mu gashyamba kwambura abagenzi.**





I. Inyunguramagambo

A. Sobanura amagambo akurikira:

- | | |
|----------------------------|-------------------------|
| 1. Ibiyobyabwenge | 6. Wana |
| 2. Anyihunza | 7. Icyomanzi |
| 3. Umuvkiye | 8. Uburoko |
| 4. Ako ku mugongo w'ingona | 9. Bakanirwe urubakwiye |
| 5. Umutware | 10. Amaniga |



B. Kora iyi myitozo y'inyunguramagambo

Koresha amagambo akurikira mu nteruro zigaragaza ko wumva icyo asobanura:

- a) icyomanzi b) uburoko

II. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

Subiza ibi bibazo bikurikira:

1. Ni ibihe biyobyabwenge byavuzweho cyane muri iyi nkuru?
2. Rondora ibiyobyabwenge wumva bavuga mu mihana iyo mutuye.
3. Uhoreye ku bumenyi bwawe bwite, izindi ngaruka z'ibiyobyabwenge zitavuzwe ni izihe?
4. Muri iki gihe ni izihe ngamba zirambye Leta y'u Rwanda yafashe zo kurwanya ibiyobyabwenge?
5. Ni gute icuruzwa n'inyobwa ry'ibiyobyabwenge bishobora kudindiza iterambere?
6. Wowe umaze gusoma iyi nkuru ishushanyije, ukumva ingaruka n'akaga biterwa no kunywa ibiyobyabwenge, ufashe uwuhe mugambi?
7. Ibyinshi mu biyobyabwenge ni ibinyobwa biba bitujuje ubuziranenge. Hakorwa iki kugira ngo ubinywa asobanukirwe ibijyanye n'ubuziranenge?

III. Umwitozo w'ubumenyi ngiro



Gukina bigana

Kina na bagenzi bawe iy'inkuru "twirinde ibiyobyabwenge" mwigana ibikorwa by'abakinankuru bavugwamo.



Ganira na bagenzi bawe ku isomo ryo mu buzima busanzwe mukuyemo maze muhurize hamwe ibyavugiwe mu matsinda.

Inkuru ishushanyije



Ongera usome iyo nkuru ishushanyije witegereza imiterere yayo maze ukore ubushakashatsi utahura inshoza n'uturango twayo.

1) Inshoza y'inkuru ishushanyije

Inkuru ishushanyije ni inkuru iteye nk'ikiganiro aho abantu babiri cyangwa benshi baganira bungurana ibitekerezo, bajya impaka zubaka cyangwa zisenya. Bene izi nkuru zishushanyije zibangikanya amagambo n'amashusho y'abanyarubuga. Amagambo avugwa ashayirwa mu tuziga dufite uturizo dufite ikerekezo tw'aho umunyarubuga aherereye. Bigaragara neza ko inkuru ishushanyije idashyirwa mu bika. Inkuru ishushanyije itera amatsiko ashingiye ku ibangikana ry'amagambo n'amashusho. Umukinankuru iyo agaragaza imbamutima ze, amashusho arabigaragaza. Amagambo iteka aba afitanye isano ishodekanye neza n'ikivugwa.

2) Uturango tw'inkuru ishushanyije

Inkuru ishushanyije irangwa n'ibi bikurikira:

- **Umurambararo:** uruhererekane rutambitse rw'amashusho.
- **Icipande:** urupapuro rwose rugizwe n'imirambararo.
- **Urukiramende:** umwanya wanditsemo ibisobanuro. Ibyo bisobanuro byitwa imvugo ngobe.
- **Agatoki:** ni agashushanyo gasongoye gahuza amagambo n'uyavuga.
- **Akazu:** umwanya w'ishusho utangiwe n'idirishya.
- **Idirishya:** imbibii z'ishusho cyangwa z'akazu.
- **Uruvugiro:** umwanya urimo ikiganiro cy'abanyarubuga.
- **Akarangandoto:** akarongo kagizwe n'utudomo kerekera ku muntu kagaragaza ibyo arota cyangwa atekereza.
- **Imvugondoto:** ni amagambo umuntu ashobora gusoma ku gipande aranga icyo umunyarubuga atekereza cyangwa se aranga umwivugisho w'umunyarubuga.
- **Agokino:** uruhererekane rw'amashusho ari mu muteguro umwe. Ni ukuvuga abanyarubuga bamwe hatagize usohokamo cyangwa undi winjiramo.
- **Abanyarubuga:** umuntu, ikintu cyangwa inyamaswa bifite icyo bikora mu nkuru.



Umukoro wo guhangwa

Hanga inkuru ishushanyije ku gukumira ibiyobyabwenge mu rubyiruko.

Inshamake y'ibiyizwe mu mutwe wa karindwi

- Ibiyobyabwenge bigira ingaruka zinyuranye ku muntu ubikoresha, ku muryango we ndetse no ku iterambere muri rusange. Tugomba kubirwanya no gushishikariza abantu kutabikoresha.
- Inkuru ishushanyije ni ingeri y'ubuvanganzo nyandiko ifatanya amashusho n'amagambo. Inkuru ishushanyije irangwa n'urukiramende, umurambararo, akazu, idirishya, uruvugiro, abanyarubuga, agatoki, akarangandoto, igipande n'agakino.



Isuzuma risoza umutwe wa karindwi

Kora ku giti cyawe, usome uyu mwandiko maze usubize ibibazo bikurikira wubahiriza amabwiriza yatanzwe.

Umwandiko: Ingaruka z'ibiyobyabwenge mu rubyiruko

Muvara ni umwana w'umuhungu uri mu kigero k'imyaka cumi n'itandatu. Amaso yaratukuye, iyo agenda mu nzira agenda yivugisha ahekenya amenyo. Umunsi umwe twahuriye mu gatsibanzira kitaruye ikigo k'ishuri cya Mabimba atumagura itabi rizinze mu ikoma ryumye. Yari yambaye impuzankano bigaragara ko ari umunyeshuri. Ndamwege, ndamusuhuza maze turatangira turaganira.

-Uraho yewe mwa?

-Ndi aha nyine ntundeba se! Ee! Bite meri wange? Ubu nge mba ndi mu maswingi wana ntabwo nshaka amagambo menshi! Akimara kunsubiza atyo mpita menya ko ari umwana wokamwe n'ibiyobyabwenge ndamwege ntangira kumuganiriza ntuje. Ambwira ko ari umunyeshuri wiga mu mwaka wa mbere. Ikigero ke nticyatumaga wakeka ko yiga mu mwaka wa mbere ahubwo wamukekeraga kuba yararangije amashuri yisumbuye. Ndakomeza ndamuganiriza nihanganira imvugo nyandagazi yakoreshaga kuko nabonaga na we atari we ahubwo abiterwa no kubatwa n'ibiyobyabwenge. Ageze aho atangira gucururuka maze aranyemerera duhuza urugwiro. Icyu mbere nifuzaga kumenya ni ibiyobyabwenge urubyiruko rw'abanyeshuri bakoresha ibyo ari byo, igehe babifatira, aho babikura n'igituma babifata.

Nyuma y'ikiganiro kirekire nagiranye na we nsanga ibiyobyabwenge bikunze gukoreshwa n'urubyiruko rw'abanyeshuri ari urumogi, kanyanga n'indi nzoga ntamenye neza yitaga siriduwire. Ansobanurira ko babifata mu kiruhuko cya saa sita. Ibyo bituma badasubira ku ishuri nyuma ya saa sita kubera ko ngo baba babirindutse badashaka kugira amabwiriza ayo ari yo yose bahabwa n'abayobozi

b'ishuri. Ikindi kandi yambwiye ni uko ngo akensi babifata iyo bari mu biruhuko bisoza igihembwe cyangwa ibisoza umwaka; basiga babeshe ababyeyi babo ko bagiye gusobanurirana amasomo ubundi bakigira mu biyobyabwenge. Akimara kumbwira ibyo byanteye amatsiko yo kumenya aho babikura n'uko babibona kandi nta mafaranga baba bakorera dore ko bigurwa n'amafaranga menshi. Ansobanurira ko bayiba ab'iwabo cyangwa bagakoresha amafaranga y'ishuri baba bahawe nyuma yo kubeshya ababyeyi ko batumwe ibikoresho runaka. Ansobanurira kandi ko aho babikura ari henshi ko hari bagenzi babo biga bataha baba bobicuruza babizana mu dukapu twabo. Hari n'abaturanyi baba bobicuruza bakabigura na bo mu gihe k'ikiruhuko cya saa yine cyangwa saa sita bakabibagurishiriza ku ruzitiro rw'ishuri inyuma y'amashuri ahategereye ubuyobozi bw'ishuri.

Ku giti ke, mubaza icyamuteye kunywa ibiyobyabwenge ansobanurira ko bagenzi be bamubwiraga ko bituma atinyuka, agasubiza mu ishuri ashize amanga kandi ko ngo binatera akanyabugabo. Nkimara kumva ibisobanuro yampaga nsanga ngomba kumuba hafi nkamufasha kureka ibiyobyabwenge. Muganiriza ntuje mwumvisha uburyo kuba akiri mu wa mbere kandi abandi bangana bararangije amashuri yisumbuye ari ukubera kunywa ibiyobyabwenge bigatuma asiba kenshi ishuri, yakora ibizamini agatsindwa agahora asibira. Musobanurira ko bigira ingaruka ku buzima bw'ubikoresha nko gutukura amaso, kudatekereza neza, kutagira ikinyabupfura, kudasinzira iyo atabikoresheje... Ikindi kandi musobanurira uburyo ibiyobyabwenge bigira ingaruka ku iterambere ry'ighugu mugaragariza uburyo ubikoresha adakora kubera kubera imbaraga kandi ko n'amafaranga abigura aba akwiye guteza imbere igihugu mu bundi buryo. Ariyumvira hashize umwanya aransubiza ati: "None se nakora iki?" Mubwira ko yabireka kandi akagaragaza n'abandi bagenzi be babifata ku ishuri ndetse akanavuga uburyo babibona n'aho babikura. Hashira umwanya munini yiyumvira ageze aho arambwira ati: "Nge ngiye kubireka kandi n'amaniga yange ndayagira inama abireke. Ni byo bituma ntatsinda mu ishuri kandi bigatuma mpore mbeshya ababyeyi, mbiba amafaranga! Ahubwo urakoze kuba ungiriye iyi nama. None se ko nabitangiye bambwira ko nzashira uwoba nkajya nsubiza neza mu ishuri none nkaba maze imyaka ine mu wa mbere bimariye iki? Ndabiretse! Ahubwo n'utu tubure nari nsigaranye reka ntujugunye ndetse n'aka ka siriduwire reka nkajugunye. Ubu nange mfashe umugambi wo kugira inama nk'iyi ungiriye urubyiruko rw'abanyeshuri bagenzi bange ndetse n'urundi rubyiruko duturanye rutiga, na bo bareke ibiyobyabwenge twiyubakire Igihugu."

Akimbwira atyo mukora mu ntoki ndamushimira mubwira ko nzajya njya kumusura kenshi nkamuganiriza. Aranyemerera ansezeraho arataha.

Nyuma y'icyo kiganiro na we, binyereka ko abaturanyi n'ababyeyi ari ngombwa cyane ko bakurikirana imygire y'abana babo ku ishuri. Bakamenya igituma batiga neza kandi bakagenzura niba amafaranga yose abana babo babasaba bavuga ko bayatumwe ku ishuri biba ari byo koko. Buri mubyeyi ahuza urugwiyo n'umwana uwo ari we wese abona ko afite ikibazo, amuganirize ndetse anamugire inama. Abayobozi

b'ishuri bakurikirane imyigire y'abanyeshuri biga bataha iwabo, bagenzure ibyo bashobora kuzana ku ishuri babaze ababyeyi impamu abana babo bataboneka buri munsi ku ishuri iyo hari abo babonaho iyo ngeso yo gusiba kenshi. Abayobozi b'ishuri bagomba gushishikariza buri munyeshuri kugaragaza bagenzi be baioresha ibiyobyabwenge cyangwa se abakekwaho kubikoresha kugira ngo bagirwe inama. Ni ngombwa gufatanya n'ubuyobozi bwa Leta bakagenzura abacuruza ibiyobyabwenge babiha abanyeshuri bakabashyikiriza inzego zibishinzwe.

I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ni nde uvugwa muri uyu mwandiko? Aravugwaho iki? Iyo umurebye ubona arangwa n'iki? Kubera iki?
2. Ni izihe ngaruka umunyeshuri ukoresha ibiyobyabwenge agira?
3. Ni iki gituma abanyeshuri baioresha ibiyobyabwenge?
4. Ni izihe ngamba zivugwa mu mwandiko zo kurwanya ibiyobyabwenge mu rubyiruko no mu mashuri by'umwihariko?
5. Vuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingerekira ziri mu mwandiko umaze gusoma.
6. Ni iyihe nyigisho ukuye muri uyu mwandiko?
7. Gereranya ubuzima ubamo n'ibivugwa mu mwandiko, ugeza ku bandi inyigisho wakuye mu mwandiko.
8. Muvuge ingaruka z'ibiyobyabwenge mu muryango nyarwanda.
9. Ibyinshi mu biyobyabwenge ni ibinyobwa biba bitujuje ubuziranenge. Hakorwa iki kugira ngo ubinywa asobanukirwe ibijyanye n'ubuziranenge?

II. Ibibazo by'inyunguramagambo

- a) Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira ari mu mwandiko:

1. Agatsibanzira
2. Atumagura
3. Impuzankano
4. Mu maswingi
5. Kubatwa n'ibiyobyabwenge
6. Imvugo nyandagazi
7. Gucururuka
8. Duhuza urugwiyo
9. Babirindutse
- 10. Utubure**
- 11. Siriduwire**

- b)** Soma, uhuze ijambo rivuye mu mwandiko n'igisobanuro cyaryo ukoresheje akambi.

Gusabana

Agatsibanzira

Gusangira

Impuzankano

Inzira nto iri hagati y'imirima
abagenzi bacamo bajya guhinga
cyangwa bajya mu ngo zabo

Guhuza urugwiro

Akayira gato imodoka zicamo.

Ni imyenda isa iba iranga abantu
runaka; abanyeshuri, abasirikare...

III. Ibibazo ku nkuru ishushanyije

1. Akarangandoto gatandukaniye he n'agatoki?
2. Inkuru ishushanyije irangwa n'iki?
3. Uhereye ku biranga inkuru ishushanyije, hanga inkuru ishushanyije ku nsanganyaatsiko y'ibiyobyabwenge.

Imyandiko y'inyongera

Kwita izina mu muco nyarwanda

Ibihugu byose aho biva bikagera bigira umuco ubiranga. Umuco ni ihuriro ry'ibigize imibereho y'abantu ya buri munsi, ni uburyo bw'uko abenegihugu aba n'aba babona ibintu, uko babitekereza n'uko babyizera. Ni isangano ry'ibyiza nyabyo by'ihe cyahise, ibihangwa ubu n'ibizagerwaho by'ahazaza. Umuhango wo kwita umwana izina uri muri bimwe byaranze umuco nyarwanda. Ese uwo muhango wakorwaga ryari? Wakorwaga ute? Waba warakorwaga kimwe mu Rwanda hose? Ibika bikurikira biribanda kuri ibyo bibazo.

Mu muco nyarwanda, iyo umwana yamaraga iminsi umunani avutse yagombaga guhabwa amazina. Hari ariko n'abitaga umwana hashize iminsi itandatu cyangwa ine, gusa cyaraziraga gusohoka ku munsi w'igiharwe. Kwita izina ni igikorwa cyategurwaga kuko wabaga ari umunsi ukomeye. Uwo munsi nyirizina umubyeyi w'umugore wibarutse yavaga ku kiriri. Kuva ku kiriri bishatse kuvuga ko yasohokaga akajya ahagaragara. Iyo yamaraga kubyara yagumaga mu nzu aruhuka akitabwaho we n'uruhi. Ikiriri rero akensi cyamaraga iminsi umunani. Uwo munsi wo kwita izina rero ni bwo yasohokaga. Gusohoka byajyanaga n'umuhamo wo kogosha umwana na nyina udusatsi duke no kumesa imyambaro y'umubyeyi. Mu minsi ikurikiyeho umubyeyi yashoboraga gutangira gukora imirimo yoroheje.

Kuri uwo munsi rero, umuryango wibarutse umwana watumiraga abana b'abaturanyi n'abantu bakuru. Babaga barabyiteguye barenze amayoga, barateretse amata, batetse n'ibiryo. Abana bahabwaga amasuka (inkonzo) bakajya guhinga hafi y'urugo, abahungu bagahinga naho abakobwa bagatera intabire. Baba benda nko gutura ikivi, bakazana amazi mu rukebano (urukiza) bakayamishagiza hejuru yabo bagira bati: "Nimuhingure imvura iraguye." Bagaherako bahingura, bakiruka bajya mu rugo.

Basangaga babateguriye ibyo kurya ku rutaro (intara) cyangwa ku nkoko bigizwe n'ibishyimbo bacucumi yemo imboga z'amoko yose zitaburagamo isogi n'ubututu, kandi babikozemo utubumbe twinshi, buri mwana akagira ake. Buri kabumbe kose kabaga kageretseho agasate k'umutsima wa rukacarara cyangwa w'uburo. Bakazana amata y'inshyushyu n'ikivuguto bagatereka aho, abana bakaza bakabaha amazi bagakaraba bakarya, bakabaha n'amata basomeza bose uko bangana. Nguko uko baryaga ubunnyano.

Iyo bamaraga kurya ntibabahaga amazi yo gukaraba, barazaga bagahanaguriza intoki zabo ku mabere ya wa mubyeyi, bavuga bati: "Urabyare abana benshi abahungu

n'abakobwa." Nuko abana bakita uruhinja amazina. Nyuma y'abana hagakurikiraho abantu bakuru. Abana ntibatahaga iwabo, na nyina w'umwana ntiyahagurukaga aho yicaye, keretse umwana amaze kunnya cyangwa se kunyara. Umubyeyi yicaraga iruhande rw'imyugariro iyo yabaga abyaye umuhungu, akicara mu irebe ry'umuryango iyo yabaga abyaye umukobwa. Nyina yabaga yamuhaye ibere kugira ngo annye cyangwa anyare. Iyo umwana yabaga yatinze kunnya cyangwa se kunyara, bamutamikaga itabi akaruka, bakabona kugenda. Kugendera aho ni ugusurira umwana nabi, akaba yapfa.

Mu duce tumwe tw'u Rwanda nko mu Buganza abana bari bafite akabyino babyinaga, bajya gusuka ku nsina ibyo bakuye ku kiriri. Insina akenshi yabaga ari iy'inyamunyo. Hazaga abana umunani, bane b'abahungu na bane b'abakobwa, bose b'amasugi. Barazaga bagakikiza urutaro bayoreraho ibyo ku kiriri, bakaruterurira rimwe bagenda urunana bakabyina banaririmba bat: "Bwerere yavutse, Bwerere yakura, Bwerere yavoma, Bwerere yatashya, Bwerere yahinga..." Bagasuka ku nsina bavuga bat: "Dore aho nyoko yakubyariye". Bakajya no ku yindi nsina babyina kwa kundi. Batangaga insina ebyiri cyangwa eshatu, bagasukaho ibyo ku kiriri. Insina yasukwagaho ibyo ku kiriri yerekawaga n'umugore watindiye umubyeyi ikiriri. Izo nsina zabaga ari iz'umwana, ababyeyi baziraga kuzimunyaga. Iyo yabaga ari umukobwa akazashyingirwa kure, ibitoki byazo barabimugemuriraga.

Uwo munsi babaga bashakiye umwana ingobyi ebyiri, iy'uruhi rw'inka n'iy'uruhi rw'intama, bakazimukozaho, kugira ngo imwe nibura bamuheke mu yindi. Iyo babaga batabigenje batyo, ngo iyo bwacyaga bakamuheda mu yo batamukojejeho icyo gihe, yamusuriraga nabi agapfa. Umwana w'uruhinja iyo yabaga afite mukuru we, ku munsi wo gusohoka baramumuhekeshaga, kugira ngo bazahore barutana, umukuru ntarutwe na murumuna we, bitewe n'uko yazingamye. Ibyo umugore yabaga yasohokanye (nk'ishinge) babimanikaga mu ruhamo rw'umuryango; cyaraziraga kubijugunya.

Iyo bamaraga kurya ubunnyano, abana bamaze gutaha ndetse n'abantu bakuru, umugore yarasasaga, noneho agataha ku buriri akararana n'umugabo we, ariko umwe akirinda undi. Igihe cyo mu museke, umugabo akabwira umugore ngo naze baterure umwana. Barangiza umugabo agasohoka akajya hanze, yava hanze, akaza agasanga umugore yamushyiriye intebi mu irebe ry'umuryango. Iyo umugabo yateruraga umwana atavuye hanze, ngo byabaga ari ukumuvutsa ibyiza akazapfa atagize icyo yimariye. Nuko umugabo akaza akicara ku ntebe ati: "Mpa uwo mwana yewe wa mugore we". Umugore akamuhereza umwana. Se w'umwana akamusimbiza ati: "Kura uge ejuru nkwise kanaka". Umugore na we iyo yashakaga yitaga umwana izina. Iyo agiye kwita umwana izina agira ati: "Nnya aha, nyara aha, nkwise kanaka". Iyo se w'umwana yabaga ataramuterura ntiyavugaga izina rye, ngo iyo arivuze umwana arapfa. Ubwo akita umwana izina, ariko izina rihama ni iryo yiswe na se. Iyo se w'umwana yabaga amaze kumwita, bwagombaga kwira adakoze ikitwa intwaro cyose, ngo iyo yabaga atabyubahirije, umwana ntiyasazaga atarwanye cyangwa

atishe umuntu. Si ukuvuga ko ariko umubyeyi w'umugore atabaga arizi, kuko baba barariteguye mbere. Guhera uwo munsi umwana agahamagarwa izina rye yiswe uwo munsi n'ubwo hatabura utubyiniriro.

Ababyeyi b'umwana kandi bahitagamo izina bitewe n'ibihe barimo cyangwa se icyo bifuriza uwo mwana uhawe iryo zina. Ariko kandi hari n'amazina yagiraga umwihihariko nk'iyo havukaga impanga cyangwa se bakita bakurikije umubare w'abana bagejejeho. Ni yo mpamvu wasanganga Abanyarwanda bavuga bat: "So ntakwanga akwita nabi". Ibi bishatse kuvuga ko hari ubwo ababyeyi bashoboraga kukwita izina ry'irigenurano, hari abo bagamije kubwira.

Muri make rero, umuhango wo kwita umwana izina wari ufite akamaro ntagereranywa mu mibanire y'Abanyarwanda no muco muri rusange, kuko wahuzaga abantu, abato n'abakuru bagasabana, bagasangira. Muri iki gihe usa n'aho utakibaho, n'aho uba ntugenda neza nk'uko wagendaga kera. Ubu wumva ngo kwa kanaka babyaye ntumenye igehe basohoreye umwana ndetse ntumenye n'izina rye. Uko biri kose, guhabwa izina ni ikintu gikomeye kuko izina ry'umuntu ari ryo rimugira uwo ari we, rikamuha icyubahiro mu muryango, rigatuma yimenya uwo ari we mu muryango n'ijo akiri umwana.

Sigaho, wihohotera!

Rutabikangwa ni umugabo ubana n'umugore we witwa Mukamana. Bafite abana bagera kuri cumi na bane (abakobwa n'abahungu). Rutabikangwa akunda kunywa inzoga kandi rimwe na rimwe akanabikora agiye guhinga we n'umugore we, ibyo bigatera ingaruka zo kubura ingufu. Umunsi umwe, bahinguye, Rutabikangwa yatahije inkwi, ariko anabikora akanika umugore we ko agomba kwibuka gucyura isuka yahingishije kuko we agomba kunyura ku kabari kugira ngo aganire na bagenzi be banasoma ku gacupa.

Ahagana saa mbiri z'ijoro, Rutabikangwa ataha mu rugo iwe asanga umwana we w'umukobwa witwa Nyirankumi arimo gukora umukoro ku ishuri babahaye, ahita amukubita kuko ihene zari zikiri ku gasozi, ako kanya aba ahutaje n'akana ke k'agahungu kagwa hasi. Rutabikangwa yinjira mu nzu, akubita umugore we imigeri myinshi hanyuma amubaza n'ibiryo. Umugore amusubiza n'ijwi ryo hasi amubwira ati: "Genda ubyirebere ngeweho ndananiwe." Umugore arakomeza amubwira ko nta kintu cyo kurya bafite kandi anamubwira ko n'umwana wabo w'umukobwa bamvirukanye ku ishuri kubera kubura amafaranga, ati: "Wagurishije ihene nta n'umuntu ubizi, amafaranga nta mutu uzi icyo wayakoreshje."

Umugabo amusubiza agira ati: "Ndakwibutsa ko ihene ari iyange kandi ko utemerewe kumbaza ikibazo nk'icyo." Rutabikangwa ahita afata ikemezo cyo guhita ajya mu buriri, mu gihe umugore we yari akirimo gukora imirimo imwe yo mu rugo. Hagati mu ijoro, asaba umugore ko bagirana imibonano mpuzabitsina, umugore arabyanga kuko

yumvaga ananiwe kubera imirimo yari yiriwe akora mu murima: kwikorera inkwi, hamwe n'imirimo yo mu rugo yo ku gihe cy'umugoroba, hakiyongeraho n'intonganya. Ibyo byose byatumye ananirwa. Rutabikangwa akomeza gusaba ku ngufu umugore we ko bakorana imibonano mpuzabitsina, ubwo umugore atangira kurira.

Umunsi ukurikiyeho, umwana w'umukobwa wa Rutabikangwa wari utararangije umukoro bari bamuhaye ku ishuri abona zero. Igihe umwana atangiye kwisobanura ibyabaye ejo hashize mwarimu ahita abwira wa mwana ko baza kubonana nyuma yamasomo kuko abona icyo ari ikibazo kihariye kitareba abanyeshuri bose. Mbere yo gutaha amasomo arangiye, wa mwana w'umukobwa ajya kureba mwarimu wari utuye iruhande rw'ishuri. Mwarimu akoresheje ijwi rikarishye abwira wa mwana w'umukobwa ati: "Wowe aho wakwize, umara amasaha yawe menshi urimo uganira n'abahungu bo muri aka karere buri joro.

Uyu munsi ni umwanya wange kandi umenye ko mfite mu biganza byange ejo hawe hazaza. Umenye kandi ko igithe utatsinze amasomo yange abiri ari ryo herezo ry'ubuzima bwawe. Urabyumva?"Uwo mwana w'umukobwa atangira gutitira ntuyagira icyo asubiza ariko agiye kumva yumva mwarimu arimo aramukorakora ku mabere. Umwana akomeza kwibaza ukuntu agiye gutakaza ubuzima bwe igithe atubashye ikemezo cya mwarimu we, abigereranya n'ihene iri mu nzara z'intare. Ku iherezo, umwana aza kugenda atanambaye neza, agenda yananiwe kubera icyo gikorwa cy'urukozasoni.

Nyuma y'iminsi mike, wa mwana w'umukobwa atangira kumva ububabare mu gice cyo hasi y'inda ibyara. Bukeye igithe agiye kwisuzumisha, Muganga amuha imiti ivura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina. Hanyuma umuganga amubwira ko kugira ngo yigirire ikizere neza yakagombye kwipimisha agakoko gatera SIDA. Amezi make nyuma y'aho, umugore wa Rutabikangwa akomeza kuba mu buzima bubi n'intonganya ndetse rimwe aza no kwitura hasi umugabo amuhiritse. Byamuviriyemo kuva, bituma ajya kwisuzumisha ku kigo nderabuzima, maze ibisubizo bigaragaza ko uko kuva kwatewe n'inda yavuyemo.

Kantengwa

Kantengwa, umukobwa w'urubavu ruto, imisaya miremire, ijosi ribereye ijisho n'amaso manini kandi yera. Yabyirutse ari ihoho; bamwe bamwita Umwiza. Yagiraga imico myiza, arangwa n'ikinyabupfura n'urugwi. Wasangaga abandi bana bamufatiraho urugero. Ku myaka irindwi agana ishuri, si ukwiga ashyiraho umwete. Ntiyigeze ajya hejuru y'umwanya wa gatanu, kuva mu mwaka wa mbere kugeza mu wa munani.

Ku musozi w'iwabo i Kavumu hari umusore Rurangwa wigaga i Nyamishaba mu ishuri ry'ubuhinzi n'ubworozi. Ubwo aje mu kiruhuko cya Noheri abwira Kantengwa ko amukunda kandi ko anamusaba ko baba inshuti magara. Kantengwa amubwira ko akiri muto kandi akeneye kuziga akarangiza na kaminuza. Rurangwa ntiyarekeye aho, yakomeje kumwandikira amabaruwa ariko Kantengwa ntayasubize. Umuhungu

ntiyacika intege noneho mu kiruhuko cya Pasika Kantengwa aramwemerera. Basezerana ko bakundana urukundo rwo kuzarushinga.

Hari nyuma ya saa sita ubwo bamanikaga kuri komini irisiti y'abemerewe kujya mu mashuri yisumbuye; Kantengwa we yagombaga kujya kwiga i Nyamirambo. Inkuru ikimenyekana se ahita atumira abantu ngo baze bishimire intsinzi y'imfura ye. Baranywa, barabyina ariko Kantengwa we yari mu gikoni atetse. Nka saa moyo n'igice Rurangwa aza kumushimira umurava yakoranye none akaba yatsinze. Yaje kumwicaza impande ye maze Rurangwa atangira kumukorakora, ubwo nyuma y'akanya gato baba bakoze imibonano mpuzabitsina. Nyamuhungu yahise ataha ku buryo ntawamenye ko yanahageze.

Ku itariki 14, Nzeri se aramuherekeza amugeza i Kigali kwa nyirarume na we yahise amujyana kumugurira ibikenewe byose ndetse arenzaho amafaranga yo kwitabaza ibihumbi icumi. Mu gitondo nyirarume amujyana i Nyamirambo kwiga. Bamwakira neza cyane, dore ko umuyobozi w'ikigo bari bariganye. Ubwo yahise ajya mu kazi ku Kakiru. Kantengwa si ukunezerwa karahava. Yumvaga indoto ze zizasohora nta kabuza.

Ibyishimo ntibyatinze kuko nyuma y'igihe gito yatangiye kunanirwa kurya, ibyo ariye byose akagarura. Bagenzi be baramwegera, baramubaza na we ababwira ko yaryamanye n'umuhungu inshuro imwe. Abandi bamubwira ko ashobora kuba yarasamye maze bamujyana ku mukecuru wari utuye hafi y'ishuri amufasha gukuramo inda. Ntibyamuhiriye, guhera icyo gihe yatangiye kurwaragurika ndetse bimuviramo gutsindwa igihembwe cya mbere. Dore ko Rurangwa yari yamwanduje n'imitize. Umwaka urangiye baramwirukana.

Nyirarume yarababaye cyane ariko amushakira ikindi kigo. Nyuma y'ighembwe na bwo aratsindwa, afata ikemezo cyo guhita ataha iwabo n'ubwo cyari igihe k'intambara. Bukeye haza umusirikare gito, yari afite amaso ntunu, atukuye kandi ahora yitwaje icumu, imbunda na gerenade. Yari yariyise Shitani kandi n'abandi ni ko bamuhamagaraga. Kantengwa akimukubita amaso aradagadwa, abura aho akwirwa. Ubwo Shitani abonye ko nyamukobwa ahinda umushyitsi, amubwira ko icyo ari ughita ajya mu nzu kandi akiyambura vuba. Kantengwa ntiyazuyaje; koko rero ubuze uko agira agwa neza. Shitani amukorera ibya mfura mbi! Kantengwa si ugutaka, si ukurira! Rubanda rwose rurumva. Igiteye ishavu n'agahinda ntawamutabaye. Shitani arangije ibye arigendera.

Nyina na se bari bagiye guhinga mu kabande ka kure, bahageze basanga umukobwa ari mu nzu ashaka kwiyahura. Se na nyina bagiye kurega, bababwira ko nibabimenza ko bagiye kurega, Shitani azaza nijoro bose akabarimbura nuko bararira barihanagura. Ubwo bakomeje guhumuriza umwana wabo ariko rubanda batangira kumuha urw'amenyo. Kantengwa akarushaho kwicwa n'agahinda, yumvaga baramugambaniye. Igihe cyo gutangira amashuri kiragera asubira ku ishuri.

Ntihaciye kabiri, ahita afatwa n'indwara yo mu mutwe. Umugabo wese yabonaga yarirukaga, ubwo bahita bamujyana ku kigo nderabuzima birananirana, bamwohereza i Ndera ahamara amezi atatu yose. Ubwo bagerageje kumusubiza ku ishuri arabyanga ahubwo ahitamo umwuga w'ubudozi. Aho ngaho ni ho yahuriye na Kabami maze amusaba ko barushingana dore ko na we yari umudozi. Undi abonye ko amurembeje aramwemerera.

Haciye igihe gito, ubukwe burataha. Ntibyatinze Kantengwa asama inda, abyara umwana w'umuhungu amwita Ntabara. Amaze kubyara, umugabo we amenya amateka ye yose. Aho kumukomeza ahubwo akajya abimucyurira kugeza aho Kantengwa aburiye intege zo gusubira kudoda. Si incyuro gusa ahubwo ntiyongeye no kumuhahira. Kantengwa arongera arahungabana, icyamubabazaga cyane ni umwana we, agasaba Imana yo igira impuhwe n'ibambe ko yamufasha akazareba umwana we akuze.

Ubwo ntibyatinze, umugabo aramwirukana. Kantengwa ajya iwabo ku ivuko, ubu yibera mu nzu ntashobora kujya hanze. Ubwo ku bw'amahirwe Ntabara na nyirakuru bakomeza kumwitaho. Yagombaga kujya kwiga ku Musanze ariko ahitamo kwiga hafi yo mu rugo kugira ngo abone uko yita kuri nyina. Koko rero inzira ntibwira umugenzi. Iminsi ivuguta nta muvuba. Urugiye kera ruhinyuza intwari.

Ibyiruka rya Mahero

I.

Uyu mwana nabyiruye
Namureze mukunze
Yabyirukanye ubwenge
Buvanje mo ubwana
Nkanibaza cyane
Uko azaba bitinze.
Agakura akora nabi
Aho yatobye akondo
Ngo akurikize abandi,
Akabaka iby'iwabo
Akabyita iby'iwacu.
Nabyumva ngahinda
Nti: ntabwo mbishaka,
Ubusambo si bwiza
Ubukunze atabeshya
Aba yigira nabi.

Aho amariye gusoreka
Ingeso ye ntiyacika
Bukeye nti: "Ntabwo"

Nti: "Subiza iby'abandi,
Uge utwara icyo uhawe
Icyo wimwe ugitinye."
Uwo mwana uko ateye
Biteye agahinda.
Aho yaroye neza
Uko akwiye kugenza,
Ati: "Ndenze kugenda
Ngo ntange ibyo ntunze."
Iyo utwaye iby'abandi
Bakuzi bakurora
Ntibaze barwana
Ngo bihe agaciro
Mu maso y'abandi,
Uragenda ukayora
Ukabita abatinyi
Ukagwiza iby'iwanyu.

Ubwo aranga arahana
Nkagira ngo arashyenga
Naho aravuga akomeje.

Ati: "Ndumva nahaze
Guteshwa ibyo nshima
Ngo nkunde ibyo ushaka.
Ubu nshobora kugenda
Ngashaka aho ndara
Ejo nkigaba ahandi,
Ejobundi ngakomeza
Nkagera iyo utakibona,
Kugira ngo nguhunge
Amahane ni menshi."

Ubwo mbonye icyo cyago
Gikomeje imigambi
Yo kwigisha icyohe,
Ndakomeza ndatota
Ngo none aratinya
Aze kumva igikwiye.
Nti: "Ibyo wigira byose
Ndabirora nkazenga."
Nakwitaga umwana
Uyu uteye gitwari
Agaturana neza
N'abitwa ababyeyi.
Ubwo utangiye kwanga
Uwakureze akagukuza,
Wamurora mu maso
Inyeri zikavumera,
Waba wicaye hasi
Uti: "Intebe nayireke
Nyishingeho nange."
Yaba agize ati: "Jya kurora
Amatungo mu rwuri
Ugatangira kwigira
Icyatwa ugafunga."
Yakubwira ati: "Cyono
Jya kuzana utuzi
Ugafuha ukarwana
Ukica igitu n'isazi;
Ubwo utangiye kwanga
Amategeko nguhaye,
Ubusore bwapfuye
Wabaye Rubebe
Ge nkwise icyontazi
Icyo ushaka kimashe."

Ubwo ngubwo arazenga
Arababara ndabibona
Arafunga ntiyakoma
Bagize bati: "Yewe
Ijambo riragatabwa"
Bahamagaye aranga
Bagabuye ntiyabirya
Bashashe ntiyaryama.
Ubwo nyina akandeba
Agatinya guhinda
Akiruzi umuhungu
Mu maso ya twembi.
Yankebuka ngasanga
Mu maso ye yombi
Haganje agahinda
Amagambo ajya kuvuga
Ugasanga amugoye.
Ubwo abana batoya
Basanzwe basakuza
Barwana bagabuza
Bakandora bose
Nakebuka umwe muri bo
Agahumbya bukeya.
Umwe yavuga ijambo
Abandi bakamureba
Igisubizo bashimye
Ugasanga gituje
Kitarimo amashyengo
Aya asanzwe mu bana.

Ngeze aho nti: "Cyo mwana
Hamagara Mahero
Aze ambwire icyo ashaka."
Mahero ati: "Ndaje
Nkubwire icyo mashe."
Aza atera ibitambwe
Nti: "Ubanza rubaye."
Ati: "Kera nkivuka
Ntaramenya ubwenge
Nari inka mu zindi
Wahirika ngatemba
Wanterura nkabyuka
Washaka ko ndyama

Ugahirika ku buriri
Ibitotsi bikayora
Mahero agahwikwa.
Naba nakoze icyo wanga
Ugaterura ugahonda
Amahane ari nta yo
Sinibaze na busa
Uko nkwiye kugenza.
Aho nshiriye akenge
Ndakomeza ndakureka
Nakosa nka gatoya
Ubwo inkuba zigakubita.”
Uti: “Mbyiruye icyontazi.”
Nkakureka ugakomeza
Guhata ibicumuro
Uwakoze uko ashoboye
Kugira ngo akuneze.
Umujinya waba ukomeje
Ugaterura ugahonda
Wananirwa ugatuza
Uti: “Genda ndakuretse.”
Ibyo ngibyo nabirora
Nti: “Nta ngufu zange
Mba nshatse agahamba
Nkareba aho najya
Hasumbye ahangaha.”

Ubungubu ndareba
Ngasanga ibyo ungirira
Bikwiye guhosha.
Ubwo wanyimye imbabazi
Ngo nange nduhuke
Ibyo kwitwa ikirumbo
No kwicara mpondwa
Ndakungura inama
Igusumbira izindi
Amahane ave mu rugo
Uruhuke kurwana
Nduhuke guhondwa;
Cyo nshakira impamba
Agatukuru gatoya
Ngaterere ku mutwe
Mfate agakoni kange

Nge guhakwa aho nshaka
Ahangaha mpacuke
Ibicumuro nkugirira
Uruhuke kubibona.
Gutura amahanga
Bizankiza byinshi.
Bizampa guhunga
Amahane y'i Rwanda,
Aho bambura umuntu
Abo abyaye bamurora,
Agakubitwa umunani
Ngo ikawa irarumbye,
Ngo cyangwa umuzungu
Yaraye rusake.
Ibiboko wakubiswe
N'amarira naharize
Ntibyatuma ntura
Aho ndeba umuhashyi
Wampinduye imbata
Uwo ni inzigo kuri ge.
Amahane yo mu rugo,
Amahiri y'ibisonga
Ibyo byose bikoranye
Ntibyatuma ngoheka
Ndashaka kugenda.”

Ubwo ngubwo ndayoberwa
Ngo mbure icyo musubiza
Nti: “Genda uruhuke
Ejo nzaba nkubwira
Icyo nkeka kuri ibyo.”
Ati: “Ngiye kuryama
Ndazinduka nkwibutsa
Impamba nakwatse.”

II.

Aragenda araryama
Nange ngana ku bwange.
Iryo joro sinagoheka
Ndara mbunza imitima.
Ngashaka igisubizo
Nzabwira uwo mwana
Ngasanga kigoye.

Namwita igicucu
Sinigeze nterura
Ngo nshinge ibitariho;
Navugaga ibisanzwe.
Ubungubu ninanga
Ko agana mu mahanga
Nkamwogezza cyane
Ngo akunde angumire aho,
Ndareba ngasanga
Mba mwishe burundi,
Akagira ngo ni mwiza,
Akazapfa akigenza
Uko yamye abishinga.

Ngifinda uko nkwiye
Kugenza ibyo ngibyo
Mahero aba yaje.
Ati: "Ndabona hakeye
Ndakwibutsa ijambo
Naraye nkubwiye."

Nti: "Mahero ko ubizi
Ngukunda bikabije
Urarwana ujya hehe?"
Iyo utuje ugakunda
Ugaturana neza
N'abitwa ababyeyi!

Wabaye ukivuka,
Inka yange yari imwe
Irakunda iragorora
Urakamirwa urabyibuha.
Ntiwigizeze usumbwa
N'abinikije ijana.
Mahero iyo umbereye
Umwana uko nshaka
Aho kunyaka ijambo!

Amapfa ageze mu gihugu
Nkurwanaho cyane
Umuruho sinawumva
Ngahaha ubutitsa
Ngo akabiri gatohe
Utazaba uruzingo

Nk'uwabuze abamurera.
Mahero iyo umpaye
Agahenge gatoya
Nkakungura inama!
Nateye n'ishyamba
Ngo nugimbuka
Washatse gushinga
Urugo rukwizihye
Utazabura imbariro
Ukabura n'imiganda.
Mahero iyo utuje
Ugakurikiza neza
Utunama nkugira!

Imishike yaracitse
Amafuni ararundwa,
Ubwo mpinga ibijumba,
Rubanda bakunda
Kubyita ubukungu.
Mba ngira ngo utazimwa
Umukobwa wa Naka,
Bagira ngo urashonje
Ubukungu si bwinshi.
Mahero iyo umfashije
Tukiha agaciro
Mu maso y'i Muhana!

Ubu ingano nararunze,
Ibigega biratemba.
Ubwo ngira ngo abatindi
Batagira amasambu
Bagure ibyo mbahaye
Ge ngwize amanoti
Nge nkwambika neza.
Mahero iyo umbwiye
Amagambo anduhura
Aho kunsha umugongo!

Nateye urutoki
Ngo niba zitetse
Uge utora agahihi
Agahogo kabobere.
Ubu inyuma y'igikari
Ibitoki ni byinshi

Bitembana inkingi.
Ubu intabo zirarunze
Ibibindi biroga.
Mahero iyo ugumye aha
Nkabona agakazana
Aho kwicwa n'irungu
Wagiye Bugande!

Nta tungo natinye
Ngo mare yo ubukungu
Utazaba umutindi.
Ihene ubu ni nyamwinshi
Ziteretse amapfizi:
Ruhaya na Sacyanwa.
Mahero iyo umfashije
Tukorora neza
Amatungo tubyiruye!

Kebuka urore amasake
Yirirwa avuna sambwe
Mu mivumu hariya!
Inkokokazi ni nyinshi:
Iz'inganda n'indayi
Uzikunda zihuje
Indirimbo z'urwunge,
Ziteteza zitaha,
Zihamagara izazo,
Zitoye gahunda,
Zisanga amaruka.
Mahero iyo urebye
Ibyo ntunze ugatuza
Aho kunta mu marira!

Uti: "Ngaho mpa impamba
Ngucike nge ahandi
Ducane dutane!"
Mahero iyo unyoheje
Gukora mu ntagara
Nkaryiroha mu nda
Aho kwanga icyo mbyaye!

Aho uruzi aba bana
Bakureba ku jisho
Bakabura icyo bavuga

Kuko mukuru wabo
Abacitse bamurora!
Iri tuza rikabije
Rikubajje icyo uri cyo
Basubize utabeshya!
Itegereze umubyeyi
Wavunitse agutwite,
Wavuka akakonsa,
Agahinga aguhetse,
Akavoma aguhetse,
Agatashya aguhetse,
Agateka aguhetse,
Umurinde agahinda
Ko kubura icyo abyaye
Ngo aririre mu myotsi.

III.

Mahero arasohoka
Asa n'ubuze ijambo.
Akomeza imbere ye ajya ku irembo.
Akebuka hepfo abona urutoke,
Ubwo arakeberanya mu gikari,
Abona imizinga ivuza ubuhuha.
Ntiyahagarara ngo zitamwumva
Zikamucengeza mo urubori.
Akebura intambwe ajya mu ikawa.
Ubwo agasusuruko karababiriye,
Ndetse akazuba karamukubise,
Agumya kubunga agana agacucu.
Muri iyo kawa y'isaso nyinshi
Hakaba mo igitu gikuze neza,
Cyarakabije kirizihirwa,
Ururabo ruragwa hajya ibitumbwe,
Bijya guhisha ntibyasigana
Maze uwo mwana akibona bwangu,
Yika bugufi ahina umugongo
Agishyika mu nsi ahamara umwanya
Amaso yombi arayagihanga,
Umutima utekereza ibyo hirya.

Ibyo namubwiye bigumya kuza
Si ibihingwa si amatungo.
Ubwo ariko akumva atameze neza,

Imitima igakomeza kujya inama;
Ibyo guta iwabo ngo age Bugande
Yari yabyirukanye agisohoka,
Maze kumwumvisha igikwiye.
Icyamuvunaga ubwo ni ukuntu
Aza kumbwira uko yigaruye.
Ava mu ikawa arinanura.
Acuma gatoya ananirwa igenda,
Arahagarara aratekereza,
Akazinga umunya agashima mu mutwe.
Ngo byendeho akanya
Ati: "Ndi imbwa bikabije."
Arakabuza ati: "Ngiye
Kubwira uwambyaye
Ko kwigira icyohe
Bikwiye undi utari ge."

Ngo ngane ku irembo
Duhura mva mu rugo.
Dukubitanye amaso
Aratinya arahumbya.
Aho yavuze ikintu
Yashakaga ko menya
Ajya kwicara mu nzu.
Ge nkomeza urugendo.
Najyaga mu gacyamu
Kugira ngo nduhuke
Agahinda yaneye,
Nganira n'abantu
Batazi ibyo turimo.
Aho yagumye mu nzu
Ngo ahamane n'abandi,
Akeberanya mu cyanzu
Yihina mu gikari.
Ahakura agatebo,
Ajya muri ya kawa
Arasoroma aragwiza,
Agatebo arakanaga.

Ngo ngaruke nje kurora
Uko byaje kugenda,
Duhurira mu rugo
Ahatura iyo kawa.

Mbibonye ndashoberwa
Nti: "Yumviye rwose,
Agatima karagarutse
Aragira ngo anyurure."
Ngo mbure icyo mubwira
Kugira ngo mushime,
Mpamagara abatoya.
Nti: "Ntabwo mureba
Undi mwana uko agenza!"
Muricaye mu nzu,
Aravunika mumurora,
Arakora mukaryama,
Agatura uwe murimo
Umugono muwuhuruza!

Nyina, we yari mu nzu
Uko yakigunze
Agahinda kamwishe.
Arasohoka arareba
Ati: "Mbese iyi kawa
Yo iturutse ahagana he?"

Ubwo yibazaga abizi,
Akagira ngo abone uburyo
Bwo kogezza umwana
Watwumviye bwangu.
Mubwirana ubwira
Nti: "ngaho muhembe
Uyu murimo ni munini."

Ubwo twihina mu nzu
Duterura akabindi
Dushyira mu kirambi.
Nti: "Ngaho Mahero
Cyo ngwino uyibanzze
Ni wowe tuyikesha."
Ati: "Ndenze kubanza

Abakuru bakiri aho."
Nti: "Nta cyo bitwaye
Iyo ari bo bakubwiye."
Ayisoma yitonze
Numva yiruhutsa.
Igishyika kiratuza

Amagambo arakunda
Tunywa tuganira.

Kuva kandi uwo munsi
Mahero aba umwana
Uyu wumvira rwose
Wakorora ati: "Ndaje."
Ntibyashyize kera,
Musabira umukobwa
Barwubaka neza
Babyaranye kabiri.
Imibanire yabo,

Rubanda babizi
Babita mahwane.

Iyo agana mu mahanga
Aba ari imbwa mu zindi
Aho kwicara nk'ubu
Ngo aturane neza
N'abatumye abyiruka.

Rugamba, Spiriyani. Umusogongero.
Butare: INRS, 1979.

Icyanya cy'Akagera

Icyanya cy'Akagera giherereye ku mupaka wa Tanzaniya ku butumburuke buciriritse. Ku bw'iyo mpamvu ubuzima bwaho butandukanye cyane n'ubw'ahandi mu Rwanda. Icyo Cyanya kigizwe ahanini n'urusobe rw'ibidendezi n'ibiyaga bigiye bikurikira inkengero z'umugezi w'Akagera ari na yo soko y'ingenzi y'umugezi wa Nili. Icyanya cy'Akagera ni urugero rwiza rw'ishyamba rigifi rivanze n'ibyatsi birebire.

Hari inyamanswa n'izindi ngo ngwino urore! Zose kandi nta ko zisa: ubwiza bwazo bwabaye ihogoza burenga u Rwanda busingira amahanga, ba mukerarugendo barahayoboka.

Uhageze uhasinga ibyiza nyaburanga bishimishije: imirambi n'amataba bitagira uko bisa ahegerereye i Gabiro. Iyo uhageze unevezwa no guhangamaso ibimera binyuranye maze ikitwa umunaniro kikagenda nka nyomberi. Iyo ubonye imigunga, imigenge n'iminyinya bifatanye urunana, usanga gicutika atari iby'abantu gusa ahubwo ko n'ibimera bishobora kutubera ikitegererezo nyacyo. Imikoma n'imikoyoyo, imyihia n'imikerenke n'ibindi biti by'inganzamarumbu, byose usanga bigutegeye yombi bisa n'ibikubwira ngo: "Kaze neza urisanga". Iyo izuba rirasa risekera ibigarama, imisozi iganira n'ibibaya, inseko ya byose uyumva mu kayaga gahuha kanasuhuza icyo ari cyo cyose.

Si ibimera gusa. Icyo cyanya gituwe n'inyamaswa z'ubwoko bwinshi, zishishe kandi zikeye. Mu z'amajanja higanje intare z'imigara zitontoma ishyamba rigahubangana, ingwe n'urusamagwe, imbwebwe, imondo, isega, impyisi, umukara, inkobe, urutoni n'izindi. Mu z'imigeri uhasinga amashyo ateye ubwuzu mu bikumba: ay'imbogo, ay'amasasu, inyemera, inimba, inkoronko, isatura, impara n'imparage n'ay'izindi zituye icyo cyanya mpuruzamahanga.

Mu biguruka twavuga imisambi, kagoma, inkongoro, mukoma, nyiramutwe, ikijenjegeri, inkware, inkurakura, inyangi, iswakiri n'ibindi byinshi cyane.

Ntitwakwibagirwa uruhuri rw'inyoni z'amoko atandukanye. Iyo ziteraniye hamwe mu mashami y'ibiti bigufi n'ibirebire byegamiye amazi magari y'ibiyaga, indirimbo nziza zazo usanga ari urukererezabagenzi.

Twavuga iki tutavuze imvubu zirirwa zireremba mu biyagabihorana ituze. Ingona n'urwasaya rwazo zinezaza abazisura. Reka duherukire ku nzovu intereke ku nkcombe y'ikiyaga k'ihema. Iyo ugiye kuzisura zigusanganirana ubwuzu n'urugwi nk'aho zisanzwe zikubona muri icyo kibira.

Icyanya cy'Akagera gifite umwanya ukomeye cyane mu byiza bitatse u Rwanda kandi ni umutungo kamere w'agaciro kanini u Rwanda rusaruramo amafaranga mvamahanga bita amadovize. Nimuze twese dufatanyirize hamwe dufate icyanya cy'Akagera nk'amata y'abashyitsi basomaho ntibatahe maze bakanezezw no guhora basura u Rwanda, Igihugu kibumbatiye ibyiza nyarwanda.

Kwhangana

Umuntu wese yifuza kumererwa neza, akagira ibintu, akabigiramo amahoro. Abanyarwanda bo bati: "Hahirwa ubyara, agatunga, akaramba". Nyamara ubuzima bw'abantu ntibugirwa n'ibyishimo, ishya n'umudendezo gusa. Haziramo ibyago, amakuba, umuntu akaba muri urwo rujya n'uruza kuva avuka kugeza yitaruye isi. Yego si ko abantu bose barazwe umuruho, ariko abagashize ni mbarwa kuri iyi si.

Ubonye umuntu ngo aragira ibya Mirenge akabura ababiry! Habaho ubwo uwo mugaga agira umubabaro agacika ururondogoro, akagenda aganyira abahisi n'abagenzi ko nta kana; byacambwamo akaboneza iy'abapfumu n'abacunnyi ngo ahari bagira icyo bamumarira. Uko kwihangana kwe guke kugatuma agaragarira ubusa, akarutwa n'umutindi nyakujya. Nyamara hari ababura urubyaro bakihangana, bagategereza, haca iminsi Imana ikabagoboka bakabona abana babanogeye. Bene abo bishima kurusha ba bandi babandagaje bakabarumbira, maze bakicuza icyo bababyariye. Ngo: "Kubyara ni ishyano no kutabyara ni irindi."

Ubundi ugasanga urugo rwuzuye abana bicira isazi mu jisho, ababyeyi ubukene bukabugariza; bakabura epfo na ruguru. Iyo hatagize ikibagoboka mu maguru mashya, abo bana bagasonza inzara ndende, bamwe muri bo baratorongera bakaba ingegera. Ariko iyo bihanganye bagatungwa n'uduke babonye bagashyiraho umwete bagakora, rubanda rubagirira impuhwe, rukabarembera bakagera igihe na bo beza maze ako kanda kagacika katabahitanye.

Ushobora kwicinya icyara ubona ufite ubutunzi, uzi ko hari icyo uzimarira, ufite imishinga ifatika, byose bikaguca mu myanya y'intoki, abakurambere bati: "Uhigira igisambu, igisebe gihigira ruseke". Iyo utiyumanganyije uhinduka igishushungwe, rubanda bakaguha urw'amenyo.

Hari nanone bamwe usanga bakubita agatoki ku kandi, ngo ntibameze nka bagenzi babo babayeho neza. Ngo bo baradamaraye, ntibahangayitse. Uko kutihangana kwabo bareba ku bandi kubyara ishyari n'inzangano nyinshi. N'abandi bemera urugero

barimo bakihata umurimo kugira ngo bizamure, bagahora bakeye nta ntugunda. Abo babaho neza umutima wabo ukeye.

Burya no kwihanganira uguhemukiye bikiza byinshi. Nta kibabaza nko guhemukirwa n'umuntu mwaganiriye, mwasangiyе akabisi n'agahiye nyuma akaguhinduka akakwanga bikabije. Ibyo bitera agahinda ukayoberwa aho bivuye, rimwe na rimwe ugasigara wibaza aho ubwo bucuti bwari bushingiye. Iyo urengejeho nturakare uburakari butigarura, ukihangana, ukamureka akishyira akizana, amahererezo murashyira mukazigorora, mukabana neza bitambutse ibya mbere, aho gukurura inzangano z'urudaca. Upfushije umwana ari uruhinja cyangwa se akuze amusigira urwibutso rukomeye. Ubuze ababyeyi bari bamufatiye runini, inshuti y'inkoramutima, umuvandimwe, urungano se, bimutera agahinda bikamushavuza. Yemwe hari n'abo bikukiramo bagasa n'abarwaye umutwe. Nyamara urenzaho agashinga iryinyo ku rindi, umubonye nta cyo amutoraho. Igihe kirashira ikindi kigataha, akageraho agasa n'uwayibagiye; intimba yamushenguraga ikayoyoka.

Wari uzi ko iyo umuntu arwaye akaremba akiheba bishobora kumubyarira urupfu? Ibyo biterwa n'uko atekereza ko iyo bwije atari buramuke bwacya akibwira ko butari bwire, akananirwa kugira icyo atamira cyangwa anywa. Ayo maganya n'umuborogo ni byo bimuhuta bikamuviramo urupfu. Ariko uwikomeje, agashinyiriza akiringira ko azakira, agasinzira ibitotsi byinshi, arakira.

Kuri iyi si ibibabaza abantu ni byinshi ntawabiva imuzingo. Gusa ik'ingenzi ni ukwiyumanganya, ukarwanya ubwihebe. Umuntu udahindishwa umushyitsi n'ibibonetse byose ni we ushobora kuramba. Na ho ushya ubwoba, agacika intege akabura icyo afata n'ic和平 areka, agahora yigunze ntatera kabiri. Ni koko kwihangana kunesha amakuba menshi kugatera umubano n'ibyishimo. Uwo mugenzo mwiza twari dukwiye kuwutora tukanawutoza urubyiruko bityo Abanyarwanda tugahora turi abagabo bashikamye badakangwa n'ibirumbaraye.

Umugani w'abana b'abakobwa babiri

Kera habayeho umugabo n'umugore babyarana umwana w'umukobwa, bukeye wa mugabo ashaka undi mugore, nuko umugore mukuru bamutuza mu gikoni naho umugore muto aba ari we utura mu nzu nini. Hashize iminsi, wa mugore muto na we aza kubyara umwana w'umukobwa.

Hafi y'aho bari batuye hari umusozi abantu bose bari barananiwe gutterera. Umwana mukuru aza kuganira na se, amubwira ko ashaka kuzawuterera. Se aramubwira ati: "Ese umusozi wananiye abantu bakuru, ni wowe uzawushobora wa mwana we?"

Umwana ati: "Nzawushobora". Se na we ati: "Nuwushobora nzaguha inka yange Rutamba n'inyana yayo." Murumuna we wari uri hafi aho avuga ko na we bazajyana kuri uwo musozi. Ababyeyi be baramubuza arabyanga. Abyanzе baramubwira batи: "Uzagende ubwo ufite uko uzabyifatamo".

Baragiye barawuterera, bagera ahahanamye umukuru agafata ukuboko umutoya. Baza kugera aho akabindi karagiye ihene, umutoya aragafata arakamena. Maze

akabindi karamubwira kati: "Umeneye iki, ko bari bandagije amatungo, ni nde uzajya ayaragira? Nsubiranya".

Wa mwana yahise agira ubwoba yirukankira kuri mukuru we, ati: "Iby'aha ngaha biragoye ubwo akabindi kavuga".

Wa mwana mukuru yahise aririmba ati: "Yee dawe, wari wavuze ngo ninterera umusozi muremure wananiye abantu uzampa Rutamba n'iyayo, uwo mwampaye ngo tujyane tugeze mu nzira tubona aho akabindi karagiye aragafata arakamena none kari kuvuga ngo tugateranye". Umwana akimara kuririmba, akabindi gahita gaterana, nuko bakomeza urugendo, bajya gusaba icumbi ahantu bari bageze batazi ko ari ibwami.

Mu gihe batarababaza ikibagenza, bazanye ibiryo byo kubakira, umutoya ahita abirya bataranabasaba gutangira kurya. Umukuru we yarabyanze, babonye abyante bajya kubibwira umwami, umwami aravuga ngo ubwo yabyanze nimureke ndaza dusangire.

Barasangiye umwami aramubenguka, ahita amugira umugore we. Umugaragu abonye umwami atwaye umukuru, nawe yahise afata umutoya amugira umugore we. Ariko umukuru ntiyibagiwe ibyo yari yaraganiriye na se. Amaze kubyara yasabye umwami kujya kureba umubyeyi we.

Umwami yaramwemereye, ashaka inka nyinshi n'ibindi byiza by'i bwami, afata n'umugaragu weamuha intama, ingurube n'ihene ngo na we abijyane kwa sebukwe. Maze umwamikazi n'umwami barabaheka, abagaragu na bo baraza, bazana n'abantu benshi harimo ababyina, abavuza ingoma... barabaherekeza.

Bageze mu nzira, umwamikazi atangira kuririmba: "Yee dawe, wari wavuze ngo ninterera umusozi muremure wananiye abantu uzampa Rutamba n'iyayo" Naho wa murumuna we yari inyuma arwana n'ihene, intama n'ingurube bari bashoreye.

Abo muri icyo gihugu babumvise bagira ubwoba bibaza ahantu umwami agiye ajyanye n'umwamikazi. Wa mugore, nyina w'umwamikazi, bari barabonye umwana we atagarutse bashaka kumwirukana bavuga ko ntacyo akora ahongaho kuko nta n'umwana yari akihagira, ariko we arabihorera yigumira mu gikoni. Abantu bagiye kureba aho umwami agiye, babona ari kumwe na wa mukobwa wagiye agiye gutterera umusozi.

Babibonye baraza babibwira abo mu rugo, maze bafata nyina baramwuhagira bamwambika neza kugira ngo abashe kwakira umwami, naho wa mugore wari warakundwakajwe aba ari we bashyira mu gikoni. Umwami ahageze, bakoze ibirori barishima, igihe nyirankundwakazi ari kurira baramubwira bat: "Dore umukobwa wawe na we araje".

Nyina yamwakiranye agahinda, ariko aramwakira kuko yari umwana we. Nuko nyirantabwa arongera arakundwakazwa naho nyirankundwakazi na we aba aho yari yarashyize mukeba we, sige wahera hahera umugani.

Bifatiye ku bya Rugamba Sipiriyani muri "Ngucire umugani".

Inyunguramagambo

- **Ako ku mugongo w'ingona:** ni urumogi cyangwa kanabisi.
- **Amaso si aya:** ntabwo ari ubwa mbere nkubonye.
- **Amazi atararenga inkombe:** hakiri kare.
- **Anyihunza:** agenda amva iruhande, agenda yigirayo.
- **Bakanirwe urubakwiye:** bahabwe igihano kingana n'uburemere bw'ibibi bakoze.
- **Canamake:** imbabura cyangwa iziko bikoresha inkwi cyangwa amakara bike.
- **Guca inshuro:** gukora umurimo uri buhemberwe ibiribwa, gukorera icyo uri burye.
- **Guca iteka:** gutanga itegeko k'umwami.
- **Gucurwa inkumbi n'indwara:** kwicwa n'indwara.
- **Gufata ingamba:** gushaka uburyo bwo kurwanya ikintu runaka.
- **Guhana umugambi:** kumvikana n'umuntu ku kintu mushaka gukora, ku buryo cyangwa ku gihe kizakorwa.
- **Guhora muri bomboribombori:** guhora mu mahane.
- **Gukanaguzwa:** kureba hirya no hino ufite ubwoba, amaso yakuvuye imutwe, wishwe n'ubwoba.
- **Gukumira:** kubuza gukora igikorwa runaka.
- **Gukura se:** gusimbura se.
- **Gushoza intambara:** gutangiza urugamba.
- **Gusonga:** guhwanya ikenda gupfa, kongerera umuntu ibyago cyangwa ububabare yari yisanganiwe n'ibindi.
- **Guta agaciro:** gusubira inyuma mu kamaro cyangwa mu gushima.
- **Guterura ikiganiro:** gutangira kuganiriza abantu, gutangira ikiganiro.
- **Gutesha agaciro umuntu:** kumwambura ubumuntu, gusubiza umuntu inyuma mu kamaro cyangwa mu gushima.
- **Ibiribwa bihumanye:** ibiribwa byanduye bidafite ubuziranenge.
- **Ibiyobyabwenge:** ni ibantu unywa ugira ngo wiyibagize ibantu cyangwa ushirike ubwoba ariko byangiza ubuzima bwawe cyane cyane ubwonko.
- **Icyomanzi:** izina baha umukobwa ugenda araraguzwa cyangwa wigize inzererezi kandi akaba afite imyitwarire ikemangwa.
- **Igikatsi:** ibyatsi bengesheje ibitoki maze bakabikamuramo umutobe. Bivugwa kandi ku kintu cyose cyashizemo amazi.
- **Igishoro:** ibantu cyangwa imari umuntu ashyira mu bucruzi kugira ngo bizunguke.
- **Indiri:** aho ikintu kirara.
- **Inkingi yitwa kanagazi:** inkingi yo mu nzu ya kinyarwanda yashyigikiraga uruhamo rw'umuryango.
- **Inkoramutima:** inshuti magara.
- **Intandaro:** inkomoko y'ikintu runaka.

- **Inyana zirara imfizi mu mahembe:** inyana zigeze igihe cyo kwima.
- **Ishyanga:** ahantu ha kure cyane, mu mahanga.
- **Ishyo ry'inka:** inka nyinshi.
- **Itabaro:** ku rugamba.
- **Kokamwa n'ubukene:** gukurikiranwa no kuba ikintu iki n'iki kibuze cyangwa ari gike cyane.
- **Kondora umuntu:** guha umuntu wazahajwe n'inzara cyangwa uburwayi amafunguro atuma agarura agatege.
- **Korosora uwabyukaga:** kubwira umuntu gukora cyangwa kugira icyo na we yifuzaga.
- **Kubura agaciro:** kubura uburyo; kwipfusha ubusa; kwigira imburumaro.
- **Kubwira umuntu inzozi:** kumubwira ibintu bidashoboka; kumurondorera ibyo warose, kurotorera undi.
- **Kudandaza:** gucuruza utuntu duke. Urugero: Ubucuruzi bwe ntibufashije; acuruza udusabune n'ibibiriti n'akunyu.
- **Kudashakira ubwinshi mu mazi:** kudashyira amazi menshi mu kintu.
- **Kugumuka:** kwigomeka ku muntu cyangwa ku buyobozi.
- **Guhashya mu maguru mashya:** kurwanya ikintu hakiri kare.
- **Kunuma:** guceceka ntukome.
- **Kunuuma:** kudasiga nabusa
- **Kunyaga ingoma:** kuvana umwami ku buyobozi hakimikwa undi mwami.
- **Kunyaga umutware:** kuvana umutware ku buyobozi.
- **Kurimbura abantu:** ubundi kurimbura igiti ni ukugikurana n'imizi, gushinguza ikintu mu butaka ukagitembagaza. Kurimbura abantu rero ni ugutsema abantu, kwicira abantu kubamara.
- **Kutagira na mba:** kubura byose.
- **Kutagira urwara rwo kwishima:** gukena bikabije.
- **Kuvuma umuntu:** kumwifuriza ibibi kubera icyo yagukoreye.
- **Kuyobokwa:** kurabukira umwami bamwerekira ko bamushyigikiye.
- **Kwibasira imbaga:** gufata abantu benshi cyane.
- **Kwibasira umuntu:** kubonerana umuntu umukorera ibintu bibi ubutaruhuka.
- **Kwicira isazi mu jisho:** gúcika intege ubitewe no gusonza.
- **Kwigira nyoni nyinshi:** kwiyoberanya.
- **Kwimika:** gushyira umwami ku ngoma akayobora igihugu.
- **Kwitahira:** kwitaba Imana, gupfa.
- **Kwiva inyuma:** Gukorana umurava.
- **Kwiyuha akuya:** kunanirwa kubera ko wakoze cyane.
- **Kwizimba mu magambo:** kuvuga menshi ugatinda.
- **Mu maguru mashya:** uwo mwanya, bidatinze, ibintu bigishoboka.
- **Ubumuntu:** kamere muntu.
- **Uburoko:** ahantu bafungira abantu, gereza, muri kasho.
- **Uburyo butaziguye:** uburyo budaciye kure.
- **Uburyo buziguye:** uburyo buciye kure.

- **Umugambi mubisha:** inama yo gukora ikintu cy'ubugome kabuhariwe umuntu yigana n'abandi.
- **Umuturirwa:** inzu ndende irimo amazu menshi agerekeranye.
- **Umutware:** umuyobozi cyangwa ukuriye abandi mu muryango cyangwa mu buyobozi runaka.
- **Umuvkiye:** ijambo ryo mu mvugo nyandagazi rikomoka ku rurimi rw'igifaransa risobanura umuntu ukuze, umusaza.
- **Urugerero:** aho ingabo cyangwa intore ziterezaga.
- **Uruhangra ruharaze imvi:** umutwe urimo imvi.
- **Wana:** ijambo ryo mu mvugo nyandagazi rifite inyito ya shahu.

Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe

1. BIGIRUMWAMI, A., 1985, *Ibitekerezo, ibyivugo, kuvuga inka, inanga, indirimbo, Nyundo.*
2. BIZIMANA S, KAYUMBA C., 2011, *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, IRST, 2^{ème} Edition.
3. BIZIMANA Simon et alii, 1998, *Imiteêrere y'Ikinyarwaanda, igitabo I, Amajwî, amagaambo n'intérero*, Butare, IRST.
4. BIZIMANA, S, 2002, *Imiteêrere y'Ikinyarwaanda II*, IRST, Butare.
5. BIZIMANA, S. n'abandi bashakashatsi ; 1998 ; *Imiterere y'IkinyarwandaI*, Amajwi, Amagambo n'interuro, Butare IRST.
6. BIZIMANA, S., RWABUKUMBA, G., 2011, *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, IRST, 1^{ère} Edition.
7. COUPEZ, A. KAMANZI, 1970, *Littérature de cour au Rwanda*, Oxford.
8. DUBOIS, J., et alli, 1973, *Dictionnaire de Linguistique*, Larousse, Paris.
9. FOUNTAIN PUBLISHERS, 2011, *Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa 6*, Fountain Publishers, Kigali.
10. FOUNTAIN PUBLISHERS, 2011, *Ikinyarwanda, Igitabo cy'umwarimu, Umwaka wa 6*, Fountain Publishers, Kigali.
11. IGIRANEZA, T., 1991, *Ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda, Iyigamajwi n'Iyigamvugo, Igitabo cy'umunyeshuri umwaka wa 2 n'uwa 3*, BPS, Kigali.
12. IGIRANEZA, T., 1990, *Isomo ry'ikibonezamvugo: iyigantego, inshoza y'inshinga nyarwanda*, Kigali.
13. IGIRANEZA, T., 1990; *Ikinyarwanda, Ikibonezamvugo, iyigantego ; Inshoza y'inshinga nyarwanda*. Kigali, MINEDUC.
14. IKIGO CY'UBUSHAKASHATSI MU BY'UBUHANGA N'IKORANABUHANGA(IRST), 1998, *Imiterere y'Ikinyarwanda, Igitabo I*, 1998, Pallotti-Presse, Kigali.
15. IRST, 2000, *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, Igitabo cya I-IV, Butare IRST.
16. KAGAME, A., 1943/1946, *Inganjî Karinga*, Kabgayi, 2V.
17. KAYUMBA, C., 2005, *La poésie héroïque rwandaise: ibyîivugo*, Butare, I. R. S. T.
18. MIJESPOC, 1988 *Ibirari by'insigamigani*, Igitabo cya mbere, Icapiro rya gatatu.
19. MINEDUC, 2015, *Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri*, Kigali,
20. MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE, 1982, *Amuga y'inyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye*, Kigali.
21. MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE, 1982, *Inyandiko mvugo y'ihugurwa ry'abarimu b'Ikinyarwanda*, Kigali.

- 22.** MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE, 1988, *Ikinyarwanda, gusoma no gusesengura imyandiko V.A, igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa gatantu w'amashuri yisumbuye*, Kigali.
- 23.** MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE, 1990, *Ikinyarwanda*. *Ikibonezamvugo: Iyigantego. Inshoza y'inshinga nyarwanda. Isomo ryateguwe na Igiraneza Tewodomiri*, BPES, Kigali.
- 24.** MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE, 1992, *Ikinyarwanda: Ihugurwa ry'abarimu bo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza*, Kigali.
- 25.** MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE, 1994, *Ikinyarwanda: ihugurwa ry'abarimu b'amashuri abanza*, Kigali.
- 26.** MINISITERI Y'UBUREZI, 1996, *Integanyanyigisho z'Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye*, NCDC, Kigali.
- 27.** MINISITERI Y'UBUREZI, 2002, *Urwunge rw'imfashanyigisho zigenewe guhugura abarimu b'amashuri abanza. Ikibonezamvugo, umwandiko, ubuvanganzo nyarwanda, ururimi n'ubwumvane n'imbonezamasomo y'Ikinyarwanda*, Kigali, ADRA-Rwanda(AREP).
- 28.** MINISITERI Y'UBUREZI, 2008, *Ikinyarwanda: Imyandiko mfashanyigisho. Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa mbere*, NCDC, Kigali.
- 29.** MINISITERI YA SIPORO N'UMUCO, *Amabwiriza ya minisitiri n° 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire y'Ikinyarwanda*, Kigali.
- 30.** MUTAKE, T., 1991, *Ikinyarwanda, ikibonezamvugo, imbonerahamwe y'itondaguranshinga risanzwe*, Kigali, IMPRISCO.
- 31.** MUTAKE, T., 1987, *Ihugura ry'abarimu b'Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye, ikiciro cya mbere(1987-1988); Ikibonezamvugo: itondaguranshinga risanzwe*, Kigali.
- 32.** NCDC, 2008, *Ikinyarwanda 6, Imyandiko mfashanyigisho, Igitabo cy'umunyeshuri*, Kigali.
- 33.** RUGAMBA, C., 1979, *Umusogongero*, Butare, I. N. R.S.
- 34.** RWAMAMARA M., 1987, *Gusoma no gusesengura imyandiko, umwaka wa gatantu V.A.: Ihugura ry'abarimu b'Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye (1987-1988)*, Kigali.

Imbuga nkoranyambaga

http://reb.rw/fileadmin/competence_based_curriculum/syllabi/Upper_Secondary/Ikinyarwanda_mu_mashami_y_indimi.pdf: ku wa 20/7-30/8/2016.

<http://documents.tips/documents/uturango-twikeshamvugo-mu-busizi-nyarwanda-bwubu.html>: ku wa 24/7-23/8/2016.

<http://umuco-nyarwanda.blogspot.com/>: ku wa 2/7-3/8/2016.

http://www.olny.nl/RWANDA/Recits_Populaires_Folk_Stories/S_Uzabakiriho_Ingeri_Ubuvanganzo.html: ku wa 27/6-30/8/2016.